

KUGANA YESU

Ellen G. White

Amakuru kuri iki gitabo.

Iki Gitabo cyerekana inzira y'agakiza, uko umunyabyaha ubuze amahoro yo mu mutima ashobora kwihana maze akiyunga n'Imana budaturutse ku mirimo myiza akora itegegetse n'amategeko, ahubwo binyuze mu buntu bw'Imana gusa, bwa bundi twaherewe muri Yesu Kristo Umwami n'Umucunguzi wacu. Iki gitabo kandi cyerekana uko urugendo rw'umukristo ujya mu ijuru rugomba gukomezwa no gusabana n'Imana binyuze mu masengesho hamwe no kwiga ijamba rya Yo buri muni, kugira ngo ubwo Umwami wacu Yesu Kristo agiye kwerekanwa ku bicu, azasange twese twiteguye.

Turizera ko muri iki gitabo, Ubutumwa burimo bugomba gukangura mu buryo buzima, kandi bugatera umusomyi gutumbira amaso ku kugaruka kwa Yesu aribyo bitsika imitima yacu twese, ndetse no kwitegura uwo muni.

Ni isengesho ryacu ko benshi bashyirwaho ikimenyetso cy'Imana nzima kugira ngo bizatume banyura mu gihe cy'umubabaro ugiye kuza, maze basanganire Umwami mu mahoro nk'ingaruka yo gushyira mu bikorwa ibiri muri iki gitabo.

Maranatha- Umwami Yesu araje!

Icyo wamenya ku mwanditsi.

Ellen G. White (1827-1915) niwe Mwanditsi wa mbere w’umunyamerika wanditse ibitabo byinshi byahinduwe mu zindi ndimi, umurimo we wo kwandika wahinduwe mu ndimi zirenga 160. Yanditse amapage arenga 100,000 yibanda ku ngingo z’iby’umwuka ndetse no ku buzima bwa muntu. Ayobowe na Mwuka Wera, yahaye ikuzo Yesu, kandi yerekana lbyanditswe byera nk’urufatiro rwo kwizera kwa buri muntu.

Ugusohoka kw’iki gitabo ni umurimo wakoze n’itsinda rishinzwe kurinda inyandiko za Ellen G. White rwitwa mu cyongereza “**Ellen G. White Estate.**”. Iki ni kimwe mu bitabo byinshi byanditswe n’Umuhanuzikazi Ellen G. White.

Sura urwo rubuga rwa **Ellen G. White Estate** kugira ngo ubashe kubona urutonde rw’ibindi bitabo bihari byasohotse.

IBIKUBIYE MURI IKI GITABO

Igice cya 1: Urukundo Imana Ifitiye Abantu	4
Igice cya 2: Uko Umunyabyaha akwiriye Kristo	9
Igice cya 3: Kwihana	14
Igice cya 4: Kwatura lbyaha	25
Igice cya 5: Kwitanga	29
Igice cya 6: Kwizera no Kwemera	34
Igice cya 7: Urugero rw'ubuyoboke	40
Igice cya 8: Gukurira muri Kristo	47
Igice cya 9: Imirimo n'Ubugingo	54
Igice cya 10: Kumenya Imana	60
Igice cya 11: Amahirwe yo Gusenga	66
Igice cya 12: Uko Gushidikanya Kwagenzwa	76
Igice cya 13: Kwishimira mu Mwami	81

Igice cya 1: Urukundo Imana Ifitiye Abantu.

Ibyaremwe n'ibyahishuwe byose byerekana urukundo rw'Imana. Ubugingo, n'ubwenge, n'umunezero, byose bikomoka kuri Data wa Twese wo mu ijuru. Ibyaremwe byiza bitangaza, ubyitegereje, wabona uburyo bikwiriye abantu n'uko bibazanira umunezero. Nyamara si abantu gusa, ahubwo uwo munezero ugera no ku byaremwe byose. Izuba rirava, n'imvura ikagwa, bikanzeza isi, bikayihembura.

Imisozi, n'inyanja, n'ibibaya na byo bitugaragariza urukundo rwa Rurema. Imana niyo itungisha ibyo yaremye byose igaburo ry'iminsi yose. Umugaragu w'Imana Dawidi, yari abizi, ni ko kuvuga ati:

“Amaso y'ibintu byose aragutegereza, Nawe ukabigaburira ibyo kurya byabyo, igihe cyabyo. Upfumbatura igipfunsi cyawe, Ugahaza kwifuza kw'ibibaho byose.”
Zaburi 145:15,16.

Imana yaremye umuntu wera rwose, kandi ufite amahoro y'umudendezo. Isi nziza nayo, ubwo yavaga mu maboko ya Rurema, nta kizinga cyo kwononekara yari ifite; nta n'igicucu cy'umuvumo cyayirangwagamo. Amakuba tugira, n'urupfu rwatugezeho, byazanywe no kwica amategeko y'Imana.

Nyamara, nubwo ibyaha byatuzaniye imibabaro, ariko urukundo rw'Imana ruracyagaragara. Byanditswe muri Bibiliya yuko Imana yavumye ubutaka ku bw'umuntu. (**Itangiriro 3:17.**) Amahwa, ibitovu, umuruho hamwe n'ibyago bitera abantu agahinda n'ishavu, byagenewe kubagirira akamaro, no kubigisha inama Imana ibafitiye yo kuzabasayura no kubakura mu buhanya no guhenebera byazanywe n'ibyaha.

Isi nubwo yazikamyeye mu byaha, ntirimwo ishavu n'ubuhanya gusa, ahubwo, aho tujya hose, tuhabona ibituzanira ihumure n'umunezero, ndetse no ku bitovu bihinyurwa hamera uburabyo bwiza bugaragaza ineza y'Imana.

Iri jambo ngo: “Imana ni urukundo” ryanditswe ku mugengararo w'ururabyo rwose, no ku katsi kose kamera. Utunyoni twiza turirimbira mu kirere. N'uburabyo bw'amabara meza buhumuza umwuka neza, n'ibiti by'inganzamarumbo byo mu ishyamba bihorana itoto, uko bingana byose bigaragaza uko Imana itugenzeza neza, nk'umubyeyi w'impuhwe wifuriza abana be kunezerwa.

Kugana Yesu

Ijambo ry’Imana ryerekana imico ya nyiraryo. Kandi rero, Imana ubwayo ni yo yigaragarije urukundo n’ibambe bitagira akagero ifitiye abanyabyaha. Igihe Mose yasabaga Imana ati:

“Nyereka ubwiza bwawe burabagirana.” Uwiteka yaramushubije ati: “Ubwanjye nzanyuza kugira neza kwanjye imbere yawe.” **Kuva 33:18, 19.**

Ukwo kugira neza kw’Imana ni bwo bwiza bwayo. Imana yaravuze iti: “Koko, Uwiteka n’Imana y’ibambe n’imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n’umurava mwinshi; igumanira abantu imbabazi, ikageza ku buzukuruza babo b’ibihe igihumbi, ibababarira gukiranirwa n’ibicumuro n’ibyaha.” (**Kuva 34:6,7**) Imana yacu “igira ubuntu n’imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi” (**Yona 4:2**), kuko “yishimira kubabarira.” (**Mika 7:18.**)

Mu isanzure ry’ijuru no mu isi, Imana yahadushyiriye ibimenyetso byinshi by’ineza yayo. Ariko rero, nubwo bimeze bityo, umwanzi w’ibyiza yahumye imitima y’abantu kugira ngo barebane Imana ubwoba, ngo Igira umwaga kandi yanga kubabarira. Satani atuma abantu batekereza ko ingeso ya mbere y’Imana ari ugucana imanza zitabera uburakari bwinshi, ngo ni umucamanza w’ubukana, n’umwishyuzwa w’intavumera utihangana habe na gato. Satani agereranya Rurema nk’umunyeshyari ugenzurira abantu kubashakamo ibicumuro n’ibyaho bafudikaho ngo abone uko yabagirira nabi.

Kugira ngo uwo mwijima w’icuraburindi utamururwe ku bantu, ni cyo cyatumye Yesu aza guturana n’abantu, ngo abahishurire urukundo rw’Imana ruhebuje. Umwana w’Imana yazanywe mu isi no kwerekana Se. “Uhereye kera kose ntihari hagira uwabonye Imana ahubwo Umwana w’ikinege, uri mu gituzwa cya Se, ni we wayimenyekanishije.” (**Yohana 1:18**) “kandi nta wuzi Umwana w’Imana keretse Se, kandi nta wuzi Se keretse Umwana w’Imana, n’umuntu wese uwo Mwana ashatse kuyimenyeshya.” **Matayo 11:27**

Ubwo umwigishwa umwe wa Yesu yamubazaga ati: “Twereke Data wa Twese,” Yesu yaramushubije ati: “Nabanye namwe iminsi ingana ityo, kandi ntiwari wamenya, Filipino? Umbonye aba abonye Data: n’iki gitumye uvuga uti: Twereke Data wa twese?” **Yohana 14:8, 9**

Yesu yasobanuye icyo yaje gukora mu isi, ati: “Uwiteka yansize ngo mbwire abakene ubutumwa bwiza, yantumye kumenyeshya imbohe ko zibohorwa, n’impumyi ko zihumuka, no kubohora ibisenzegeri.” (**Luka 4:18.**) Uwo ni wo murimo Yesu yaje gukora. Yajyaga hose akora ibyiza, agakiza abo Satani atwaza

Kugana Yesu

igitugu. Yesu akiri mu isi, hariho ibirorero bitabagamo iminiho, ku mpamvu z'uko yari yarabinyuzemo, akavura abarwayi babirimo bose.

Gukora kwe n'ingeso ze byagaragazaga yuko yari yasizwe n'Imana. Urukundo n'imbabazi, n'impuhwe, ni mwo ibyo yakoraga byose byakomokaga. Yari afite umutima w'imbabazi wo gukunda abana b'abantu. Yenze kamere y'abantu kugira ngo abone uko abakiza ubukene. Nta mukene cyangwa umurwayi urembye cyane watinyaga kumwegera. Ndetse n'abana bato bumvaga bamukunze. Bakundaga kumusanga, bakicara ku bibero bye.

Yesu ntiyigeze aryamira ukuri ho ijambo na rimwe. Yari azi uburyo bwo kugenza abantu, akabazirikana, akabitaho. Ntiyigeze atukana, nta bwo yacyahiraga ubusa. Nta bwo yababarizaga ubusa unyurwaho. Nta bwo yazinukwaga intege nke z'abantu. Yajyaga avuga ukuri, kandi akakuvugana urukundo iteka. Yeruraga uburyarya, no kutizera n'ibibi, ariko yabikoranaga ikiniga.

Yaririye Yerusalemu, umudugudu yakundaga, kuko bari banze kumwakira, kandi ari we Nzira, n'Ukuri n'Ubugingo. Bari bamwanze, ari we Mukiza; ariko yabarebanaga ibambe, afite agahinda. Yemeye kwigomwa no kubabara ngo abone uko abagirira akamaro. Umuntu wese yari afite igiciro mu maso Ye. Nubwo Yesu yari umunyacyubahiro, yemeye kwicisha bugufi kugira ngo abone uko asayura umunyabyaha wese.

Ingeso z'Imana ni na zo Kristo yerekaniye mu kubaho kwe. Imigezi y'impuhwe iva ku mutima wa Data wa twese, igatembera ku bana b'abantu, yagaragariye muri Kristo Yesu, Umukiza mwiza w'ibambe, yari Imana yigira umuntu.

Yesu yemeye kubabara no gupfa kugira ngo aducungure. Yabaye umunyamibabaro wamenyereye intimba, kugira ngo twebwe tugabane umunezero w'iteka.

Imana yemeye guhara umwana wayo ikunda, wuzuye ubuntu n'ukuri, gusiga ubwiza butarondoreka yahoranye mu ijuru, ngo aze muri iyi si y'igisibe yaremajwe n'ibyaha, irimwo umwijima w'icuraburindi, n'umuvumo w'urupfu. Yamwemereye kuva mu gituzo cya Yo, no gusiga igitaramo cy'abamaraika, ngo aze muri iyi si gukozwa isoni, no gushinyagurirwa, no kwangwa, no kwemera urupfu rw'umusaraba, ari twe azira.

“Ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha. Twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese.” **Yesaya 53:5, 6.**

Kugana Yesu

Nimumwitegereze ari mu butayu, n’i Getsemani, no ku musaraba! Mbega uburyo Umwana w’Imana utagira inenge yikoreye umutwaro w’ibyaha byacu!

Yesu, kuko yari kimwe n’Imana, yamenye mu mutima we itandukaniro riteye ubwoba ibyaha byashyize hagati y’Imana n’abantu, nubwo tutabizi, ariko ni byo byatumye arangurura ijwi, ataka ati “Mana yanjye, Mana yanjye, ni iki kikundekesheje?” **Matayo 27:46.**

Ubwo bwihotore bwa Yesu ntibwabereyeho gutera Imana umutima wo gukunda abantu, ngo yemere kubakiza. Ashwi da! “Kuko Imana yakunze abari mu isi, ni cyo cyatumye itanga Umwana wayo w’ikinege.” (**Yohana 3:16.**) Imana yadukunze Umwana wayo ataremera kutubera impongano. Yamuduhayeho inshungu kuko Idukunda.

Yesu ni we cyungo Imana yanyujijemo urukundo rwayo ruhebuje, ngo rusukwe ku bantu mu isi bari bararohamye mu isayo y’ibyaha “Kuko muri Kristo ariho Imana yiyungiyeye n’abari mu isi, ntiyaba ikibabaraho ibicumuro byabo.” **2 Abakorinto 5:19.**

Imana yababaranye n’Umwana wayo mu kababaro k’i Getsemani no mu rupfu rw’i Nyabihanga. Koko Imana yatanze igiciro gihebuje cy’agakiza kacu.

Nta wundi wari kubasha kuducungura rwose, keretse Umwana w’Imana gusa, kuko ari nta wundi wajyaga kutumenyesha Data wa twese, keretse uwo wari mu gituzo cye. Uburebure bw’igihagararo, n’uburebure bw’ikijyepfo bw’urukundo rw’Imana, nta wundi wabashaga kubumenyesha abandi, keretse uwari ubuzi. Nta kintu cyakwerekana uko Data wa twese yakunze abari bazimiye, keretse igitambo gihebuje cya Kristo cyatambiwe abantu baguye.

“Kuko Imana yakunze abari mu isi, ni cyo cyatumye itanga Umwana wayo w’ikinege.” Imana yangiye Umwana wayo kubana n’abantu, kugira ngo atwara ibyaha byabo, abe ari we uhanwa mu cyimbo cyabo, atangira ubugingo bwe gucungura ubwabo. Yesu yemeye kwigira nk’isanga n’ingoyi mu bikomerera abantu bose. Uwahoze ari kimwe n’Imana yifatanyishije n’abantu ingoyi zidacibwa. Ndetse Yesu ntiyagize isoni zo kutwita bene Se. **Abaheburayo 2:11.**

Yesu ni we watubereye igitambo. Ni we Muhuza wacu, kandi ni we Mukuru wacu, wenze kamere y’umuntu, akagera imbere y’intebe y’ubuntu, asa natwe. Umwana w’Imana yemeye kwitwa Umwana w’Umuntu: kandi ibyo byose yabyemereye kugira ngo abantu bave mu buhanya bwo guhenebera bwazanywe n’ibyaha, ngo bamenye urukundo rw’Imana, kandi ngo basangire umunezero w’abera.

Kugana Yesu

Inshungu twacungujwe, no kwihotora kutagira akagero kwa Data wa twese wo mu ijuru kwo gutanga Umwana we ngo adupfire: ibyo byose bikwiriye kutwumvisha urugero rushyitse dukwiriye kugeraho, rwerekaniwe muri Kristo.

Ubwo Intumwa Yohana yari amaze kuyoborwa n'Umwuka w'Imana, yitegereje uburebure bw'igihagararo, n'uburebure bw'ikijyepfo, n'ubugari bw'urukundo Data wa twese yakunze ab'isi bari abo gupfa. Ibyo byamuteye kuramya Imana, no kuyiha icyubahiro. Abuze amagambo yasobanuza ingano y'urwo rukundo rukomeye, biramutangaza, arumirwa, ni ko kubwira ab'isi ati: “Nimurebe urukundo ruhebuje, Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana!”

1 Yohana 3:1.

Mbega uburyo kwitwa abana b'Imana byatumye abantu bagira agaciro! Ibicumuro ni byo bihindura abantu ibiretwa bya Satani. Nyamara bene Adamu babasha kuba abana b'Imana kubwo kwizera impongano y'igitambo cya Yesu, kwambara kamere y'umuntu kwa Kristo, ni ko kwateye abantu kugira agaciro. Abantu baguye, iyo biyunze na Kristo, babasha rwose kuba bakwiriye kwitwa abana b'Imana.

Urukundo nk'urwo nta cyo twarugereranyaho. Ni rwo rwatumye twitwa abana b'Umwami wo mu ijuru. Mbega inkuru nziza y'inkoramutima dukwiriye kuzirikana kuruta byose! Mbega urukundo ruhebuje Imana yakunze ab'isi, batayikundaga!

Urwo rukundo ntirurondoreka, rutuma umutima wemera Imana, ukayigandukira, na Yo ikawugenza uko ishaka. Uko turushaho gushimikira kumenya ingeso z'Imana, no gutekereza umusaraba wa Yesu, ni ko turushaho kumenya impuhwe n'ibambe no kubabarirwa n'ukuri, no kutabera; ni na ko turushaho gushishoza n'ibindi byinshi bigaragaza urukundo rutagira akagero, n'ibambe Imana idufitiye, riruta iryo umubyeyi agirira umwana we wararutse.

Igice cya 2: Uko Umunyabyaha akwiriye Kristo.

Mbere, umuntu akiremwa, yari yahawe imico myiza, n’umutima uhuguka. Nta nenge yari afite, kandi yashyiraga hamwe n’Imana. Ibyo yatekerezaga byari imbonera, kandi ibyo yari agamije byareraga. Ariko kutumvira ni ko kwatumye imbaraga ze zishira, maze kwikunda gusimbura urukundo yakundaga Imana.

Umutima we udeburwa n’ibicumuro, bituma abura uko yakwitsindishiriza ubwe, ngo aneshe ibibi. Aba imbohe ya Satani, kandi rero yajyaga kugumya kuba yo iteka, iyo Imana itamugoboka, ngo Imuhagarareho. Imigambi y’umushukanyi yari iyo kugwabiza umugambi Imana yari ifitiye umuntu ikimurema. icyatumye Satani yuzuzwa isi agahinda n’umuze, kwari ukugira ngo abihereze ku Mana, ngo ni yo yabiremye.

Abantu bataracumura, buzuraga n’Uwo “ubutunzi bwose bw’ubwenge no kumenya bwahishwemo.” (**Abakolosayi 2:3**). Ariko, aho umuntu amariye gucumura, ntiyaba akinezewa n’ibyera, ni ko gushaka uko yakwihisha Imana. N’ubu ni ko bikimeze ku muntu utabyawe ubwa kabiri, ntabasha gushyira hamwe n’Imana, ndetse ntiyishimira kubana na Yo.

Umunyabyaha ntiyabasha kunezererwa imbere y’Imana, yakwiheza mu iteraniro ry’abera. Nubwo yakundirwa kugera mu ijuru, ntiyahasanga ibimunezeza. Urukundo rutikanyiza ruhaba rwamujijisha. Ibyo atekereza, n’ibyo yifuza, n’ibyo agambirira, byanyurana n’iby’abaziranenge baho. Ijwi rye ryasobana n’ay’abari mu ijuru. Kuba mu ijuru byamubabaza, kuko yabura uko yihisha Imana Yo ibera abakiranutsi umucyo n’umunezero. Kubuza umunyabyaha kujya mu ijuru si Itegeko ry’akarengane, ahubwo abanyabyaha ni bo bibuza, kuko batabasha gushyikirana n’ababa mu ijuru. Ubwiza bw’Imana bwababera umuriro ukongora. Bakwifuza kurimburwa kugira ngo batarebana n’Uwapfiriye kubacungura.

Ubwacu ntitwabasha kwisayura mu rwobo rw'ibyaha twarohamyemo. Imitima yacu iranduye, nta bwo twabasha kuyihindura ubwacu. “Ni nde wabasha kuvana icyiza mu kibi? Nta we.” (**Yobu 14:14**) “Kuko umutima wa kamere ari umwanzi w’Imana, kuko utumvira amategeko y’Imana, ndetse ntushobora kuyumvira.” (**Abaroma 8:7**)

Nubwo twagira ubwenge bwahe, n’ubuhanga, n’imbaraga, ntitwabasha kwihindura. icyakora, ibyo byose byabasha kwitondesha umuntu ku mugaragaro, ariko ntibyabasha guhindura umutima we wa kamere. Ntibyakweza amasoko y’ubugingo. Niba umuntu ashaka gucika ku byaha, akera, akwiriye kwakira ubugingo bushya buva mu ijuru. Ubwo bugingo bubonerwa muri Yesu. Ubuntu bwe bwonyine busa, ni bwo bubasha guhembura ingeso nziza z’umutima, no kuwegereza Imana ngo were.

Umukiza yaravuze ati: “Umuntu utabyawe ubwa kabiri, ntabasha kubona ubwami bw’Imana.” **Yohana 3:3**. Kwibwira yuko umuntu akwiriye kwiyoungura mu byo asanganywe byiza, ni ukwihamagarira urupfu. Ibyo ntibihagije. Umuntu uko ari ntavukana ibyiza by’Umwuka w’Imana: “kuko we abireba nkaho ari ubupfu: kandi ntabasha kubimenya, kuko byitegerezwa mu buryo bw’Umwuka. “Ntutangare kuko nkubwiye yuko bibakwiriye kubyarwa ubwa kabiri.” (**1 Abakorinto 2:14; Yohana 3:7**) Kristo yanditsweho ngo: “Muri we harimo ubugingo. Ubwo bugingo bwari umucyo w’abantu,” kandi “nta rindi zina muni y’ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo.” **Yohana 1:14; Ibyakozwe n’intumwa 4:12**.

Ntabwo bihagije kumenya ubugwaneza bw’Imana, no kureba kugira neza n’ibambe rya kibyeyi by’imico yayo. Ntibihagije kugenzura ubwenge bw’amategeko ya Yo, no gukiranuka kwayo, ukabona ko ashinzwe ku rufatiro rw’urukundo rudahanguka. Intumwa Paulo yari abizi, ni ko kuvuga ati: “Nemera amategeko, ko ari meza. Amategeko ni aya, ndetse n’itegeko ryose rirera, rirakiranuka kandi ni ryiza.” (**Abaroma 7:12,16**). Hanyuma abisongera ababaye mu mutima, afite

ubwoba ati: “Ariko jyewe ndi uwa kamere, ndetse naguriwe gutegekwa n’ibyaha.” **Abaroma 7:14.**

Paulo yifuzaga cyane kubonera no gukiranuka, akananirwa kubyishyikiriza, ni ko gutera hejuru, arataka ati: “Mbonye ishyano! ni nde wankiza uyu mubiri untera urupfu?” (**Abaroma 7:24**). Igisubizo ni kimwe gusa, ngiki ngo: “Nguyu Umwana w’Intama w’Imana, ukuraho ibyaha by’abari mu isi.” **Yohana 1:29.**

Yesu ni we nzira y’agakiza. Umwuka w’Imana yabishushanije mu buryo bw’ibwira, kugira ngo yumvishe neza abifuzaga gukizwa umutwaro w’ibyaha.

Ubwo Yakobo yari amaze kuriganya Esau umugisha, agahunga ava iwabo, yumvaga icyaha cye cyamutsikamiye, cyamugushije hasi; ari igicibwa, atagira shinge na rugero, yatanye n’ibintu byose bikundisha umuntu kubaho. Ariko ikirutaho, icyamuhagaritse umutima, n’uko yatinye yuko icyaha yakoze cyamutandukanyije n’Imana, kikamuvutsa ijuru.

Abura n’aho yacumbika ngo aryame, yikubita hasi afite agahinda, akikijwe n’imisozi gusa, imukubiye hagati, araharara burinda bucya. Hejuru hari ijuru ryakaho inyenyeri. Agisinziriye, abona umucyo utangaje urabagirana usāba ikibaya cyose aho yari aryame. Agiye kubona abona urwego runini ruvuye ku isi, umutwe warwo ugeze ku marembo yo mu ijuru. Abona abamaraika b’Imana baruzamukiraho, kandi barumanukiraho; maze yumva ijwi rivugira mu bwiza bwo mu ijuru rimubwira ubutumwa bwo kumurema agatima bumutera ibyiringiro.

Muri ubwo buryo, Yakobo yamenyeshejwe ibyo umutima we wifuzaga. Agaragarizwa neza uburyo umuntu nka we w’umunyabyaha yabasha kongera kuzura n’Imana. Rwa rwego rugera mu ijuru Yakobo yaboneye mu nzizi, rwashushanyaga Yesu, ari we Muhuza wenyine w’Imana n’abantu.

Urwo rwego ni rwo Yesu yabwiye Natanaeli, ubwo yavugaga ati: “Muzabona ijuru rikingutse, abamaraika b’Imana bazamuka bavuye ku Mwana w’Umuntu, bakamumanukiraho.” (**Yohana 1:51**). Igihe Adam na Eva basuzuguraga, batandukanye n’Imana; isi itandukana n’ijuru. Imanga yahise ijya hagati ituma umubano wo gusābāna ubura. Ariko, kubwa Kristo, isi yongeye guhuzwa n’ijuru. Kubaho Kwe kuboneye ni kwo Kristo yatindishije imanga yaciwe n’ibyaha, kugira ngo abamalaika bakorera Imana babone kubana n’abantu. Kristo ni we uhuzwa umunyabyaha w’intege nke, agatuma ashyikira imbaraga z’Imana zitagira akagero.

Kwibarira amajyambere kw’abantu ni ukugorwa n’ubusa, kandi imirimo myiza yose dukora yo gutuma abantu bajya mbere, nta cyo imaze, iyo tubikoze tutitaye kuri Sōko yIbyiringiro. “Gutanga kwose kwiza n’impano yose itunganye rwose biva ku Mana.” **Yakobo 1:17**. Nta wagira imico myiza, atayikomoye ku Mana. Kandi rero nta yindi nzira yo kujya ku Mana keretse Kristo wenyine. Yaravuze ati “Ni jye nzira, n’ukuri, n’ubugingo: nta ujya kwa Data ntamujyanye.” **Yohana 14:6**.

Umutima w’Imana ugirira abana bayo bo mu isi urukundo ruhebuje. Ubwo Imana itatwimye Umwana wayo, nta kindi yatwimye, ahubwo yahaze ibyo mu ijuru byose ku bwacu. Ukubaho kwera k’Umukiza, urupfu rwe, kuduhakirwa kwe, no guhendahenda kwa Mwuka Wera, byose bikubira hamwe kugira ngo bizanire abantu agakiza.

Yemwe! Tuzirikane igitambo gihebuje twatambiwe! Tugerageze gusobanukirwa n’umwete w’abo mu ijuru badufitiye, n’imirimo bakora, kugira ngo bagarure abazimiye mu rugo rwa Data wa twese. Nta migambi myiza isumba iyo: nta buryo bwaruta ubwo.

Ingororano ihebuje ibikiwe abakora neza; n’umunezero wo mu ijuru, n’umubano w’abamaraika; umwuzuro n’urukundo by’Imana n’Umwana wayo; ububasha bushyitse kandi butunganye rwose tuzahorana mu bihe bidashira, mbese ibyo byose ntibikwiriye kudutera guhakwa ku Mana n’Umucunguzi wacu, tubikuye ku mutima? Ubundi Imana itwerurira uko izacira icyaha ho iteka, kandi itugaragariza iby’igihano kitazakuka

Kugana Yesu

cyo kurimburwa buheriheri. Ibyo byose ni ibyo kutuburira kugira ngo tudahakwa na Satani.

Mbese twahinyura imbabazi z’Imana? Hari icyo yirengagije kudukorera se? Niba ari nta cyo, tujye tumerera uko bikwiriye Uwadukunze urukundo ruhebuje. Nuko, ni mucyo dukoreshe umwanya twahawe, kugira ngo duhinduke, tumere nka Yesu, dusubire kubana n’abamaraika; tugire ubumwe bushyitse bw’isanga n’ingoyi, twuzure na Data wa twese n’Umwana we.

Igice cya 3: Kwihana

Mbese umuntu yatsindishirizwa n’Imana ate? Umunyabyaha yahinduka umukiranutsi ate?

Kristo ni we wenyine ubasha kutwuzuzwa n’Imana, ngo twere. Ariko se, ni iki cyatugeza kuri Kristo? Abantu benshi bajya babaza ibyo abo ku muni wa Pentekote babajije, ubwo bemezwaga ibyaha byabo, bakarangurura bati: “Tugire dute?” Ijambo rya mbere Petero yabashubije ni iri ngo: **“Nimwihane.”** Bidatinze yongerera kubabwira ati: **“Nimwihane, . . . muhindukire,” Ibyakozwe n’intumwa 2:38, 3:19**

Hariho benshi bayoberwa kwihana nyakuri. Abantu benshi baterwa agahinda n’uko bacumuye, ndetse bagahinduka bya nikize kuko batinya ingaruka yabyo. Bene uko si ko kwihana Bibiliya yigisha. Barizwa n’ishyano bagusha aho kurizwa n’ibyaha; nkuko Esau yagenje abonye ko abuze burundu umugisha wo kuragwa ibya se. Na Balamu, wari wishwe n’ubwoba cya gihe malaika yari amuhagaze imbere, afite inkota mu ntoke, yemeye ibyaha bye kuko yatinye gupfa, ariko nta bwo yari yarihanyeye ibyaha bye by’ukuri. Umutima we ntiwari wahindutse, ntiyari yazinutswe ibibi. **(Kubara 22:34)**

Yuda Isikariyota, amaze kugambanira Umwami, yaratatse ati “Nakoze icyaha, kuko nagambaniye amaraso adafite urubanza.” **(Matayo 27:4).** Yemejwe n’umutima ucumuye, yumva urubanza ruteye ubwoba rumuriho, atinya amateka y’Imana. Amaherezo y’ibyo yari yakoze yatumye amarwa n’ubwoba, ariko mu mutima we nta shavu rikomeye rishenjagura umutima ryari rimurimo Yari yagambaniye Umwana w’Imana utagira inenge, akihakana Uwera w’Isiraeli.

Farawo na we ubwo yababazwaga n’amateka yari yaciriweho n’Imana, yemeye ibicumuro bye, kugira ngo akire ibindi byago, ariko iyo icyago cyashiraga, yongeraga kwigamba ku Wo mu ijuru. Abo bose barizwaga n’ingaruka y’ibyaha, ntibigeze barizwa n’ibyaha ubwabyo.

Ariko, iyo umutima uyobotse icyo ubwirijwe n'Umwuka w'Imana, urakanguka, utangira gusobanukirwa, ukamenya uko amategeko y'Imana no kwera kwayo bisobanurwa, ukamenya ko amategeko ya Yo ari yo rufatiro rw'ubutware bwayo bwo mu ijuru, no mu isi. “Umucyo uvira umuntu wese uza mu isi!” (**Yohana 1:9**), ugatangaza ibihishwe byo mu mutima, nuko bigaherako bigahishurirwa Uwo muntu akemezwa mu mutima we no mu bwenge bwe, akumva ko Imana ikiranuka, agafatwa n'ubwoba bwinshi kuzahagararana ibyaha bye n'amahumane ye imbere y'Ugenzura imitima. Iyo amaze kubona urukundo rw'Imana ruhebuje, n'amahirwe n'umunezero bizanwa no kwera, ni ho umuntu yifuza cyane gutunganywa no gusubira kugira umushyikirano n'abo mu ijuru.

Ishengesho rya Dawidi, amaze gucumura, ryerekana ishavu ry'ukuri ry'ibyaha iryo ari ryo. Kwihana kwe kwabaye ukw'ukuri ntikwārimwo uburyarya. Ntiyagerageje gupfobya ibyaha bye, kandi ishavu yari afite ntiryatewe n'uko ashaka gukira amateka yari agiye gucirwaho. Ahubwo Dawidi yumvise ko igicumuro cye cyari gikabije: yabonye uko cyahumanije umutima we, yumva akizinutswe. Ntiyasabaga imbabazi gusa, ahubwo yasabaga ko n'umutima we ubonezwa. Yifuzaga cyane umunezero uzanwa no kwera, ngo abone gushyikirana n'Imana, babane. Ni ko gusuhuza umutima, aravuga ati:

“Hāhirwa uwababarire ibicumuro bye, ibyaha bye bigatwikirwa Hāhirwa umuntu Uwiteka atabaraho gukiranirwa.” **Zaburi 32:1, 2.**

“Mana, umbabarire kubw'imbabazi zawe. Kubw'imbabazi zawe nyinshi usibanganye ibicumuro byanjye. Unyuhagire rwose gukiranirwa kwanjye, Unyeze unkureho ibyaha byanjye. Kuko nzi ibicumuro byanjye, Ibyaha byanjye biri imbere yanjye iteka. Ni wowe, ni wowe ubwawe nacumuyeho, Unyejeshe ezobu, ndera, unyuhagire, ndaba umweru ndushe shelegi. Undememo umutima wera; unsubstizemo umutima ukomeye. Ntunte kure yo mu maso yawe; ntunkureho Umwuka wawe wera, Unsubstizemo kunezezwa n'agakiza kawe; Unkomereshe umutima wemera. Unkize urubanza rw'amaraso y'undi. Ayī Mana, ni

wowe Mana y agakiza kanjye Ururimi rwanjye ruzaririmba cyane gukiranuka kwawe.” **Zaburi 51:1-14.**

Kwihana nk’ukwo, ubwacu ntitwabasha kugusohoza kuko kubonerwa muri Yesu gusa, wazamuwe mu ijuru, agaha abantu iyo mpano. Ibyo ngibyo biyobya abantu batari bamwe, bigatuma babura icyo Kristo yifuza kubafashisha. Bibwira yuko bitashoboka gusanga Kristo batabanje kwihana, ngo kwihana kubaringaniriza kubabarirwa ibyaha. icyakora, kwihana kubanziriza kubabarirwa kw’ibyaha koko, kuko umutima umenetse ushenjaguwe ni wo gusa wumva ko ukwiriye Umukiza. Ariko se, umunyabyaha yarindira kwihana ngo abone gusanga Yesu? Mbese kwihana ni kwo kwaba inkomyi yo kubuza umunyabyaha Umukiza we?

Bibiliya ntivuga ko umunyabyaha akwiriye kubanza kwihana ngo hanyuma y’aho abone kwitaba kurarika kwa Yesu. Umukiza wacu araturarika ati: “Nimuze aho ndi, mwese abarushye n’abaremerewe, ndabaruhura.” **Matayo 11:28.**

Imbaraga iva muri Yesu ni yo itera kwihana nyakuri. Petero yarabyeruye igihe yabwiraga Abisiraeli, ati: “Imana yaramuzuye, imushyira iburyo bwayo, ngo abe ūkomeye n’Umukiza, ngo aheshe Abisiraeli kwihana no kubabarirwa ibyaha.” (**Ibyakozwe n’intumwa 5:31**). Uko tutabasha kubabarirwa tudafite Yesu, ni na ko tutabasha kwihana tudafite Umwuka we ukangura imitima.

Kristo ni we Soko y’imigambi yose itunganye. Ni we wenyine ubasha gutera umutima kwanga ibyaha. Gushishikarira iby’ukuri no kubonera, no kwemezwa ibyaha byacu, ni tubigira, ni ibihamya byerekana ko Umwuka wa Yesu akorera mu mitima yacu.

Yesu yaravuze ati: “Ni manikwa hejuru y’isi, nzikururiraho bose.” **Yohana 12:32.** Umunyabyaha akwiriye guhishurirwa Kristo, akamenya ko ari we Mukiza wamanitswe ku musaraba, azira ibyaha by’ab’isi. Iyo twitegereje Umwana w’Imana ku musaraba w’i Kalvari, ni bwo

duhishurirwa ibiyoberane by'agakiza, maze kugira neza kw'Imana kukadutera kwihana.

Ubwo Yesu yapfiraga abanyabyaha, yagaragaje urukundo rutarondorwa adukunze; kandi umunyabyaha utumbiriye urwo Rukundo, rudohora umutima we, rukamutera gutekereza, akabura uko agumya kurwanya Yesu, akitanga burundu.

Haba ubwo ibibi by'abantu bibakoza isoni, bigatuma bareka ingeso zabo mbi zimwe, bataramenya ko ari Kristo ubareshya. Iteka, iyo abantu bagerageza guhinduka ukundi, babikuye ku mutima, imbaraga ya Kristo, ni yo iba ibareshya. Nubwo baba batabizi, haba hariho igitota imitima yabo, Kiyikangura, Kibatera guhinduka ukundi.

Ibibi byo mu kubaho kwabo, n'icyaha cya kamere cyo mu mutima, byose barabihishurirwa, bagatangira kugira icyo bumva cy'igitangaza cyo gukiranuka kwa Yesu, bakumirwa, bati: “Mbese icyaha ni iki kugira ngo kirahirirwe igitambo kingana gityo? Mbese urukundo rungana rutyo, n'uwo mubabaro wose, n'agashinyaguro kose, ni ukugira ngo dukire urupfu, tuzabone ubugingo budashira?”

Icyakora, umunyabyaha yashaka, yabasha kwanga urwo rukundo ruhebuje; yabasha no kwanga kwegerezwa Yesu; ariko, atanze, yamwegerezwa. Yamara kumenya inama y'agakiza, bigatuma agera ku Musaraba, akihana ibyaha bye Umwana w'Imana yazize.

Umwuka w'Imana, ubeshaho ibyaremwe, ni We utota imitima y'abantu, Akayitera kuzinukwa burundu ibyo bari bakennye. Ibyo muri iyi si bajyaga bakunda, ntibibe bikibasha kunyura imitima yabo. Umwuka w'Imana abahendahendera gushakashaka gusa ibyabazanira amahoro n'ihumure, ari byo mbabazi za Yesu, n'umunezero uzanwa no kwera.

Umukiza wacu ntahwema gukuruza imitima y'abantu ibiboneka n'ibitaboneka, kugira ngo bareke ibyo kwinezeza bitagira umumaro, babone amahirwe atagira ingano, amubonerwamo. Abantu bose barushywa n'ubusa, bishakira amazi mu mariba yakamye, Imana

ibatumaho, ngo “Ūfite inyota aze, Ūshaka ajyane amazi y’ubugingo ku buntu.” **Ibyahishuwe 22:17.**

Mwebwe mwese, abifuriza ibyiza biruta ibibonerwa muri iyi si, mumenye yuko ari ijwi ry’Imana ribwiriza imitima yanyu. Nimuyisabe, kugira ngo ibahe kwihana, no kugaragarizwa Yesu, kubw’urukundo rwayo ruhebuje, n’uko aboneye rwose.

Mu kubaho k’Umukiza, ni mwo urufatifo rw’amategeko y’Imana rwagaragarijwe. Kugira neza, n’urukundo rutikanyiza, ni byo byari kamere ye. Iyo twitegereje Umukiza, ni bwo umucyo umuvaho uturasiraho, bigatuma twibonaho ububi bw’ibyaha byo mu mitima yacu.

Ahari twigize shyashya nka Nikodemo, tugira ngo ukubaho kwacu kuraboneye, n’ingeso zacu ziratunganye, twibwira ko ari nta cyatuma twicisha bugufi imbere y’Imana, nkuko bikwiriye abandi banyabyaha. Ariko, iyo umucyo wa Yesu urasiye mu mitima yacu, ni ho tubona ububi bwacu, tukamenya uko twikanyiza, n’ūko twanga Imana, kandi ko ari byo byatwanduje. Ni ho twimenyaho yuko gukiranuka kwacu kumeze nk’ubushwambagara bufite ibizinga, n’ūko ari nta kintu cyera cyirabura cyadukiza ibyaha byatwanduje, kitari amaraso ya Yesu.

Umwambi w’umucyo uvuye ku bwiza bw’Imana, akambi k’isuku ya Kristo, iyo birasiye mu mitima, bigaragaza akazinga kose, Iyo kava kakagera, bigahishura ubugoryi n’inenge yose by’umutima w’umuntu. Bigaragaza kwifuzwa kubi kwose, n’ubuhemu bw’umutima, n’uko iminwa ivuga ibyanduye. Ubugome bwose bw’umunyabyaha bwo guhindura ubusa amategeko y’Imana, iyo abugaragarijwe n’Umwuka Wera w’Imana, bituma ashenguka umutima, akababara cyane. Uko yitegereza imico myiza ya Yesu itagira inenge, ni ko arushaho kwizinukwa.

Igihe umuhanuzi Danieli yitegerezaga ubwiza bwa Maraika wamutumweho, avuye mu ijuru, yacitse intege, abonye uko yanduye. Asobanura ibyamubayeho yaravuze ati “Sinasigarana intege, kuko ubwiza bwanjye bwampindukiye mo ububore ndatentebuka.” **(Danieli**

10:8). Ni ko umuntu ukozwemwo atyo azajya agaya kwikanyiza no kwikunda kwe, ashake umutima uboneye, ushyira hamwe n'amategeko y'Imana abiheshejwe na Kristo.

Paulo avuga yuko kubwo “gukiranuka kuzanwa n'amategeko” (**Abafilipi 3:6**), nta wabona icyo amugaya, akurikije imirimo igaragara itegegetswe n'amategeko. Ariko amaze kurondora ibitagaragara by'umwuka bitegetswe na yo asanga ari umunyabyaha.

Uwakurikiza uko amategeko avuga, yasanga ko Paulo atakoze icyaha; ariko we ubwo yaroraga uko amategeko asobanurwa mu by'umwuka, akireba uko Imana imureba, byamuteye kwicisha bugufi no kwerura ibicumuro bye; ni ko kuvuga ati: “Nanjye kera nari muzima ntafite amategeko, maze itegeko rije icyaha kirahembuka mperako ndapfa.” (**Abaroma 7:9**). Paulo, abonye uburebure bw'ibyho amategeko arondora, ibyaha bimugaragarira ko ari bibi biteye ubwoba, ntiyaba acyishima.

Imana ntivuga ko ibyaha byose bifite urugero rumwe. Umuntu afite ingero z'ibyaha, kandi n'Imana na Yo irazifite. Ariko igicumuro kibaye gito mu maso y'umuntu, mu maso y'Imana kiba kinini, kuko ari nta gicumuro kiba gito imbere yayo. Iyo umuntu aciye urubanza rubamo kubera, ntirutungana; ariko Imana igerera byose uko biri.

Koko Umusinzi anegurizwa izuru, abwirwa ko icyaha cye kizamubuza kujya mu ijuru; ariko uwirarira, n'uwikanyiza n'uwifuza, haba ubwo bo batabihanirwa. Nyamara ibyo byaha na byo Imana ibyanga urunuka; kuko biciye ukubiri n'ubugwaneza bw'imico yayo, na rwa rukundo rutikanyiza rugose amasi ataraguye. Ugwa mu cyaha gikomeye, haba ubwo agira isoni, akumva akennye imbabazi za Kristo; ariko uwirarira we, ntiyumva ko hari icyo akennye, yanga gukingurira Kristo umutima we, akavuka umugisha ukomeye yatugeneye.

Wa mukoresha w'ikoro wasabaga ati: “Mana, mbabarira, ndi umunyabyaha,” yari yiyumvisemo ko ari inkozi y'ibibi, yibwira kandi yuko n'abandi ariko bamuzi. Yari azi icyo akennye, ni ko gusangana Imana umutwaro w'ibyaha, kandi akozwe n'isoni, yifuza ko

imubabarira. Yari yugururiye Umwuka w’Imana umutima we, ngo abone uko amukoreramo, amubātūre, amukure mu bubata bw’ibyaha.

Ariko gusenga k’umufarisayo ko kwirata, no kwigira shyashya, kwagaragaje ko umutima we utifuza kugibwamo na Mwuka Wera. Ntiyari azi ko Imana iboneye, kandi yera, kuko yari kure yayo. Ntiyumvaga ko hari icyo akennye, ni ko kutagira icyo ahabwa.

Ni muramuka mumenye ibyaha byanyu, ntimugatinde kubicikaho. Benshi bibwira yuko ibibi byabo bibabuza gusanga Kristo. Mbese mwibwira ko ari mwe muzigira beza? “Mbese Umwetiopiya yabasha guhindura umubiri we, cyangwa ingwe ubugondo bwayo?” Namwe ni ko mutābasha gukora ibyiza kandi mwamenyereye gukora ibibi. **(Yeremia 13:23).**

Nta wundi ubasha kudufasha keretse Imana yonyine gusa. Twē kurindira ikindi gihe, twe kuganyiriza ngo twemezwe kurutaho, cyangwa ngo turindire uburyo buruta ubwo twabonye, cyangwa ingeso ziboneye ziruta izo dufite. Ubwacu nta cyo twabasha kwimarira.

Dukwiriye gusangana Yesu imitwaro yose y’ibyaha dufite. Ariko rero, he kugira abishuka no kwibwira ngo Imana, ubwo ari Inyarukundo, izakiza n’abanga imbabazi zayo. Ububi bw’ibyaha buteye ubwoba, bubasha kugerwa gusa, iyo umucyo w’umusaraba uburasiyeho.

Abavuga ko ubugwaneza bw’Imana butazacira umunyabyaha ho iteka, nibitegereze umusaraba w’i Kalvari. Kristo yishyizeho ibicumuro by’abagome, ababazwa mu kigwi cy’abanyabyaha, kuko ari nta yindi nzira abantu bajyaga gukirizwamo. Atari kubw’icyo gitambo, nta wajyaga gukira urukongi rw’imbaraga y’ibyaha, no gusubira kūzura n’abera; kandi nta bwo twajyaga kugabana ku by’umwuka.

Urukundo rw’Umwana w’Imana, n’umubabaro yababajwe, n’urupfu yapfuye, byose byerekane uko ibyaha bikabije kuba bibi, kandi byerekana yuko ari nta wabiva mu nzara, ngo yiringire kuzahabwa ubugingo bwo mu ijuru, keretse yeguriye Kristo umutima we.

Kugana Yesu

Hari ubwo abatizera bikirisha Abakristo, bati: “Ntibandusha kwitonda. Ntibandusha kwirinda no kwifata neza. Bakunda ibibanezeza no gukora ibyo bishakiye nkanjye.” Ibikwiriye Abakristo, abatizera bananirwa gukora, babyikirisha ibicumuro by'abandi batyo. Ariko rero, ibyaha n'ibicumuro by'abandi, ntawe uzabigira urwitwazo ngo abyikirishe, kuko umuntu Uwiteka yaduhayeho icyitegererezo atari umuntu uyoba.

Umwana w'Imana utagira inenge, ni we twahaweho icyitegererezo. Abagaya Abakristo, ikibakwiriye, ni ukwitunganya no kwitondera uko bifata ubwabo, bataratungira abandi urutoke. Mbese, niba bazi urugero rw'Abakristo, uko rukwiriye kungana, icyaha cyabo ntigikabije kurutaho? Bazi ibitunganye, bakanga kubikora. Ntimukaragirize kwihana! Ntimukarindire kuzareka ibyaha byanyu ikindi gihe, no kwishakira umutima uboneye kubwa Yesu. Ngaho, aho abantu ibihumbi byinshi bayobera, bakazimira buheriheri.

Ubu sinshaka kubarambira, mbatekerereza uko uku kubaho ari kugufi, nuko tutagutegeka, kuko musanzwe mubizi. Ariko rero, icyo nshaka kubagaragariza, ni uko kuragiriza, no gutinda kwemera kūmvira ijwi ry'Umwuka Wera w'Imana riduhendahendera guhitamo, ari akaga kabi gateye ubwoba, nubwo benshi batabizi.

Akaha, nubwo twakwibwira ko ari gato, twakagundira, kāzadushyira mu kaga ko gupfa buheriheri. Icyaha tudatsinda kizadutsinda kiturimbuzwe. Adamu na Eva bibwiraga yuko ikintu gito nk'icyo kurya itunda ryabuzanijwe, kitazana amakuba akomeye angana n'ayo Imana yari yavuze. Ariko rero, ako kantu gato kari ukwica itegeko ry'Imana ryera ridahinduka, kandi ni ko katandukanije Imana n'abantu.

Ni ko kagomororeye isi yacu urugomero rw'urupfu n'ibyago byinshi bitavugwa. Mu miryango yose uko ikurikirana mu isi, hahora hazamukamo umubōrōgo mwinshi, watewe n'ubugome bw'umuntu. Kandi ibyaremwe byose bihora binihira hamwe, bikagira ibise. Ndetse ubwo bugome, umuntu yagomeye Imana, bwakoze no ku ijuru. I Kalvari hasigaye ari urwibutso rw'igitambo gihebuje Imana yatanze

cyahongerewe ibicumuro byo kwica itegeko ryera abantu bacumuye. Ntitukarebe icyaha, ngo tugisuzugure, ngo ni ikintu gito.

Igicumuro cyose mucumura, n'ubuntu bwa Kristo mwirengagiza mugahinyura; ingaruka yabyo izabakoraho. Gukora ibyo bibatera kwintangira imitima, bigatuma ubwenge bugwa ikinya, ntibube bukibabazwa n'ibyaha.

Benshi bifata mu mugongo, bagahumuriza imitima ibabaye, ngo bazava mu bibi igihe bishakiye. Bibwira yuko bashobora gukinisha imbabazi z'Imana, ngo ntizazibakuraho. Bibwira ko ni bamara guhinyura Umwuka w'imbabazi, bagahitamo Satani, ngo ni babona ishyano ribagwiriye, ni ho bazahinduka. Ariko ibyo ntibikunda kuboneka. Akamenyero ko mu bugingo, iyo kamaze kurema imico, bikomerera umuntu cyane ntabashe kwifuza gusa na Yesu.

Ndetse ingeso mbi imwe nsa, no kwifuza kubi kumwe, iyo bigundiriwe kera, birashyira bigahindura ubusa imbaraga zose z'ubutumwa bwiza. Igicumuro cyose umuntu agundiriye kimutera umutima wo kurushaho kwanga Imana. Umuntu wanga ukuri kw'Imana yeruye, azasarura ibyo yabibye. Muri Bibiliya yose nta kuburira abakinisha ibyaha, kuruta uk'umunyabwenge yavuze, ubwo yavugaga ati: “Umunyabibi azafatwa n'ibibi bye; kandi azakomezwa n'ingoyi y'icyaha cye.” (**Imigani 5:22.**)

Kristo yiteguye kudukiza ibyaha, ariko ntahata utabishaka: kandi niba umutima wacu ushimikiriye ibibi kuko twabigize akamenyero, tukanga gukizwa n'imbabazi za Kristo, yashobora gukora kindi ki? Tuzaba twiyahuye kuko twanze urukundo rwe twihenuye. “Dore none ni cyo gihe cyo kwemererwamo, dore none ni wo munsu wo gukirizwamo.” (**2 Akaborinto 6:2.**) “Uyu munsu ni mwumva ijwi ryayo, ntimwinangire imitima yanyu.” (**Abaheburayo 3:7, 8.**)

“Umuntu areba ibigaragara, ariko Uwiteka we, areba mu mutima.” (**1 Samweli 16:7.**) Uwiteka areba mu mutima w'umuntu, aho umunezero n'agahinda bikunda kubisikanira; uwo mutima utaguma hamwe, uyoba

w'ikirara, icumbi ry'uburiganya bwinshi n'ubuhenzi; Uwiteka azi ibyo utekereza, n'icyo ugambiriye gukora cyose, n'uko uzagenza.

Nuko nimumusangane umutima wanyu wanduye uko uri kwose. Mugenze nka Dawidi, mwugururire amarembo yawo yose ijisho ry'Ubona byose, muti: “Mana, ndondora, umenye ibyo ntekereza. Urebe yuko hariho inzira y'ibibi indimo, unshorere mu nzira y'iteka ryose.”
Zaburi 139:23, 24.

Benshi b'umutima udatunganye bemera idini bya nikize, bagira ishusho yo kubaha Imana, kandi batabikuye ku mutima. Mwebweho mujye musenga mutya, muti:

“Mana, undememo umutima wera, unsubstizemo umutima ukomeye.”
(Zaburi 51:10.) Mwe kwihenda ubwenge, mwe kurambirwa, ahubwo mushishikare nkuko mwabigenza mushaka gukiza ubugingo bwanyu. Mwikiranure n'Imana mu mitima yanyu. **Ni mwiringira mushidikanya muzarimbuka.**

Nimujye mwiga ijambo ry'Imana musenga, kuko ari ryo ribagaragariza ingingo zikomeye zo kwera zibonerwa mu mategeko y'Imana no mu kubaho kwa Kristo. Umuntu yazibura, “ntazareba Imana” **Abaheburayo 12:14.** Ijambo ry'Imana ritwemeza ibyaha, ritugaragariza rwose inzira y'agakiza. Mujye muryitaho ribabere ijwi ry'Imana rivugana n'imitima yanyu.

Uko mubona uko ibyaha bikabya n'uko mumeze, ntimugakuke imitima, ngo mwihebe. Abanyabyaha ni bo Kristo yazanywe no gukiza, ntabwo ari twe twakwiyuzuzura n'Imana, ahubwo ni mwumve urukundo ruhebuje rw'Imana yari muri Kristo, “yiyuzuzura n'abari mu isi.” **(2 Abakorinto 5:19.)** Ihendahendesha imitima y'abana bayo bayobye urukundo rwayo rukomeye. Nta mubyeyi wo muri iyi si wakwihanganira ibicumuro n'amafuti by'abana be, nk'uko Imana yihanganira abo ishaka gukiza. Nta minwa y'abantu yarusha Imana kwingingana ikirara urukundo. Amasezerano yayo yose, n'imiburo yayo, bikomoka ku rukundo rutangaje.

Satani naza kukubwira yuko uri umunyabya bitangaje, uhangе amaso Umucunguzi wawe, uvuge icyo akumariye. Wemere ibyaha byawe, ariko ubwire Umwanzi uti “Kristo Yesu yazanywe mu isi no gukiza abanyabyaha.” **1 Timoteyo 1:15**. Kandi umubwire ko ubasha gukirishwa urukundo rwe rutangaje.

Hari ubwo Yesu yabajije Simoni iby’abantu babiri bari mo imyenda ya Shebuja. Umwe yishyuzwaga bike, undi yishyuzwaga byinshi, Shebuja ayibaharira bombi. Nuko Yesu abaza Simoni uwarusha undi gukunda Shebuja uwo ari we Simoni, aramusubiza ati “ni Uwo yababariye byinshi.” (**Luka 7:43**.) Natwe twari abanyabyaha bikabije, ariko Kristo yapfiriye kugira ngo tubabarirwe.

Igitambo cyе cyo kutwitambira kirahagije, Kibasha kutwishyurira umwenda wacu ku Mana. Abo Kristo yababariye byinshi ni bo bazamukunda kurushaho. Ni bo bazegera intebe y'ubuntu bamushimire igitambo gitangaje yabatambiwe. Iyo turushijeho kwumva urukundo rw’Imana, ni ho turushaho kumenya ububi bw’ibyaha, iyo tubonye uburebure bw’umunyururu watumanukiyeho kudutabara, iyo dusobanukiwe ho hato iby’igitambo cya Kristo kitagira akagero, cyatambwe kubwacu, ni ho umutima ushenjagurishwa urukundo n’ishavu.

Igice cya 4: Kwatura Ibyaha.

“Uhisha ibicumuro bye ntazagubwa neza: ariko ubyatura akabireka, azababarirwa.” **(Imigani 28:13)** Ibitera Imana kubabarira ntibiruhije, ni ibintu byoroshye, kandi birakwiriye. Uwiteka ntatubaza amananiza ngo tubone kubabarirwa ibyaha. Ntidukwiriye gukubita urugendo rurerure rw’agahanyu no kugwa agacuho, cyangwa kwihotora kugira ngo Imana yo mu ijuru ikunde kutwitaho, cyangwa kwihongerera ibicumuro byacu: ahubwo, uwatura ibyaha bye, akabireka, ni we ubabarirwa.

Intumwa Yakobo yaravuze ati: “Mwaturirane ibyaha byanyu, musabirane kugira ngo mukizwe.” **Yakobo 5:16.**

Ibyaha byanyu mubibwire Imana: ni yo yonyine ibasha kubababarira; kandi ibicumuro mwagiriranye mubyaturirane. Niba waracumuye kuri mugenzi wawe, cyangwa ku muturanyi, ukwiriye kwemera igicumuro cyawe, kandi na we akwiriye kukubabarira ataziganije. Maze uhereko ushakashake imbabazi z’Imana, kuko mugenzi wawe uwo wamucumuyeho ari uw’Imana, kandi ubwo wamugiriye nabi wacumuye ku Yamuremye, n’Uwamucunguye. Urwo rubanza rugezwa imbere y’Umuhuza, ari we Mutambyi wacu mukuru “wageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse yuko atagize icyaha yakoze” ndetse “ababazwa n’intege nke zacu,” kandi abasha kudukiza ikizinga cyose cy’icyaha. **Abaheburayo 3:15**

Abaticisha bugufi imbere y’Imana, ngo bemere ibicumuro byabo, baba batarashyikira amendeze yo kwikiranura. Niba twarihannye ibyaha byacu, maze hanyuma tukicuza icyaduteye kubyihana, tukigaya, tuba tutigeze gushaka kubabarirwa ibyaha by’ukuri. Niba tuticuza by’ukuri nta mahoro y’Imana twabona. Impamvu imwe rukumbi yatuma tutababarirwa ibyaha twakoze, ni uko twakwanga kwicisha bugufi no gukurikiza uko Ijambo ry’Imana rivuga, kuko ari ryo rigaragaza neza inzira nziza ya ngombwa umuntu anyuramo yicuza.

Kwaturira ibyaha mu ruhame rw'abantu, cyangwa ku muntu umwe, uko ari kwo kwose, gukwiriye kuva ku mutima, kutazinzitswe.

Umunyabyaha ntakwiriye kuvuga ibyaha bye ku gituna. Umuntu ntakwiriye gupfa kubikora atabyitayeho. Utazi kuzinukwa ibyaha icyo ari cyo, ntakwiriye kubihatirwa.

Kwatura ibyaha, ubikoze ubikuye ku mutima koko, kukubera inzira ikugeza ku Mana y'imbabazi zitagira akagero. Umunyezaburi yaravuze ati: "Uwiteka aba hafi y'abafite imitima imenetse, kandi akiza abafite imitima ishenjaguwe." **Zaburi 34:18.**

Kwatura ibyaha k'ukuri kuraromboreza, kukemera ibyaha nkuko biri, ntigukikira. Hariho ibyaha bibwirwa Imana gusa; hariho ibindi bikwiriye kubwirwa ababigiriwe. Niba ari ibyaha byakorewe ku mugaragaro, bikwiriye kuvugwa ku mugaragaro. Nyamara, kwatura ibyaha kwose gukwiriye kwerura, ntigukikire, ikintu cyose kikavugwa nkuko kiri, icyaha cyose kikaturwa mu izina ryacyo.

Mu gihe cya Samweli, Abisiraeli bimuye Imana, batezwa ibyago ku mpamvu z'ibyaha; kuko bari baretse kwizera Imana, bari bayobewe guhitamo imbaraga ya Yo n'ubwenge bwo gutwara ubwoko bwabo. Bari baretse kwiringira ububasha bwayo bwo guhagarikira no kurengera ibyabo. Baheraho banga Rurema, Umutware w'ibyaremwe byose, bashaka gutwarwa nk'ayandi moko yose yari abakikije.

Batarabona amahoro, babanje kwerura rwose icyaha, bati: "Ku byaha byacu byose, twongeyeho icyo cyago, twatse umwami wo kudutwara." (**1 Samweli 12:19**). Icyo cyaha bari bakoze, ni cyo bari bakwiriye kwatura nyine. Kutanyurwa kwabo kwabatwaye umutima, kubatandukanya n'Imana.

Kwatura ibyaha kudatewe n'agahinda kabyo, kandi kudaturutse ku kwihana nyakuri, ntikwemerwa n'Imana. Ingeso zikwiriye guhinduka ukundi rwose, ikibabaza Imana cyose gikwiriye kurekwa.

Ngayo rero, amaherezo y'agahinda nyakuri ko kubabazwa n'ibyaha. Icyo dukwiriye gukora ubwacu twarakigaragarijwe neza, ngo: "Nimwiyuhagire mwiboneze mukureho ibyaha byo mu mirimo yanyu, bive imbere yanjye, mureke gukora nabi. Mwige gukora neza, mushake imanza zitabera, mutabare abarengana, mucire imfubyi urubanza, muburanire abapfakazi." **Yesaya 1:16, 17.**

"Niba umunyabyaha agarura ingwate, agasubiza icyo yibye nyiracyo, akagenda mu mategeko y'ubugingo, adakora ibibi, n'ukuri kubaho azabaho, ntazapfa." (**Ezekieli 33:15**). Paulo avuga ibyo kwihana, ati: "Ntimurora ako gahinda ko mu buryo bw'Imana, yuko kabateye umwete mwinshi utyo? no kwiregura, no kurakara, no gutinya, n'urukumbuzi, n'ishyaka, no guhora? Muri byose mwiyerekane ko muboneye muri ibyo." **2 Abakorinto 7:11.**

Iyo ibyaha bimaze kugusha umutima ikinya, umuntu w'inkozi y'ibibi aba atakimenye kurobanura ibigoranye byo mu ngeso ze, kandi ntamenye uko ibibi akora bingana. Iyo atoroheye imbaraga y'Umwuka Wera, ngo imwemeze, asigara arindagirira mu byaha bye. Kwatura kwe ntikuba kuvuye ku mutima. Icyaha yemeye cyose, acyongeraho icyo yikirisha. Icyo ahaniwe, akavuga ati "Nagitewe n'ibi n'ibi."

Adamu na Eva bamaze kurya ku mbuto zabuzanijwe, bakozwe n'isoni, bafatwa n'ubwoba. Icyo babanje gukora ni ugushaka icyo bikirisha cy'urwitwazo, ngo bakire iteka ryo gupfa riteye ubwoba. Uwituka ababajije iby'icyaha bakoze, Adamu aherereza icyaha cye ku Mana no ku mugore we, ati "Wa mugore wampaye ngo tubane, ni we wampaye ku mbuto z'icyo giti, ndazirya." (**Itangiriro 3:12, 13**). Umugore na we abihereza ku nzoka ati "Inzoka yanshukashutse, ndazirya. Kuki waremye iyo nzoka? Kuki wayikundiye kuza mu murima wa Edeni?"

Ibyo ni byo bikirishije babigira urwitwazo, ni ko guherereza Imana ho ibyaha byabo. Uwo mutima wo kwikiza, ukomoka kuri Se w'ibinyoma, uba muri bene Adamu bose. Kwatura ibyaha bene ako kageni, ntigukomoka ku Mwuka w'Imana, kandi ntikwemerwa n'Imana.

Kugana Yesu

Kwihana by'ukuri bituma umuntu yemera ibicumuro bye, akabyemera atihenda cyangwa kuryarya, akagenza nka wa mukoresha w'ikoro, agatinya kũbura amaso, agataka ati: “Ayi Mana! Mbabarira, kuko ndi umunyabyaha.” Abemera ibyaha bacumuye, bazatsindishirizwa, kuko umunyabyaha wihana, akemera amaraso ya Yesu, amutsindishiriza.

Ibyitegererezo bimwe byo kwihana k'ukuri byanditswe muri Bibiliya. Byerekana umutima wo kwihana, uko umeze, n'uko wemera kwicisha bugufi, ntugerageze gushaka ibyo kwikirisha, haba no kugerageza kwitsindishiriza.

Pawulo ntiyagerageje kwitsindishiriza, ahubwo yeruye icyaha cye gikabije kuba kibi uko cyakabaye. Ntarakagerageza gupfobya ibibi bye, ahubwo yeruye ati: “Nashyize abera benshi mu mazu y'imbohe, mpawe ubutware n'abatambyi bakuru; kandi uko babicaga, nemeraga ko babica. No mu masinagoga yose nabahanaga kenshi; nkabahata gutuka Yesu, kandi kuko nasazwaga cyane no kubarakarira, nkabarenganiriza no mu midugudu y'abanyamahanga.” (**Ibyakozwe n'Intumwa 26:10, 11**).

Paulo ntiyigeze agerageza kwigira shyashya. Dore uko yavuze ati: “Kristo yazanywe mu isi no gukiza abanyabyaha, muri bo ni jye w'imbere.” **1 Timoteyo 1:15**.

Umutima wicisha bugufi, ushenjaguritse, ubitewe no kwihana by'ukuri, uzajya ushima urukundo rw'Imana, n'inshungu watangiriwe i Kalvari; kandi uko umwana atagira icyo ahisha Se umukunda, ni ko uwihannye ababaye by'ukuri, ashya Imana ibyaha bye byose.

Ndetse byanditswe ngo: “Ni twatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa, kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kwose.” **1 Yohana 1:9**.

Igice cya 5: Kwitanga

Imana yaradusezeraniye iti: “Muzanshaka, mumbone, ni munshakana umutima wanyu wose.” **Yeremiya 29:13.**

Umutima wose ukwiriye kwegurirwa Imana. Bitabaye bityo, guhinduka kwatuma dusa na Yo ntikwatubonekamo. Kubwa kamere yacu twatandukanijwe n’Imana, Umwuka Wera asobanura uko tumeze ati “Mwishwe n’ibicumuro byanyu.” (**Abefeso 2:1**); “murahwereye.” (**Yesaya 1:5, 6**); “nta gisigaye kikiri kizima.” (**2 Timoteyo 2:26**).

Dufungiraniwe cyane mu mitego ya Satani, wadufashe mpiri, uko ashatse. Imana Yo ishaka kudukiza no kutubohora, ariko ubwo kamere yacu igomba guhinduka ukundi rwose no kugirwa nshya, dukwiriye kuyiyegurira rwose. Kwirwanya no kwitsinda ni intambara iruta izindi zose zigeze kubaho. Kwitanga no kwegurira mana byose, bigomba intambara, kandi umutima ukwiriye kuyoboka Imana kugira ngo uhinduke mushya rwose were.

Ingoma y’Imana si iy’ubuhake bw’abayoboke bameze nk’impumyi, batwazwa igitugu. Ahubwo ingoma y’Imana ishimwa n’ubwenge n’umutima. Uwituka ararika abo yaremye ati: “Nimuze, tujye inama.” (**Yesaya 1:18**), Imana ntihata abo yaremye ku gituna, Ntiyemera ko twitāngana icyubahiro kitavuye ku mutima ukunze, kandi kidatanganywe ubwenge.

Kwemera ku gahato kwabuza umuntu gukuza amajyambere. Kwatuma amera nk’imashini igengwa n’abandi. Uko si ko Imana Rurema ishaka. Ahubwocishaka ko umuntu ajya mbere, agashyikira urugero rushyitse, kuko ari we mbonera mu byo yaremye. Yadushyize imbere amahirwe atagira uko asa, ishaka kuyatugezaho, kubw’ubuntu bwayo. Itugira inama ngo tuyiyegurire, idukoreremwo icyo ishaka. Noneho, ni twe bisigariye. Dukwiriye guhitamo kubohorwa ingoyi z’ibyaha, kugira ngo tubone gusangira n’abana b’Imana umudendezo utagira impinduka.

Kugana Yesu

Iyo twiyeguriye Imana, ni ngombwa ko twitandukanya n'iby'isi byose. Ni cyo cyatumye Imana ivuga iti: “Umuntu wese wo muri mwe, udasiga ibyo afite byose, ntakwiriye kuba umwigishwa wanjye” **Luka 14:33.**

Ikintu cyose kidutesha Imana gikwiriye kurekwa. Ikigirwamana cya benshi ni Mamoni aribyo gukunda amafaranga, no kwifuza ubutunzi, bimeze nk'umunyururu w'izahabu ubaboheye kuri Satani. Kwifuza kuratwa n'abandi no kugira irari ry'icyubahiro cyo mu isi, bibera abandi ikigirwamana. Ariko izo ngoyi zitugira ibiretwa, zikwiriye gucibwa.

Ntitwabasha kwitanga igice, ngo tube ab'Imana uruhande rumwe ngo urundi tube ab'isi. Ntitwaba abana b'Imana, keretse tubaye bo rwose. Hariho abavuga ko bayoboka Imana, kandi bibwira ko bashobora gukomeza amategeko ya Yo kubw'imbaraga zabo ubwabo, no kuboneza ingeso zabo, no kuzakizwa kubw'umwete wabo. Urukundo rwa Kristo ntirwashoye imizi mu mitima yabo, ngo rubakorereho, ahubwo bagerageza gukora imirimo y'Ubukristo, nk'aho iyo mirimo ari yo izabageza mu ijuru. Idini rimeze rityo nta kamaro, ahubwo ni ubusa!

Kristo n'aba mu mutima w'umuntu koko, ubugingo bw'uwo muntu buzuzura urukundo Rwe, bunezezwe no gushyikirana na we, bwomatane na we; kandi uko azajya amurangamira, niko azjya yiyibagirwa. Urukundo akunda Kristo ni rwo ruzajya rumuyobora mu byo akora byose; akiyumvamo ko urukundo rw'Imana rumuhāta, ntabaza ubuke bw'ibyo akwiriye gutanga ngo akizwe, ntabaza urugero rwo hasi urwo ari rwo.

Ahubwo agambirira gushyikira urugero rushyitse rwagenwe n'Umucunguzi we. Ashishikarira cyane gushyikira urwo rugero, bigatuma ahara byose. Kandi uko arushaho gusobanukirwa n'uburebure bw'urwo rugero, ni na ko arushaho gushishikarira kurushyikira. Kwivuga ko uri Umukristo, ntugire urukundo rukomeye rungana rutyo, ni ugupfa kwivugira, ni umugenzo, no kurushywa n'ubusa.

Mbese, wiyumyamo ko kwiyegurira Kristo rwose, ari ukwihotora kurenze urugero? Wakwibaza uti: “Kristo We se, yamariye iki?”

Kugana Yesu

Umwana w’Imana yatanze byose ubugingo bwe, n’urukundo rwe, yemera no kubabazwa kugira ngo dukire! Byashoboka bite ko twebwe, abatari bakwiriye urukundo rungana rutyo, ko tumwima imitima yacu?

Nta mwanya wo mu kubaho kwacu uhita, tutabeshejweho n’amahirwe y’ubuntu bwe, ni cyo gituma tutabasha kumenya ubujiji n’ibyago twakijijwe uko bingana. Mbese twabasha guhanga amaso Uwacumiswe icumu, azira ibyaha byacu, kandi tugahinyura urwo rukundo ruhebuje n’ubwo bwihotore? Mbese turangamiye Umwami wacu w’icyubahiro, wicishije bugufi cyane, twabasha dute kwivōvōtera kurwana no kwicisha bugufi dushaka ubugingo budashira?

Abantu benshi birata mu mitima yabo bakibaza bati: “Ni iki cyatuma nibabaza, nkicisha bugufi, ntaramenya rwose ko Imana yanyemeye?” Ndabinginga nimuhange Kristo amaso. Nta cyaha yigeze akora, kandi nubwo yari umutware w’ijuru, yigize nk’umunyabyaha kubw’abantu. “Yabaranywe n’abagome. Yishyiraho ibyaha by’abantu benshi, asabira abamucumuye.” (**Yesaya 53:12**).

Ariko, twebweho, iyo dutanze byose, tuba duhaze iki? Nta kindi keretse umutima uhumanijwe n’ibyaha, dushaka ko ubonezwa na Yesu, akawejesha amaraso ye akawukirisha urukundo rwe ruhebuje. Nyamara abantu bibwira ko biruhije guhara byose! Kubyumva ntyo bintera ishavu; ndetse ntewe agahinda no kubyandika.

Imana ntiyatubuza kureka ikintu cyose, iyo Iba yari izi ko cyatubera cyiza tukigumanye. Mu byo ikora byose, icyo ishaka n’uko abana bayo bagubwa neza. icyampa abatarahisemo Kristo bakamenya ibyiza abafitiye biruta ibyo bishakira ubwabo. Umuntu ucisha ukubiri n’ibyaho Imana ishaka mu byo atekereza no mu byo akora, aba arenganya umutima we awishe. Nta munezero nyakuri ubonekera mu nzira yabuzanjwe n’Imana. Ni yo izi ibyiza, ikatugenera ibidukwiriye. Inzira y’ibyaha irimwo amakuba no kurimbuka.

Kugana Yesu

Kwibwira yuko Imana inezezwa n'imibabaro y'abana bayo, ni ukuyoba. Abo mu ijuru bose bifuriza abantu kugubwa neza. Umubyeyi wacu wo mu ijuru ntiyima umuntu n'umwe mu baremwe inzira y'umunezero.

Icyo Imana iduhamagarira gukora, Ni ugutera umugongo ibyatuzanira imibabaro no gucogora, bikatuvutsa umunezero n'ijuru. Umucunguzi wab'isi yemera abantu uko bari kose. Ubukene bwabo, n'ubugoryi bwabo, n'intege nke zabo, ibyo byose abiturokoresha amaraso ye, ariko, uretse n'ibyo, ahaza no kwifuza kw'abemera kumuhakwaho no kwikorera umutwaro we.

Imigambi ye ni ukuruhura abamusanga bose, bashaka umutsima w'ubugingo, no kubazanira amahoro. Icyo atubaza gusa ni ugukora ibyagenewe kutuzanira umunezero utagira akagero, bitabasha kubonwa n'abatamwumvira.

Abantu benshi barabaza bati “Nabasha kwiyegurira Imana nte?” Wenda waba ushaka kwiyegurira Imana, ariko kuko ufite intege nke mu mutima, ukaba uri imbata yo kutizera, ingeso za kamere zikubuza kwitandukanya n'ibyaha, amasezerano yawe n'imigambi yawe bimeze nk'uwafata umusenyi, akawubohamwo umugozi.

Ntubasha gutegeka ibitekerezo byawe, n'igishinja cyawe, n'irari ryawe. Uko wibuka amasererano yose wishe, n'umuhigo utahiguye, bituma ucika intege, ukiheba: ukibwira yuko Imana itabasha kukwemera; ariko ntukwiriye kwiheba. Icyo ukwiriye gusobanukirwaho ni imbaraga yo kwitegeka, uko ingana, kuko ari yo mbaraga itegeka kamere yose y'umuntu, n'ububasha bwo guhitamo. Byose bigengwa n'ubushake bw'umuntu.

Imana yahaye abantu umudendezo, wo guhitamo; bawuhereye kuwukoresha. Ntiwabasha guhindura umutima wawe, ntiwabasha kandi kwitera icyifuzo cyo gukunda Imana; ariko icyo ubasha cyo, **ni uguhitamo** kuyiyoboka, ukemerera Imana kuyobora ububasha bwawe; kuko ari bwo izagukoreramo igasohoreza ubushake bwayo muri wowe

Kugana Yesu

Ni ho kamere yawe izitegekerwa n'Umwuka wa Kristo; akaba ari We ugirira irari, ibitekerezo byawe bigahuza n'ibye.

Kwifuza kwera ni byiza, ariko rero iyo bigarukiye aho, nta cyo bimara. Benshi bazazimira nubwo bifuza kandi bakiringira ko bazaba Abakristo. Ntibamasha kimwe, ngo begurire Imana ubushake bwabo. Ntibahitamo kuba Abakristo bamaramaje. N'ugenga ubushake bwawe, ukubaho kwawe kuzahinduka ukundi rwose.

Iyo weguriye Kristo ubushake bwawe, uba wifataniye n'ububasha buruta ubw'ubutware bwose n'ingoma zose. Uzagira imbaraga iva mu ijuru yo kugukomeza, maze kandi, uko uzajya wiyegurira Imana, ni ko uzajya ubashishwa kugira ubugingo bushya, ari bwo bugingo bwo kwizera.

Igice cy 6: Kwizera no Kwemera.

Kuko umutima wawe wamaze gukangurwa n'Umwuka Wera, wakubise amaso ibibi bimwe bizanwa n'ibyaha, n'iby'imbaraga zabyo, n'ishyano rizanwa na byo; maze wumva ubizinutswe. Wumva yuko ibyaha byagutandukanije n'Imana, kandi ko uri imbata y'ubutware bw'ibibi.

Uko urushaho kurwanira kubicikaho, ni na ko urushaho kumva ko binaniranye. Kwifuzza kwawe kuranduye; umutima wawe urahumanye, ukabona ko ubugingo bwawe bwose bwuzuyemwo ibyaha no kwikanyiza. Wifuzza cyane kubabarirwa, ngo ubonere, uvanwe mu bubata. Ariko se, ukwiriye kugira ute kugira ngo ubone kuzūra n'Imana, use na Yo?

Icyo ukwiriye kugira ni amahoro, amahoro y'ijuru n'ihumure n'urukundo, byuzura umutima. Ibyo ntibigurwa ifeza, ntibiboneshwa no kugira ubwenge; nta bwo wakwitegaho kubyishyikiriza wowe ubwawe. Ariko Imana ishaka kubiguhera ubuntu, “ari nta feza, ari nta biguzi.” **Yesaya 55:1.** Byaba ibyawe, urambuye ukuboko, ukabyakira.

Uwiteka aravuga ati: “Nubwo ibyaha byawe byasa n'umuhemba, bizaba umweru nka shelegi: nubwo byatukura tuku tuku, bizahinduka nk'ubwoya bw'Intama bwera.” (**Yesaya 1:18**). “Nzabaha umwuka mushya, kandi nzashyira umwuka mushya muri mwe.” **Ezekieli 36:26.**

Wamaze kwatura ibyaha byawe, kandi umutima wawe urabizinukwa. Wahisemo kwiye gurira Imana. Noneho, yisange, uyisabe kubikūhagira, iguhe umutima mushya. Maze wizere ko ibikora byose, kuko yabisezeranye.

Yesu akiri muri iyi si, yigishije ko ari ko dukwiriye kubigenza. Ubuntu Imana yadusezeraniye ko izatugirira, dukwiriye kwizera ko tububona, bukaba ubwacu.

Yesu yavuraga abantu indwara zabo, iyo bizeraga ko abibasha. Yabafashishaga kurora, agatuma bizera ko afite imbaraga zo

kubababarira ibyaha. Yabyeruye rwose ubwo yakizaga ikirema, ati: “Mumenye yuko umwana w’Umuntu afite ubutware mu isi bwo **kubabarira abantu ibyaha**, (ni ko kubwira ikirema ati:) byuka, wikorere ingobyi yawe, utahe.” **Matayo 9:6.**

Ni ko umubwirizabutumwa Yohana avuga, adutekerereza iby’ibitangaza bya Kristo, ati: “Ibi byandikiwe kugira ngo mwizere, yuko Yesu ari Kristo, Umwana w’Imana; kandi ni mwizera ngo muheshwe ubugingo n’izina rye.” **Yohana 20:31.**

Ibitekerezo bya Yesu byo muri Bibiliya by’uko yavuraga abarwayi, bitwigisha uburyo bwo kwizera yuko abasha kubabarira ibyaha byacu. Nimutyo turebe igitekerezo cy’ikirema cy’i Betesida. Iyo mbabare ntiyagiraga shinge na rugero; yari amaze imyaka mirongo itatu n’umunani aremaye. Ariko Yesu aramutegeka ati: “Byuka, wikorere uburiri bwawe, utambuke.” Uwo murwayi yajyaga kubasha kuvuga ati: “Mwami n’umara kunkiza, ndakora icyo uvuga.” Ariko si ko yabigenje. Yizeye ijamba rya Kristo, yizera ko akijijwe, ahita amwumvira, yemera kugerageza gutambuka; abona arabishoboye. Yumviye itegeko rya Kristo, maze Imana imuha imbaraga yo gutambuka.

Nawe nuko, uri umunyabyaha. Ntiwabasha guhongerera ibyaha wakoze. Ntiwabasha guhindura umutima wawe no kuwuboneza ngo were. Ahubwo Imana yasezeranye yuko izabigukorera byose, kubwa Kristo Wizere iryo sezerano. Wature ibyaha byawe, wiyegurire Imana, Wifuze kuyikorera. Ni ukuri nuramuka ubigenje utyo, Imana izagusohorezaho isezerano yasezeranije.

Ni wizera isezerano, ukizera yuko wababariwe, ukabonezwa Imana izabigusohoreza. Uzasanga wakijijwe koko, nkuko Kristo yahaye ikirema imbaraga yo kugenda, kimaze kwizera. Nawe ni ko bizamera nta kabuza nubyizera.

Ntukarindire kwiyumvamo ko wakijijwe, ahubwo uvuge uti: “Ndizeye, ni ko biri, si uko mbyiyumvamo, ahubwo n’uko Imana yabisezeranye.”

Yesu yaravuze ati: “Ibyo musaba byose, muhendahenda, mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona.” (**Mariko 11:24.**) Hariho icyo tubazwa kugira ngo iryo sezerano risohore, ni ugusaba dukurikije ubushake bw’Imana.

Kuko ubushake bwayo ari ukutwuhagira ibyaha, no kutuboneza, ni cyo gituma tubasha kwaka ayo mahirwe, tukizera ko tuyahawe, maze tugaherako tugashimira Imana kuko yayaduhaye. Ni ihirwe ryacu gusanga Yesu, kugira ngo atuboneze, ngo tubone guhagarara imbere y’amategeko tudafite ipfunwe, cyangwa umugayo, “Nuko rero, noneho, abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho, kuko itegeko ry’Umwuka w’ubugingo bwo muri Kristo Yesu ryababātuye ububata bw’itegeko ry’ibyaha n’urupfu.” **Abaroma 8:1.**

Uhereye ubwo ntimuba mucyigenga; mwacungujwe igiciro, “Kuko muzi yuko atari ibibora, ifeza cyangwa izahabu mwacungujwe, ... ahubwo mwacungujwe amaraso y’igiciro cyinshi, nk’ay’Umwana w’Intama utagira inenge cyangwa ibara, ni yo ya Kristo.” (**2 Petero 1:18, 19.**) Kuko wizeye Imana, ni cyo cyatumye Umwuka Wera ashyira ubugingo bushya mu mutima wawe. Umeze nk’umwana wavukiye mu nzu y’Imana, kandi igukunda nkuko ikunda umwana wayo.

Noneho, ubwo wiyeguriye Yesu, ntugasubire inyuma, ntukongere kumwimura, ahubwo iminsi yose ujye uvuga uti: “Ndi uwa Kristo; naramwiyeguriye.” Umusabe kuguha Umwuka we, akurindishe imbabazi ze. Nkuko waheshejwe kuba Umwana w’Imana, n’uko wayiyeguriye, ukayizera, abe ari ko uba muri yo. Intumwa Paulo yaravuze ati: “Nkuko mwakiriye Kristo Yesu, Umwami wacu, abe ari ko mugendera muri we.” **Abakolosayi 2:6.**

Bamwe bibwira ko bakwiriye kubanza kugeragezwa, no kugaragariza Uwituka yuko bahindutse, ngo babone gushyikira umugisha. Ariko nta cyababuza kuwuhabwa ndetse n’ubu ngubu.

Icyakora, bakeneye ubuntu bw’Imana, n’Umwuka wa Kristo, kubatabara mu ntege nke zabo. Babibuze, ntibashobora gutsinda ibibi. Yesu akunda

ko tumusanga uko turi, dufite ibyaha n’intege nke, tutigenga. Dukundirwa kumusangana intege nke zacu zose, n’ubupfapfa bwacu bwose, n’ibicumuro byacu byose, tukikubita imbere y’ibirenge bye, tukamwitwaraho. Yishimira kuduhobera n’amaboko y’urukundo rwe, no gupfuka inguma zacu, no kutwuhagira gukiranirwa kwose.

Ngaha rero, aho ibihumbi byinshi biyobera: ntibizera ko Yesu abababarira ubwabo, umwe umwe. Ntibizera ibyo Imana ivuga. Ni ihirwe ry’abashyirahamwe bose bakurikiza ibikwiriye, kumenya yuko kubabarirwa kw’ibyaha kudatangananwa ubugūgu. Reka gukeka ko amasezerano y’Imana atari ayawe. Ni ay’umunyabyaha wese wihana.

Imbaraga n’ubuntu bibonerwa muri Kristo, bizanirwa ūwizera wese, bizanwa n’abamaraika bakorera abantu. Nta munyabyaha, n’umwe, nubwo yashayisha ubwahe, waburira imbaraga, no kubonera, no gukiranuka muri Yesu, wadupfiriye. Ategereje kubambura imyambaro y’ibizinga yandujwe n’ibyaha, ngo abāmbike ibishura byera, ari byo gukiranuka. Abingingira kubaho ngo badapfa.

Imana ntitugenza nkuko twebwe abantu bapfa, bagirirana. Imbabazi, n’urukundo, n’ibambe rihebuje, ni byo itekereza. Iravuga iti: “Umuntu w’inkozi y’ibibi areke inzira ye, n’ukiranirwa areke ibyo atekereza: agarukire Uwiteka, kandi azamubabarira, no ku Mana yacu, kuko izamubabarira rwose” “Ibicumuro byawe nabyeyuye nk’igicu.” **Yesaya 55:7; 44:22.**

“Sinishimira urupfu rw’ūpfa, ni ko Uwiteka Imana ivuga nuko, uhindukire ubeho.” (**Ezekieli 18:32**). Satani yiteguye kutunyaga amasezerano meza y’Imana. Yifuza gutsemba ibyiringiro byose, n’akambi kose k’umucyo karabagiranira mu mutima, ariko ntukamukundire, ko agenza atyo.

Ntugategere amatwi kwūmva icyo umushukanyi avuga, ahubwo ujye uvuga uti “Yesu yapfiriye kugira ngo mbone ubugingo, Arankunda, nta bwo ashaka ko mpfa. Mfite Umuremyi mu ijuru, ni umunyampuhwe Kandi, nubwo nahinyuye urukundo rwe, ngapfusha ubusa umugisha

yampereye ubuntu, ndahaguruka njye kwa Data, mubwire nti: “Nacumuye iyo mu ijuru, no mu maso yawe, ntibinkwiriye kwitwa umwana wawe mpaka mbe nk’umugaragu wawe.”

Umugani w’umwana w’ikirara utubwira uko cyākiriwe ngo: “**Akiri kure**, se aramureba, aramubabarira, arirukanka, aramuhobera, aramusoma cyane.” **Luka 15:18.**

Uwo mugani, nubwo utera agahinda n’imbabazi, ntubasha guca akagero impuhwe za Data wa twese, uri mu ijuru. Uwiteka yavugiye mu muhanuzi, ati: “Nagukunze urukundo rudashira ni cyo cyatumye nkwiyegeresha kugira neza.” (**Yeremiya 31:3.**) Umunyabyaha akiri kure y’urugo rwa Se, agapfusha ubusa ibintu bye mu gihugu cya kure, umutima wa Se uramukumbura, urukumbuzi ruza mu mutima rumurehereza ku Mana. Uko ni ko Umwuka Wera areshya umunyabyaha, amutotera guhabuka.

Mbese wabasha ute gushidikanya, kandi ufite amasezerano meza ya Bibiliya imbere yawe? Mbese wakwibwira yuko umunyabyaha, wifuza kugaruka, akifuza gucika ku byaha, Uwiteka yamubuzanya uburakari n’igitsure, ngo amwegere yihane? Reka gutekereza utyo! Nta cyakwica umutima nko gutekereza Umuremyi wo mu ijuru utyo. icyakora yanga ibyaha urunuka, ariko akunda umunyabyaha. Ni ko gutanga Umwana we mu kigwi cye, kugira ngo abashaka bese bakire, babonere umugisha w’Uwiteka mu bwami bw’icyubahiro.

Imana yaravuze iti “Mbese umugore yabasha kwibagirwa umwana yonsa? Ntagirire umwana we yabyaye ubwuzu? Yee, icyakora yamwibagirwa, ariko jyeweho sinakwibagirwa.” (**Yesaya 49:15.**) Mbese amagambo yakwereka urukundo rw’Imana kurusha ayo yivugiye ni ayahe?

Ubūra amaso, muntu ushidikanya, ugatengurwa we, kuko Yesu abereyeho kudasabira. Ujye ushimira Imana ubuntu bw’Umwana wayo mwiza, kandi ujye usaba kugira ngo ataba yaragupfiririye ubusa.

Kugana Yesu

Sangana Yesu umutima wawe wose, ni ho ubasha gushyikira umugisha we.

Uko ujya usoma amasezerano, abe ari na ko ujya wibuka yuko akomoka ku rukundo n'impuhwe zitagira icyo twazigeraho.

Umutima Mwiza wa Rukundo rutagira akagero wiyegeresheje abanyabyaha imbabazi zitarondoreka “Ni we waduhesheje gucungurwa n'amaraso ye. ni ko kubabarirwa ibicumuro byacu.” **Abefeso 1:7.**

Nuko rero, izere ko Imana ari yo igufasha Ishaka ko usubira kugira ishusho yayo. Uko uyegera, watura ibyaha byawe, no kwihana, ni ko izakwegerana imbabazi n'ibambe.

Igice cya 7: Urugero rw'Ubuyoboze

“Umuntu wese iyo ari muri Kristo, aba ari icyaremwe gishya: ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya.” **2 Abakorinto 5:17.**

Ahari umuntu ntiyabasha gushinga impamvu zose z'imyihanire ye, ngo avuge igihe cyangwa ahantu byabereye. Kristo yabwiye Nikodemu ati: “Umuyaga uhuha aho ushaka. Wumva guhuha kwawo, ariko ntumenya aho uva cyangwa uhoujya. Ni ko uwabyawe n'Umwuka wese amera.” **(Yohana 3:8).**

Nkuko umuyaga utaboneka, ariko ibyo ukora bikaboneka, kandi bikumvikana, ni ko Umwuka w'Imana ameze mu mirimo Ye mu mitima y'abantu. Ni We mbaraga ihembura, itabonwa n'ijisho ry'umuntu, ibyara ubugingo bushya mu mutima w'umuntu, akarema umuntu mushya, ufite ishusho y'Imana.

Nubwo umurimo w'Umwuka utabasha kumvwa, cyangwa kubonwa, amaherezo yawo ntabura kugaragara.

Iyo umutima uhinduwe mushya n'Umwuka w'Imana, kubaho k'uwo muntu kurabihamya. Nubwo tutabasha kugira icyo dukora ubwacu, ngo duhindure imitima yacu, cyangwa kwiyuzuzwa n'Imana, nubwo tudakwiriye gutega amakiriro ku mirimo myiza, ariko ukubaho kwacu kwagaragaza k'ubuntu bw'Imana buri muri twe. Byadutera gucika ku ngeso, n'ibyo turangamira. Guhabana kwabyo kwagaragara rwose, ukamenya uko byari biri mbere, n'uko biri ubu. Imico ntigaragazwa n'imirimo myiza, cyangwa imibi dukora rimwe na rimwe, ahubwo igaragazwa n'ibyo twamenyereye gukora iteka.

Koko, haba ubwo twagira ingeso nziza zigaragara, zitazanywe n'imbaraga ya Kristo. Irari ry'icyubahiro, no gushaka kurātwa n'abandi, haba ubwo bibasha gutuma tugira ukubaho kuboneye, Kwiyubaha kwashobora gutuma umuntu yigengesera ngo adasa n'ukora ibibi. Haba n'ubwo umutima wikanyiza ugira ubuntu! None se, ubwo bibaye bityo twabwirwa n'iki uruhande turimo?

Umutima wacu ufitwe na nde? Ibitekerezo byacu byo se bifitwe na nde? None se, uwo dukunda kuganira ni nde? Uwo dufitiye irari n’ubwuzu ni nde? Ni tuba abantu ba Kristo, ibitekerezo byacu bizamuhoraho. Kandi ni we tuzarushaho gutekerezanya urukundo. Uko turi kose, n’ibyo dutunze byose, tuzabimwegurira. Tuzifuza rwose kugira ishusho ye no guhumeka umwuka we, no kumushimishisha ibyo dukora byose.

Abahinduka ibyaremwe bishya muri Kristo Yesu bazera imbuto z’Umwuka, ari zo “urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugiraneza, ubwiza, gukiranuka, kugwaneza, kwirinda.” **Abagalatiya 5:22, 23.**

Ibyifuzwa bya kera ntibiba bikibabera amendeze yo gukora ibibi, ahubwo bazakurikiza Umwana w’Imana kubwo kwizera, bigane imico Ye, no kwiboneza uko aboneye. Ibyo bangaga kera, noneho babikunde, kandi ibyo bakundaga kera, noneho abe ari byo banga. Ūwīrārīrāga, akishyira imbere, noneho azaba umugwaneza, wicisha bugufi mu mutima. Umupfayongo n’umunyagasuzuguro, noneho bahinduka abantu bitonda, batibona. Abasinzi bakira ubusinzi, n’ibihomora bikabonera.

Imikino y’amahirwe, n’akamenyero k’ab’isi birarekwa. Abakristo ntibazongera gushaka umurimbo w’inyuma, ahubwo bazashaka, uw’imbere uhishwe mu mutima, umurimbo utabora w’umwuka, ufite ubugwaneza, n’amahoro.” **1 Petero 3:3, 4.**

Nta kimenyetso cyerekana yuko umuntu yihanye by’ukuri, keretse iyo ahindutse ukundi. Umunyabyaha iyo agaruye ingwate, akariha ibyo yibye, akātura ibyaha bye, akabyerura, agakunda Imana n’abantu, amenye rwose ko avuye mu rupfu, ageze mu bugingo.

Iyo twebwe, abayobye b’inkozi z’ibibi, dusanze Kristo tukemera imbabazi ze zikiza, ni ho urukundo rutangira gushora imizi mu mitima yacu Umutwaro wose ukoroha, kuko umutwaro Kristo adukorera woroshye. Tunezewa n’imirimo yacu; ndetse tugashimishwa no kugira ibyo twigomwa kubwo guhinduka Abakristo. Inzira yanyuraga mu mwijima, igahindurwo umucyo na Zuba ryo gukiranuka.

Igikundiro cy'imico ya Kristo kizagaragarira no mu bayoboke be. Yanezewaga no gukora ibyo Imana ishaka. Ibyayoboraga Umukiza wacu mu kubaho kwe, byari urukundo yakundaga Imana, n'ishyaka yayigiriraga ryo kuyogeza. Urukundo ni rwo rwatumaga ibyo yakoraga byose bibonera.

Urukundo rukomoka ku Mana. Urukundo ntiruboneka mu mutima utarihanye. Ruboneka mu mutima utuwemo na Yesu gusa. “Dukundane, kuko ari yo yabanje kudukunda.” (1 Yohana 4:19). Iyo umutima uhinduwe mushya n'ubuntu bw'Imana, urukundo ni rwo ruba amendeze yo gukora neza. Ruhindura ingeso, rugategeka uburara n'irari, n'igishinja, rucubya urwangano. Urwo rukundo, iyo rutunzwe mu mutima, rugusha neza kubaho k'umuntu, rwitondesha abaturanyi.

Hariho ubuyobe bubiri abana b'Imana bakwiriye kwirinda, cyane cyane abatangiye vuba kwiringira imbabazi zayo. Ubuyobe bumwe bwamaze kuvugwa, ni ukwiringira imirimo yabo, no kwiringira ko hari icyo bakora ubwabo, cyatuma basābāna n'Imana.

Umuntu ugerageza kwibonerasha imirimo ye akora yo gukomeza amategeko, agerageza ikidashoboka. Icyo umuntu yakora cyose adafite Kristo, cyakwanduzwa no kwikanyiza n'ibyaha. Ubuntu bwa Kristo bwonyine, ni bwo bubasha kutuboneza kubwo kwizera.

Ubuyobe bwa kabiri ntibuhuye n'ubwo. Ni ukwibwira yuko iyo umuntu yizeye Kristo, bimukuraho gukomeza amategeko y'Imana; ngo kwizera kwonyine ni kwo kudutera kugabirwa ubuntu bwa Kristo, kandi ngo imirimo yacu ntigira ihuriro no gucungurwa kwacu.

Nyamara mumenye yuko kūmvira Imana atari ugusohozza ibigaragara gusa. Ahubwo ni ukuyikorana urukundo. Amategeko y'Imana ayigaragaza uko iri, ni yo shingiro ry'urukundo; ni cyo gituma ari yo rufatiro rw'ingoma yayo mu ijuru no mu isi. Iyo imitima yacu ihindutse mishya, igahuza n'ibyo Imana ishaka, kandi iyo urukundo rwayo rwashoye imizi mu mitima yacu, se twabuzwa n'iki gukomeza amategeko ya Yo? Iyo ishingiro ry'urukundo rimaze gushora imizi mu

mutima, umuntu na we amaze guhinduka mushya, afite ishusho y'Iyamuremye, ni ho ibyasezeranijwe by'isezerano rishya bisohora, ari byo ibi, ngo: "Nzashyira amategeko yanjye mu mitima yabo, kandi mu bwenge bwabo ni ho nzayandika." **Abaheburayo 10:16.**

Mbese amategeko yaba yanditswe mu mitima, ntiyahindura ubugingo? Kumvira, ari kwo gusohozza ibyo urukundo ni ikimenyetso cy'ukuri cy'ubuyoboze. Ni cyo gituma ibyanditswe bivuga bita: "Gukunda Imana ni uku, ni uko twitondera amategeko yayo." "Uvuga ko amuzi, ntiyitondere amategeko ye, ni umubeshyi, ukuri ntikuri muri we." **1 Yohana 5:3; 2:4.**

Kumvira kwacu, si ko gutuma duhabwa agakiza; kuko agakiza ari ubuntu tugirirwa n'Imana, ahubwo tugaheshwa no kwizera. Ariko rero, kumvira ko, ni imbuto yo kwizera. "Muzi yuko umuntu wese uguma muri Kristo ntakora ibyaha; umuntu ukora ibyaha ntiyamubonye, kandi ntiyamumenye." **1 Yohana 3:5, 6.**

Uru ni rwo rugero rw'ukuri. Ni tuguma muri Kristo, urukundo rw'Imana rukaguma muri twe, uko twiyumva, n'uko dutekereza, n'ibyo tugambiriye, n'ibyo dukora byose, bizaba bihuje n'ibyo Imana ishaka, uko bivugirwa mu mategeko yayo yera, ngo: "Bana bato, ntihakagire ubayobya; ukiranuka, ni we mukiranutsi, nkūko ūwo ari umukiranutsi." (**1 Yohana 3:7**). Gukiranuka gupimishwa amategeko yera y'Imana, uko yavugiwe mu mategeko cumi yatangiwe kuri Sinai.

Kwizera Kristo ku izina ari urumamo gusa, gukura abantu ku kumvira Imana uko si ukwizera, ahubwo ni ukwishuka. "Ubuntu ni bwo bwabakijije, kuko mwīzeye." (**Abefeso 2:8**). "Ariko kwizera kutagira imirimo kuri kwonyine, kuba gupfuye" (**Yakobo 2:17**). Yesu ataraza mu isi, yarivugiye ati: "Mana yanjye, nishimira gukora ibyo ukunda, ni koko amategeko yawe ari mu mutima wanjye." (**Zaburi 40:8**). Kandi agiye gusubira mu ijuru yaravuze ati: "Nitondeye amategeko ya Data, nkaguma mu rukundo rwe." (**Yohana 15:10**). Ibyanditswe bivuga ngo: "Iki ni cyo kitumenyesha yuko tumuzi, ni uko twitondera amategeko ye. Uvuga ko ahora muri we, akwiriye na we kugenda nkuko Uwo

yagendaga.” (1 Yohana 2:3-6). “Kristo yabababarijwe, akabasigira icyitegererezo, kugira ngo mugere ikirenge mu cye.” 1 Petero 2:21.

Ikiduhesha ubugingo budashira ubu, ni kimwe, nkuko byahoze kera kose, nkuko mbese byari biri muri Paradiso, ababyeyi bacu bataragwa, ni ukūmvira amategeko y’Imana rwose, no gukiranuka rwose. Iyaba ubugingo budashira bwaboneshwaga urugero ruri muni y’urwo, amahoro y’ibyaremwe byose, yaba mu kaga. Ibyaha byabona inzira, hagakurikiraho ibyago byose bikururwa na byo, bigahoraho iteka.

Byashobokeraga Adamu, ataragwa, gutungisha ingeso ze zera kwūmvira amategeko y’Imana. Ariko kuko yananiwe kugenza atyo, byatumye icyaha cyo kidukongera, gikoma ingeso zacu mu nkokora, bituma tutakibasha gutungisha imitima yacu kūmvira amategeko y’Imana kwonyine. Kuko turi abanyabyaha, twanduye ntitubasha kwumvira amategeko Ye anonosoye.

Nta gukiranuka kwacu dufite kwatuma dushyikira urugero rwo gukomeza amategeko y’Imana. Ariko Yesu yaduciriye icyanzu cyo gukira. Yabaye mu isi, arageragezwa, kandi ababazwa nka twe. Mu kubaho kwe ntiyigeze akora ibyaha. Yaradupfiriye, none ubu yemera gutwara ibyaha byacu, no kuduha gukiranuka kwe.

N’umwiyegurira, ukemera ko akubera Umukiza, azaguhindura umukiranutsi, n’aho waba waragize kubaho kwandujwe n’ibyaha byinshi. Imico ya Kristo ibarwa mu kigwi cy’imico yawe, Imana ikakwemera nk’aho utigeze ukora icyaha.

Ibirutaho kandi n’uko Kristo ahindura umutima. Aba mu mutima wawe kubwo kwizera Ukwiriye guhora ugirana umushyikirano na Kristo, kubwo kwizera, no kujya umwegurira umutima wawe iminsi yose, kandi n’ugenza utyo, azajya agutera gukora ibihuye n’ubushake bwe.

Ni bwo uzabasha kuvuga uti: “Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w’Imana, wankunze, akanyitangira.” (Abagalatiya 2:20). Uku ni ko Yesu yabwiye abigishwa be ati: “Si mwe

muzaba muvuga ahubwo ni Umwuka wa So uzabavugisha.” (**Matayo 10:20**). Maze uko Kristo azajy akorera muri wowe, uzamwigana, ugire umutima uhwanyeye n’uwe, kandi ukore imirimo ajya akora, ari yo mirimo yo gukiranuka no kumvira.

Noneho nta cyo dufite muri twe twakwiratana. Nta mpamvu dufite yo kwishyira hejuru. icyo dufite gusa cyo kwiringirwa, no gukiranuka kwa Kristo, aduha kubwa Mwuka we udukoreramo.

Ni tunganira ibyo kwizera, hariho itandukaniro dukwiriye kugaragaza. Hariho kwizera k’uburyo bumwe, kutagira isano no kwizera nyakuri. Kwizera ko Imana ibaho, kandi ko ifite imbaraga, no kwizera yuko Ijambo ryayo ari ukuri; ntibigira ubihakana, ndetse na Satani n’ingabo ze ntibabasha kubihakana.

Bibliya ivuga ngo: “Abadaimoni na bo barabyemera, bagahinda umushitsi.” (**Yakobo 2:19**). Ariko ibyo si ukwizera nyakuri. Kwizera nyakuri, ahubwo, ni ukwizera Ijambo ry’Imana, ugakubitiraho no kuryumvira. Iyo umutima uyiyeguriye, no kuyigirira irari, uba uyizeye by’ukuri. Kwizera k’ukuri gukomoka ku rukundo, no ku mutima uboneye.

Kwizera nk’ukwo ni ko guhindura umutima mushya, ukagira ishusho y’Imana. Umutima umeze utyo, nubwo wajyaga ugandira amategeko y’Imana, noneho wanezezwa n’ibyategetswe byera, ukavuga nka Dawidi, uti: “Amategeko yawe nyakunda ubu bugeni! Ni yo nibwira umunsi ukira.” (**Zaburi 119:97**). Gukiranuka kw’amategeko gusohozwa muri twe, “abatakurikiza ibya kamera, ahubwo bakurikiza iby’Umwuka.” **Abaroma 8:4**.

Hariho abigeze kumenya urukundo rubabarira rwa Kristo, kandi bakifuzaga kuba abana b’Imana rwose, ariko bakamenya ko imico yabo itaboneye, n’ubugingo bwabo budatunganye, bigatuma batangira gushidikanya yuko ahari imitima yabo itahinduwe n’Umwuka Wera. Abo ni bo mbwira nti: “Ntugasubire inyuma, wihebye.” Tuzajya dupfukama kenshi, turirira ku birenge bya Yesu kubw’ibicumuro byacu

n'amafuti dukora; ariko ntidukwiriye gukuka imitima. Naho twatsindwa n'umwanzi, ntituba duciwe, ntituba twahazwe cyangwa ngo tube twaretswe n'Imana. Reka da! Kristo uri iburyo bw'Imana, aradusabira. Yohana ukundwa yaravuze ati: "Mbandikiye ibyo kugira ngo mudakora ibyaha. Kandi ni hagira umuntu ukora icyaha, dufite umurengezi kuri Data wa Twese, ni Yesu Kristo ukiranuka." **1 Yohana 2:1.**

Maze kandi ntikumukibagirwe amagambo ya Kristo, ubwo yavugaga ati: "Data na we abakunda ubwe." (**Yohana 16:27**). Ashaka kongera kubagira abe, ashaka ko gutungana kwe no kwera kwe bigaragara muri mwe. Noneho ni mumwiyegurira, Uwo watangiye umurimo mwiza muri mwe azakomeza kuwukora, ntazahwema, ageze ku munsu wa Kristo Yesu. Nimujye mushishikarira gusaba kurushaho; murusheho kwizera rwose. Ni tugera aho tutacyiyiringira, tuzajya twiringira ububasha bw'Umucunguzi wacu, tubone guhimbaza utubereye amakiriro y'ubugingo bwacu.

Uko urushaho kwegera Yesu, ni ko uzajya usanga yuko urushaho kuba mubi mu maso yawe; kuko urushaho kubona neza, bigatuma ibidatunganye byawe birushaho kugaragara cyane, bitagira ihuriro n'ingeso za Yesu. Ibyo ni bimera bityo, bizaba bigaragaza yuko Satani azaba atakigufiteho urutabi. Bizaba bigaragaza kandi yuko imbaraga y'Umwuka Wera ihembura izaba igukanguye.

Nta bwo urukundo rwa Yesu rwabayeye kamere mu mutima wigira shyashya. Umutima wahinduwe n'ubuntu bwa Kristo uzajya ushima cyane ingeso ze zikomoka mu ijuru; ariko rero niba tutiyiziho ubugoryi, tubasha kumenya tudashidikanya, yuko ari nta bwo twigeze kurabukwa ubwiza no gukiranuka kwa Kristo.

Uko tuzajya tugabanya umwirato wacu, ni ko tuzajya turata Kristo. Ni twibonaho ibibi, bizadutera gusanga Ubasha kubabarira; maze kandi umuntu usobanukirwa n'intege nke ze, agasingira Kristo, azamuhishurira imbaraga ye. Ni turushaho kumushaka, no gushaka Ijambo ry'Imana, ni ho tuzarushaho kwozeze ingeso ze, no kugira ishusho Ye irabagiranira muri twe.

Igice cya 8: Gukurira muri Kristo.

Guhinduka k'umutima gutuma tuba abana b'mana, muri Bibliya kwitwa “kubyarwa ubwa kabiri.” Maze kandi, kugereranywa n'imbutu umuhinzi atera, zikamera. Abacyihana ngo bumvire Kristo, bameze nk'impinja, bakwiriye gukura, ngo babe abagabo n'abagore bahamye. Cyangwa se bameze nk'imbutu nziza zabibwe mu murima, bakwiriye gukura no kwera imbuto. Yesaya yavuze ko bazitwa “ibiti byo gukiranuka, ibyo Uwitwaga yateye, kugira ngo yogezwe.” **Yesaya 61:3.**

Ibyo ni ibyitegererezo bitwereka uburyo tubasha gusobanukirwa n'ibyo Umwuka bitagaragara, turebeye ku bigaragara dusanganywe. Nubwo twagira ubwenge bwahe, n'ubuhanga, ntitwabasha kurema akantu na kanzinya gafite ubugingo. Ubugingo Imana yatanze ni bwo bwonyine buha imbuto cyangwa ibizima kubaho. Uko ni ko ubugingo bukomoka ku Mana bubyarira mu mitima y'abantu ubugingo bw'Umwuka. Umuntu “utabyawe n'Umwuka ntabasha guhabwa ku bugingo Kristo yazanye.” **Yohana 3:3.**

Uko ubugingo bumera, ni ko no gukura kumera. Imana ni Yo ituma umugengararo ubyara, n'ururabyo rwera imbuto. Imbaraga yayo ni yo iha imbuto kugondora, “habanza akatsi, maze umugengararo, hanyuma zikaba amahundo, afite imbuto.” (**Mariko 4:28**). Umuhanuzi Hosea we, avuga ko ab'Isiraeli bazakura nk'amasaka, ati: “Bazashibuka nk'amasaka, bakure nk'umuzabibu.” (**Hosea 14:5,7**). Kandi Yesu atugira inama ati: “Mutekereze uburabyo uko bumera.” **Luka 12:27.**

Uburabyo n'ibindi ntibipfa kumera bibyihaye, ahubwo bimera kuko Imana yabihaye ubugingo. Umwana ntabasha kwiha gukura uko abishaka. Namwe nuko, ntimubasha kwiha gukura mu by'Umwuka, kubw'umwete wanyu. Ari imbuto, cyangwa umwana, bikuzwa n'ibibikikije, bibigaburira, ari byo umwuka, n'izuba, n'ibyo kurya Uko ubwo buntu bw'Imana bumerera ibizima n'imbuto, ni ko na Kristo amerera abamwiringira. Ni we “Mucyo wabo w'iteka,” “ni we zuba ryabo n'ingabo yabo.” (**Yesaya 60:19, Zaburi 84:11**). Azamera nk'

“ikime ku Bisiraeli,” “n’imvura ku bwatsi buciwe.” **Hosea 14:5; Zaburi 72:6.** Ni we mazi y’ubugingo, umutsima w’Imana. umanuka mu ijuru, ugaha abari mu isi ubugingo. **Yohana 6:33.**

Kubw’ubuntu butagira akagero bw’Umwana Wayo yazengurukije isi imbabazi, nk’uko izengutswe n’umwuka. Abahisemo bose guhumeka izo mbabazi bazabaho, kandi bagakura, bashyikira urugero rw’abagabo n’abagore bashyitse muri Kristo Yesu. Uko uburabyo bwerekera izuba, kugira ngo imyambi yaryo ibufashe kuba bwiza no gutungana, ni ko dukwiriye kwerekera Zuba ryo Gukiranuka, kugira ngo umucyo wo mu ijuru utuvire, ngo ingeso zacu zibone kumera nk’iza Kristo.

Icyo ni cyo yigishije ubwo yavugaga ati: “Mugume muri jye, nanjye ngume muri mwe. Nkuko ishami ritabasha kwera imbuto, ritagumye mu muzabibu, ni ko namwe mutabibasha ni mutaguma muri jye. Kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite.” (**Yohana 15:4, 5**). Uko ishami rigomba igiti, ngo rikure, no kwera imbuto, namwe nuko ni ko mukeneye Kristo ni mushaka kugira ubugingo bwera.

Mutandukanijwe na We, nta bugingo mwagira. Ubwanyu nta mbaraga bwite mufite yo kurwanya ibishuko cyangwa se gukurira mu buntu no kwera. Ni muguma muri we, ni ho muzatungana. Iyo ubugingo bwanyu bumukomotsemo, ntimwuma ngo murumbe. Muzahwana n’igiti cyatewe hafi y’umugezi.

Benshi bibwira yuko hariho ibyo bakwiriye gukora ubwabo. Biringiye Kristo kubababarira ibyaha, bakubitiraho kugerageza ubwabo kugira ubugingo buboneye. Nta wabigenza atyo wabura kunanirwa. Yesu yaravuze ati: “Nta cyo mubasha gukora mutamfite.” Ibyacu byose, ari ugukurira mu buntu, cyangwa umunezero wacu, cyangwa akamaro kacu, byose uko bingana tubikesha kubana na Kristo.

Igituma dukurira mu buntu, no ukubana na Yesu iminsi yose, no kuguma muri we. Ni we Banze ryo kwizera kwacu, kandi ni na we ugusohozza. Kristo ni we Tangiriro, kandi ni we Herezo, ni we uhoraho iteka ryose. Akwiriye kubana natwe, si mu itangira ry’urugendo, cyangwa mu

iherezo ryarwo gusa, ahubwo tumukwiriye mu ntambwe yose dutambuka. Dawidi yaravuze ati: “Nshyize Uwiteka imbere yanjye iteka. Kuko ari iburyo bwanjye, sinzanyeganyezwa.” **Zaburi 16:8.**

Murabaza muti “Naguma nte muri Kristo?” Igisubizo ni iki ngo “Nkuko mwakiriye Yesu Kristo Umwami wacu abe ari ko mugendera muri we.” “Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera.” (**Abakolosayi 2:6, Abaheburayo 10:38**). Mwiye gurire Imana ngo mube abayo rwose, muyikorere, muyumvire, kuko Kristo mwamugize Umukiza wanyu.

Ubwanyu ntimwabasha guhongerera ibyaha byanyu, cyangwa guhindura imitima yanyu, ariko noneho ubwo mwiye gurire Imana, mwizera ko yabibakoreye kubwa Yesu Kristo. **Kwizera** ni kwo kwabahesheje kuba abantu ba Kristo, kandi kwizera ni ko gutuma mukurira muri we. Mukwiriye gutanga byose, ari byo mutima wanyu, n’ubwenge bwanyu, n’ubushake bwanyu, mukitangira kuyumvira mubyo ibasaba byose, maze kandi mukwiriye no **kwakira** Kristo, Nyir’imigisha yose, ngo agume mu mitima yanyu, abe imbaraga yanyu, abe no gukiranuka kwanyu, n’umufasha wanyu iteka n’iteka, abahe imbaraga yo kumwumvira.

Mujye mwiye gurira Imana uko bukeye; abe ari byo mugira nyambere mu gitondo, mutarakora ibindi byose. Mujye musenga muti “Nyagasani nyakira ungire uwawe rwose. Inama zanjye zose nzirambitse ku birenge byawe Unkoreshe, mbe uwawe uyu munsu. Tubane Nyagasani, kandi imirimo yanjye yose nyikorane nawe.” Uko ni ko mukwiriye kugenza uko bukeye. Mu gitondo cyose mujye mwiye gurira Imana kubw’uwo munsu. Inama zanyu zose, muzishyire imbere yayo ngo abe ari Yo izisohozza, cyangwa se, ngo yenda izireke. Muri ubwo buryo ni bwo mubasha gushyira ukubaho kwanyu mu maboko y’Imana iminsi yose, kandi ni bw’ukubaho kwanyu kuzajya kurushaho gukurikiza ukwa Kristo.

Kuba muri Kristo bizana kubaho kw’ihumure. Ahari nta munezero uhebuje mufite, ariko rero mukwiriye kugira ibyiringiro by’amahoro bitagira impinduka. Si mwe mwitezeho amakiriro, ahubwo mwizigire

Kristo. Mureke intege nke zanyu zifatanye n'imbaraga ye, ubujiji bwanyu bufatanye n'ubwenge bwe.

Ni cyo gituma mudakwiriye kwihanga amaso, ahubwo mwizigire Kristo. Urukundo rwe, ineza ye, gukiranuka kwe, ingeso ze zitunganye, abe ari byo muhora mutekereza Kristo, uko yigomwe, Kristo uko yicishije bugufi, Kristo, uko aboneye akera; Kristo, uko akunda bihebuje, ibyo abe ari byo imitima yacu izirikana. Kumukunda, kumwigana, kumutegaho amakiriro, ni byo bikwiriye kuduhindura, ngo duse na We.

Yesu yaravuze ati: "Mugume muri jye." Ayo ni yo magambo adutera gutekereza iby'amahoro, kudahindagurika, no gushira amanga. Maze kandi Kristo yakubitiyeho kuturarika ati: "Nimuze, mwese abarushye, n'abaremerewe, ndabaruhura." (**Matayo 11:28**). Ibyavuzwe na Dawidi bihwanye n'ibyo, ngo "Turiza Uwituka, umutegereze wihanganye." (**Zaburi 37:7**). Yesaya na we yarabisongeye ati: "Ituza no mu byiringiro ni mo muzaherwa imbaraga." (**Yesaya 30:15**).

Uko kuruhuka ntikubamwo ubunebwe; kuko Umukiza yaturarikiye kuruhuka, abifatanya no gukora ati: "Mwemere kuba abagaragu banjye... ni ho muzabona uburuhukiro." **Matayo 11:29**. Umutima urushaho kuruhukira muri Kristo ni wo urushaho gushimikira no gushishikarira kumukorera.

Iyo umutima witekereje ubwawo, wimura Kristo, ya Soko y'imbaraga n'ubugingo. Ni cyo gituma Satani adahwema kugerageza guhuza amaso yacu. ngo atareba umukiza no gushyikirana na we. Ibinezera byo muri iyi si, n'amaganya, n'imitima ihagaze, n'ishavu, n'ibicumuro by'abandi, ndetse n'ibicumuro byanyu, ibyo ni byo Satani azajya agerageza gukuruza amaso yanyu. Ntimukemere imitego ye. Hariho benshi batari indyarya bifuzaga kubana n'Imana, maze Satani agaherako akabateza ibicumuro byabo n'intege nke zabo, yibwira ko nabasha kubatandukanya na Kristo, atazabura kubaneshya. Nta bwo dukwiriye kwihugiraho n'ubwoba n'imitima ihagaze kuko bidutera gushidikanya ko tutazakira. Ibyo byose byibagiza imitima yacu Isoko y'imbaraga.

Mukundire Imana kurindira imitima yanyu, muyiringire. Mujye muganira, mutekereze Yesu, ngo ibye abe ari byo bibatwara umutima. Mureke gushidikanya kwose; mureke ibibatera ubwoba. Muvuge nk'intumwa Paulo, muti: “Ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w’Imana wankunze akanyitangira.” **Abagalatiya 2:20.**

Muruhukire mu Mana. Ibasha kubarindira ibyo mwayibikije. Nimwirekere mu maboko yayo, kandi izaneshereza kubw’ Uwabakunze. Igihe Kristo yigize umuntu, yizirikishijeho abantu umurunga w’urukundo utabasha gucibwa n’imbaraga zose, keretse umuntu abyishakiye ubwe. Satani azahora agerageza kudushukashuka guca uwo murunga, ngo duhitemo kwitandukanya na Kristo.

Aho ni ho dukwiriye kubera maso, turwana, dusenga, kugira ngo hatagira ikidushukashukira gukeza ubundi buhake; kuko ari nta byatubuza kubikora tubishatse. Ahubwo tujye dutumbira Kristo, kuko azaturinda. Iyo dutumbiriye Kristo, tuba dukize. Nta cyabasha kudushikuza, ngo kimudukure mu maboko. Kandi, iyo tumuhojejeho amaso “duhindurwa, tugashushanywa n’ishusho ye, duhabwa ubwiza bukurikirana, nk’abahindurwa n’Umwami.” **2 Abakorinto 3:18.**

Uko ni ko abigishwa ba mbere bahawe gusa n’Umukiza wabo bakundaga cyane. Abo bigishwa bamaze kumva amagambo ya Yesu, basobanukiwa uko bamukennye. Bamushatse, baramubona, baramukurikira. Bahoranaga na we mu nzu, bagasangira, bakamukurikira n’ahiherereye no mu nteko z’abantu. Babana na We. Uko abigishwa babanaga n’umwigisha wabo, bumva amagambo y’ukuri yavaga mu kanwa ke iminsi yose. Bamuhakwagaho, nk’abagaragu bahakwa na bashebuja, bakamwigiraho ibyo bakwiriye gukora. Abo bigishwa bari abantu bameze nka twe. (**Yakobo 5:17**) Barwanyaga ibibi nka twe. Bagombaga kugirirwa imbabazi nka twe, kugira ngo bagire kubaho kwera.

Kugana Yesu

Ndetse na Yohana, wa mwigishwa Yesu yatoneshaga, ari we warushaga abandi bose kumera nka we, ingeso ze nziza ntizari kamere. Atarihana, yishyiraga imbere, akifuza icyubahiro, agakubitiraho no guhutiraho. Iyo yagiraga ikimubabaza yararakaraga. Ariko ubwo yabonaga ingeso z' Uwo wavuye mu ijuru, yimenyagaho ibibi, akicisha bugufi. Imbaraga no kwihangana, ububasha n'ubugwaneza, icyubahiro no kwicisha bugufi, yajyaga abonana Umwana w'Imana iminsi yose, byamuteraga kumirwa no kumukunda.

Iminsi yose umutima we wakururwaga na Kristo, ageza aho urukundo akunda Kristo rumutera kwiyibagirwa. Ingeso ze zo kwirarira no guhutiraho ziyengeshwa n'imbaraga za Kristo Umutima we uhumdurwa ukundi n'imbaraga y'Umwuka Wera ukiza. Ayo ni yo maherezo atabura y'umuntu ushyira hamwe na Yesu Kristo. Iyo ari mu mutima w'umuntu ingeso ze zose zirahinduka Umwuka wa Kristo, urukundo rwe, byoroshya umutima, biwerekeza ku Mana no mu ijuru.

Igihe Kristo agiye mu ijuru, abigishwa be basigaye bameze nk'aho akiri kumwe na bo. Bari basigaranye ingeso ze zuzuye urukundo n'umucyo wa Yesu Mukiza, wahoraga agendana na bo, bakaganira, bagasengera hamwe, wari warabahumuriye, akabakomeza imitima. Agiye kubakurwamo ngo ajyanwe mu ijuru, ubwo abamaraika bari bamushagaye, yaravuze ati "Dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi." **Matayo 28:20.**

Nuko aherako azamuka ajya mu ijuru, afite ishusho y'umuntu, ahagarara imbere y'intebe y'Imana, akiri inshuti yabo n'Umukiza wabo. Bari bazi kandi yuko umutima we utahindutse, ko yari agifatanya n'imibabaro y'ab'isi. Yagaragazaga imbere y'Imana umumaro w'amaraso ye atunganye, yereka Imana inkovu zo mu biganza bye no ku birenge bye. Ibyo byari urwibutso rw'inshungu yatangiwe abari mu isi. Abigishwa be bari bazi yuko yajyanywe mu ijuru no kubategurira ahabo, ngo azagaruke, kubajyana aho ari, ngo babane na we.

Ubwo bari bateraniye hamwe, Yesu amaze kuzamurwa mu ijuru, bari bafite umwete wo gusaba Data wa Twese mu izina rye. Bapfukamanye

icyubahiro cyinshi, badasiba kuvuga isezerano yari yarabasezeranije ngo “Icyo muzasaba Data cyose, mu izina ryanye, azakibaha, Kugeza none nta cyo mwasabye mu izina ryanjye MUSENGE, muzahabwa, ngo umunezero wanyu ube mwinshi.” **(Yohana 16:23, 24)**. Ukuboko kwabo kwo kwizera bagutungaga kucijuru bati “Kristo Yesu ni we wadupfiriye, ibirutaho yarazutse, ari iburyo bw’Imana, aradusabira.” **Abaroma 8:34**.

Yesu Kristo avuga iby’Umufasha, yaravuze ati “Azabana namwe.” Ku munsu wa Pentekote ni ho iryo sezerano ryashohojwe, Kandi Yesu yarongeye aravuga ati “Ikizagira icyo kibamarira, n’uko ngenda, kuko ni ntagenda. Umufasha atazabazamo, ariko ni ngenda nzamubohereza.” **(Yohana 16:7)**. Uhereye ubwo bari bagiye kubana na Yesu, noneho mu buryo bw’Umwuka Wera. Uko bari bameze igihe babanaga n’Umwuka Wera, byarushaga uko bari bameze, igihe babanaga na Yesu.

“Umucyo n’urukundo, n’imbaraga bya Kristo byarabagiraniraga muri bo, ndetse byatumaga abantu batangara bibuka ko babanaga na Yesu.” **Ibyakozwe 4:13**.

Uko Kristo yabereye abigishwa be ba mbere, ni na ko ashaka kubera abana be na none. Ubwo yaherukaga gusenga ari kumwe n’abigishwa bamwe yaravuze ati “Sinsabira aba bonyine, ahubwo ndasabira n’ abazanyizezwa n’ijambo ryabo.” **Yohana 17:20**.

Yesu yaradusabiye, asaba kugira ngo tube umwe na We nkuko na we yari umwe na Data wa Twese. Mbega ubumwe bw’isābāne butagira uko busa! Umukiza yavuze ibimuhereyeho, ati “Nta cy’Umwana w’Imana abasha gukora ubwe.” “Data uguma muri jye, ni We ukora imirimo ye.” **(Yohana 5:19; 14:10)**. Noneho Kristo naba mu mitima yacu, azadutera “gukunda no gukora ibyo yishimira.” **Abafilipi 2:13**. Ni ho tuzagenda uko yagenzaga tuzagira umutima uhwanyeye n’Uwe Uko ni ko tuzamukunda no kuguma muri we, dukurire muri we muri byose.” **Abefeso 4:15**.

Igice cya 9. Imirimo n'Ubugingo.

Imana ni yo Soko y'ubugingo n'umucyo n'umunezero by'ibyaremwe byose. Umugisha utemba uyivamo ugera ku byo yaremye byose. Ni nk'amazi adudubiza, ava mu isoko, cyangwa imyambi y'izuba irasira mu mpande zose. Ubugingo bw'Imana iyo buri mu mitima y'abantu, akabwo ntikiburira, bubabera amendeze yo gukunda abandi no kubahesha umugisha.

Icyashimishije Umukiza wacu ni ugusayura abantu bazikamye mu byaha no kubacungura. Kugira ngo asohoze izo nama, ntarakita ku bugingo bwe, ahubwo yihanganiye umusaraba, ntiyita ku gashinyaguro. Nkuko Yesu atahwemaga gukorera abandi kugira ngo abaheshe umugisha, ni ko abamaraika na bo bahora bakorera abandi. Uwo ni wo munezero wabo. Nubwo abibone banegura abatindi bakibwira ko kubakorera ari ukwisuzuguza, nyamara abamaraika bera bo, bishimira gukora bene iyo mirimo.

Za ngeso za Kristo zo kutikunda, no kutikanyiza, ni zo zasābye mu ijuru hose, ni na zo shingiro ry'umunezero waho uhebuje. Izo ngeso ni na zo zizagaragarira mu bayobokeye ba Kristo, zibatere kwishimira kugera ikirenge mu cye. Iyo urukundo rwa Kristo rwabaye kamere mu mutima w'umuntu, nta wabasha kuruhisha, nkuko mbese umuntu wisize umubavu atabasha kuwuzimanganya ngo abandi batabimenya. Ufite urwo rukundo rwa Yesu mu mutima we, arwanduza abandi. Urukundo rwa Kristo iyo ruri mu mutima w'umuntu, rumera nk'isoko y'amazi idudubiriza mu butayu igahembura ibiyizengurutse byose. Ni rwo rukiza abagiye gupfa, rukabatera irari ry'amazi y'ubugingo.

Urukundo dukunda Yesu rwagaragazwa no kuger'ikirenge mu cye no kuber'aband'umugisha, no kubakiza. Rwadutera gukundana, no kugirir'ibyaremwe'impuhwe.

Umukiza wacu, akiri muri iyi si, ntiyagize ukubaho ko kwinezeza n'umunezero w'umudendeze. Ahubwo yakoraga ubudahwema kugira ngo

akize abazimiye. Uhereye mu muvure w'inka, ukageza i Kalvari yanyuze mu nzira y'umubabaro, kandi nta bwo yigeze yihunza umuruho n'ingendo zikomeye, n'imirimo irembya, igatera kugwa agacuho. Yaravuze ati: "Umwana w'Umuntu ntiyaje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi, no gutangira ubugingo bwe kuba inshungu ya benshi." (**Matayo 20:28**). Uwo ni wo mugambi rukumbi Yesu yari afite mu kubaho kwe kwose. Ibindi byose yabikorera kugira ngo asohoze uwo mugambi wo kuba inshungu yabo. Gukora icyo Se ashaka no kurangiza imirimo yaje gukora byamuberaga nk'ibyo kurya n'ibyo kunywa, na ho kwihesha agaciro n'isumbwe, ntibyamurangwagamo.

Nuko rero, abemera ubuntu bwa Kristo bakwiriye kugira ibyo bigomwa. Bakwiriye no gukora uko bashobora kwose kugira ngo babe icyitegererezo cyiza gituma abandi begerezwa Imana. Ngayo amaherezo yo kwihana nyakuri.

Umuntu acyiyegurira Kristo, uwo mwanya yumva ashaka kumenyesha abandi iyo nshuti ye ihebuje izindi. Ntabona uko ahisha ukwo kuri gukiza kandi kweza.

Twambaye gukiranuka kwa Kristo, tukagira umunezero n'amahoro by'Umwuka we utubamo, ntibyadushobokera ko duceceka. Iyo dusogongeye tukumva ko Uwituka agira neza, ni ho tugira icyo tubwira abandi. Nkuko Filipino yashohoje Natanaeli kuri Yesu amaze kumubona, ni ko natwe dukwiriye kugira abandi inama yo kumusanga, tukagerageza uko dushobora kwose kubarekura ngo babone gutega amakiriro ku byiza bya Kristo bitazashira byo mu isi izaza. Dukwiriye gushimikira no kumaramaza, dutera intambwe, dutwaranira kugera ikirenge mu cya Kristo. Dukwiriye kujya dukeburira amaso y'abandi kureba Intama y'Imana ikuraho ibyaha by'abari mu isi. **Yohana 1:29**.

Ni tugira ibyo dukorera abandi, bizatugarukira ari umugisha mwinshi. Ni cyo gituma Imana yagize icyo iduha, cyo gukorera gukiza abandi no gusohozza inama y'agakiza. Imana yahaye abantu amahirwe yo gusangira kamere yayo, kugira ngo babone guhesha bagenzi babo umugisha. Nta

cyubahiro cyangwa umunezero Imana yaduha birenze gusangira kamere ya Yo.

Abashyira hamwe n’Imana bagakorana na Yo imirimo y’urukundo, ni bo barusha abandi bose kwegerezwa Umuremyi wabo. Iyo Imana ibishaka, yajyaga gutegeka abamaraika bo mu ijuru kwamamaza ubutumwa no gukora iyo mirimo yose y’urukundo yo gukiza abandi. Iyo ibishaka, yajyaga kubisohozza mu bundi buryo, ariko kubw’urukundo rwayo rutagira akagero, yahisemo kudutorera gukorana na Yo, ngo dufatanye na Kristo n’abamaraika bera, dusangire umugisha, n’umunezero bizanywe n’uwo murimo w’urukundo.

Gufatanya na Kristo kuduha na we cyane. Kwihotorera abandi no kwibabariza kubafasha kuzajya kudutera umutima wo kugira neza, ndetse no kutwegereza Umucunguzi w’isi, “Uwari umutunzi, ariko agahinduka umukene ku bwanyu, kugira ngo ubukene bwe bubatungishe.” (2 Abakorinto 8:9). Ni twemera kwihotora dutyo na twe, ni bwo gusa ubugingo bwacu buzasabwa n’umugisha

Ni mwemera gukora, nkuko Kristo yabigeneye abayobokeye be, mukamushakir abihana, muzajya mwumva mushaka kugenzura iby’Imana, ngo murusheho kubimenya, mugire inzara n’inyota y’ibyo gukiranuka. Muzatakira Uwiteka, kandi kwizera kwanyu kuzakomera, kandi imitima yanyu izanywa cyane ku mazi y’isōko y’agakiza. Amahane n’ibyago muzabona, bizabatera kwiga Bibiliya no gusenga. Muzakurira mu buntu bwo kumenya Kristo murusheho gushikama no gutungana.

Umutima wo gukorera abandi no kutikanyiza, utera imico myiza kudahinduka, igashorera imizi kure, ikamera nk’iya Kristo. Bene uwo mutima uzanira nyirawo amahoro n’ibyishimo bitazashira. Aho kugira ubugugu n’ubute. Yashimikirira gushishikarira gushyikira ingeso z’Imana, kandi yakura agakomerera mu mirimo yayo.

Umutima we wamenya neza inshingano ye, yakura akagira kwizera kutajegajega, kandi amashengesho ye yagira umumaro kurutaho.

Kugana Yesu

Umwuka w’Imana iyo akoze mu mutima w’umuntu, atuma ingeso ze zera zose zikubira hamwe, akemera guhwitura kwo mu ijuru. Abitanga batyo batikunda, ngo baboneze abandi, basohoza rwose akabo gakiza.

Kugira ngo dukurire mu buntu, dukwiriye kujya dukora wa murimo Kristo yadutegetse tutiganda, dukore uko dushobora kwose, dufasha no guhesha umugisha abawukennye. Imbaraga izanwa no gukora; ndetse nta wabaho adakora. Abagerageza gutungisha ubukristo gupfa kwakira umugisha duherwa ubuntu, ntibagire icyo bakorera Kristo, bameze nk’abagerageza gutungirwa kurya gusa. Ibyo bitera kwonda no gupfa.

Umuntu wakwanga gukoresha amaguru ye ntiyatinda kunanirwa guhagarara. Uko ni ko Umukristo udakoresha imbaraga yahawe n’Imana amera. Uretse kudakurira muri Kristo, n’imbaraga yari afite zirayonga. Itorero rya Kristo ni ryo Imana yageneye gukiza abantu. Umurimo waryo ni ukwamamaza ubutumwa mu isi yose. Umukristo wese Imana ni wo murimo imwizeyeho gukora. Umuntu wese uko azi n’uko ashobora, akwiriye gusohoza rya tegeko ry’Umukiza.

Urukundo rwa Kristo rwatugezeho, ni rwo rutuma turimo umwenda w’abatamuzi. Imana ntiyaduhereye umucyo kuwikubira, ahubwo yawuduhereye kuwumurikishiriza abandi. Iyaba abayobokeye ba Kristo barakangukiye kumenya inshingano yabo, bagakora uko bashoboye kose, none tuba dusanga abantu b’ibihumbi bamamaza ubutumwa mu mahanga, aho dusanga umwe gusa. Maze kandi, abatashobora kujya kure ubwabo, batungisha uwo murimo ubutunzi bwabo, bawusabiye kandi bawufitiye umwete.

Icyakora, si ngombwa yuko tujya mu bihugu bya kure ngo tuve muri bene wacu, niba iwacu ari ho hadukennye, tukaba dutumwe gukorera Kristo muri icyo kirere. Tubasha kumukorerera iwacu, n’aho turi hose, ari mu itorero, no mu baturanyi bacu, no mu bo dukorana.

Umukiza wacu akiri muri iyi si, yamaze imyaka myinshi akora umurimo woroheje, kandi ugayitse ari wo kubaza. Akiri iwabo, ataratangira kwigisha abantu, abamaraika bahoraga bamushagaye, ubwo

yagendereraga abahinzi n'abanyamirimo bataramenya ko ari we Mucunguzi wabo.

Ntidukwiriye kwibwira yuko Yesu yakoraga umurimo yahawe na Se gukora ubwo yagendeshaga amaguru hejuru y'inyanja y'i Galilaya, cyangwa se ubwo yavuraga abarwayi gusa, ahubwo, umurimo yakoraga wose ari uworoheje cyangwa ukomeye, yawukoraga awitayeho, azi ko wagenwe n'Imana

Intumwa Paulo yavuze uburyo umuntu wese, akwiriye gukora umurimo wose ahawe, afatanyije n'Imana. **(1 Abakorinto 7:24)**. Umutunzi ashobora gukomeza umurimo we mu buryo buhesha ikuzo Imana, abaye inyangamugayo. Niba ari umuyoboze wa Kristo w'ukuri, idini rye rizagaragarira mu byo akora byose, abantu bose bamenye ko agira umutima wa Kristo.

Umuhanga witonda w'umwizerwa abasha kuba mu cyimbo cy'uwo wakoreshaga amaboko ye imirimo yoroheje cyane mu misozi y'i Galilaya. Umuntu wese witirirwa Kristo akwiriye kujya akora atyo kugira ngo abandi nibabona uko akora imirimo ye neza, bibatere gushima Rurema n'Umukiza wabo.

Hariho abantu benshi bikiza ngo babuzwa gukorera Kristo n'abandi babarusha ubwenge n'uburyo. Hariho benshi batekereza yuko ari abanyabwenge bwinshi basa bizeweho gukora uwo umurimo w'Imana. Bibwira ko ari impano zahawe bamwe gusa, ngo abandi rero ntibahamagariwe gukora no kugororerwa. Ariko si ko biri. Iyo nyir'urugo ahamagaye abagaragu be, aha umuntu wese umurimo we.

Tubasha gukorana imirimo yoroshye yose umutima urimo urukundo nka ho ari Umwami dukorera **(Abakolosayi 3:23)**. Iyo urukundo rw'Imana ruri mu mutima, rugaragarira mu bugingo bwacu. Impumuro nziza ya Kristo iradukikiza, kandi n'ingeso zacu zizafasha abandi, zibabere umugisha.

Kugana Yesu

Ntimukwiriye kurindira ibikomeye cyangwa ubwenge burutaho ngo mutangire gukorera Imana. Ntimukwiriye gutekereza icyo abandi bazavuga. Ukubaho kwanyu gutunganye kandi kutarimwo uburyarya ahubwo ni kwo gukwiriye guhamiriza Yesu imbere y'abandi.

Umuyoboze wa Yesu wese, naho yaba yoroheje ate, cyangwa akaba umutindi, abasha kubera abandi umugisha n'icyitegererezo. Ahari ubwe ntiyamenya ko hari icyiza yakora, ariko rero ubugingo bwe buboneye bwo bwagoborera abandi umugisha ukura, ukagwira. Ikimukwiriye cyonyine ni ukugenda yitonze, ari nta kindi, agakora neza umurimo Imana imuhaye.

Abigenje atyo ukubaho kwe ntikuzapfa ubusa. Umutima we uzunguka, use n'uwa Kristo. Uretse gushyira hamwe n'Imana, gukora umurimo wayo muri ubu bugingo, azaba yitegurira guhabwa umunezero utagira kirogoya mu bugingo buzaza.

Igice cya 10. Kumenya Imana.

Imana ifite uburyo bwinshi ikoresha, ishaka kutwimenyesha no kudutera gusābāna na Yo. Ibyaremwe bihora biduhana ubudasiba. Umutima iyo wemeye, ubasha kureshywa n’urukundo rw’Imana n’ubwiza bwayo, ari byo bigaragazwa n’imirimo y’amaboko yayo. Uzi gutega amatwi ye, abasha kumva no kumenya icyo Imana ivugira mu bintu yaremye, ari ubwatsi bumera, cyangwa ibiti binini by’inganzamarumbo, cyangwa imigengararo n’uburabyo, cyangwa igicu kigenda, cyangwa imvura igwa, cyangwa akagezi gasuma. Byose uko bingana byigisha imitima yacu, bikaturarikira kumenyerana n’Uwabiremye byose.

Ibyigisho by’Umukiza wacu bitagira uko bisa, yabyigishishaga ibyaremwe, abigereranya. Ibiti, n’inyoni, n’uburabyo bwo mu bibaya, n’imisozi, n’ingezi, ndetse n’ibindi bihora biboneka iminsi yose bibakikije, ni byo yahuzaga n’Ijambo ry’ukuri, agira ngo ibyo yigishaga bibahoremo.

Imana ishaka ko abana bayo banezewa n’imirimo yayo, ngo bashimishwe n’ibintu byiza yarimbishishije isi yacu. Burya Imana ikunda ibintu byiza byose, ndetse icyo ikunda cyane cyane kurusha ibigaragara byose, ni imico myiza; ni cyo gituma itwifuriza guhirimbanira kubonera no gutungana rwose.

Twaramuka tubaye maso, ibyaremwe n’Imana byatwigisha ibyigisho byiza byo kūmvira no kunamba. Uhereye ku nyenyeri zihora zigenda urugendo rwazo rwo mu kirere kuva kera kwose, ukageza ku gakungugu katagaragara, ibyaremwe byose byumvira Rurema. Imana irinda ibyo yaremye byose, aho biva bikagera, ikabikomeza. Ni Yo ikomeza amasi yose atabarika yo mu isānzūre, ikanarinda n’igishwi kijwigira cyidabagirira.

N’aho turi hose, ari ukujya mu mirimo cyangwa se kuryama n’ijoro, cyangwa se iyo tubyutse mu gitondo; byose irabizi. N’iyo umukire aremye ibirori mu nyumba ye, cyangwa umukene ateranirije abana be ku

gakono k'intekabusa, umuntu wese arindanwa urukundo na Data wo mu ijuru. Nta marira atemba mu maso yacu Imana itabizi. Nta kumwēnyura kuyisoba.

Iyaba twizeraga ibyo rwose, ntitwagakwiye kureka imitima ihagarikwa n'ubusa gusa, ntitwahora ku nkēke y'ibitubabaza nk'ubu ngubu; kuko byose, ari ibyoroheje cyangwa ibikomeye twabirekera mu maboko y'Imana, itarushywa n'imiraho myinshi nka twe, cyangwa ngo igire ikiyishēngura. Ni ho twabona uburuhukiro bw'umutima bwabuzwe na benshi igihe kirekire.

Uko mujya munēzēzwa n'ibintu byiza byo mu isi, bibareshya, mujye mutekereza iby'indi si yenda kuza, itazabonekamo kōnonekara kuzanwa n'ibyaha n'urupfu; aho ibizaba byāremwe bitazongera kurangwamo n'igicucu cy'umuvumo. Mugerageze kugenekereza ubuturo bw'abakijijwe, uko busa; kandi mwibuke yuko hazaba ubwiza butarōndōreka buruta icyo umuntu yabasha no kugenekereza cyose.

Ibintu byiza tubona ubu mu byaremwe nubwo byadushimisha bite, ibyo ni igicucu gusa cy'ubwiza bwayo burabagirana. Byanditswe ngo: "Ibyo ijisho ritigeze kureba, n'ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, byose Imana yabyiteguriye abayikunda." **1**

Abakorinto 2:9

Abahanga bazi kugēnzura kamere y'ibintu ntibahwema gutangazwa n'ibyo Imana yaremye. Ni cyo gituma Umukristo wese arushaho kunēzēzwa n'ibintu byiza byo muri iyi si, kuko abiboneramwo imirimo y'intoke za Se wo mu ijuru. Nta muntu wakuriza icyigisho ku misozi n'ibikombe, no ku migezi n'inyanja, wabura kubirebamwo urukundo Imana yakunze abantu.

Imana ivuganira natwe mu byo ikora, no kubw'Umwuka Wera, itoteza imitima yacu. Dushobora kwigishwa neza n'ibitubaho, ndetse n'ibidukikije biri mu isi yose, iyo imitima yacu yugururiwe kubyakira. Dawidi, ubwo yatekerezaga imirimo itangaza y'Imana, yaravuze ati: "Isi

yuzuye ineza y’Uwiteka.” (**Zaburi 33:5**). “Umunyabwenge wese azitegereza ibyo, kandi bazita ku mbabazi z’Uwiteka.” **Zaburi 107:43**.

Imana ivuganira natwe mu ijambo ryayo. Muri ryo ni mwo turushaho guhishurirwa imico yayo itangaje, itayoberana, n’uburyo ikunda abantu, ikabakiza. Muri ryo kandi ni mwo ibya basogokuruza n’abahanuzi n’abandi bera ba kera bigaragarizwa. Bari abantu bameze nkatwe rwose (**Yakobo 5:12**).

Muri Bibiliya dusangamwo uburyo birwanagaho bacogoye nkatwe, uko bagwaga mu moshya nkatwe, bakongera kwirema agatima, bagatsinda kubw’imbabazi z’Imana kandi uko tubitekereza twongerwa umwete wo kwishakira gukiranuka. Iyo dusomye uburyo Imana yabagobotse ikabahagarikira, n’uko yabahiriye ikabakoresha imirimo itangaje kubw’imbabazi zayo; wa mutima wabateraga ibyo, ukongeza umuriro wera mu yacu mitima, bigatuma twifuza kugira imico nk’iyabo ngo tugendane n’Imana nka bo.

Yesu yavuze iby’Isezerano rya Kera, kandi arushaho kuvuga iby’Isezerano Rishya, ati: “Ni byo bimpamya.” (**Yohana 5:39**). Koko, Bibiliya yose itubwira ibya Kristo. Uhereye ku ijambo rya mbere ryo muri ryo, ukageza ku ijambo riheruka, ngo: “Dore ndaza vuba,” ni ho twigira iby’imirimo yakoze. N’ubisomye, aba yumvise n’ijwi rye rivugana na Yesu. Niba mushaka gushyikirana n’Umukiza, mukwiriye kujya mwiga ibyanditswe Byera.

Nimwuzuze umutima wose amagambo y’Imana, kuko ari yo mazi y’ubugingo, azabamara inyota yica. Ndetse ni yo mutsima w’ubugingo wavuye mu ijuru. Yesu yaravuze ati. “Ni mutarya umubiri w’umwana w’umuntu, ntimunywe amaraso ye, nta bugingo mufite muri mwe.” Yongera kubisongera ati: “Amagambo mbabwiye ni yo mwuka, kandi ni bwo bugingo.” (**Yohana 6:53, 63**.) Imibiri yacu iremwa n’ibyo turya n’ibyo tunywa: kandi uko bimeze kubw’imibiri ni ko bimeze no kubw’imitima: ibyo tujya twibwira tukabyiga, ni byo bizadutunga no gukomeza imitima yacu.

Kugana Yesu

Mbese, inama y'agakiza ko ari yo nama yizihira abamaraika bo mu ijuru akaba ari yo kandi abacunguwe bazajya baririmba iteka bageze mu ijuru, ubu ho, si yo dukwiriye gushishikarira kwiga no kumenya? Mbega ubuntu n'urukundo rwa Yesu, ko bitagira akagero, si byo dukwiriye guhozaho umutima? Si byo se bikwiriye kudutera kwintera, tukibaza cyane, ngo tubone gukurikiza imico y'Umuhuza wacu n'Imana?

Uko turushaho kwibwira iby'inama zose zo mu ijuru, ni ko no kwizera kwacu n'urukundo rwacu bizajya bikurana imbaraga, kandi ni ko amasengesho yacu azajya arushaho kwemerwa n'Imana, kuko azaba arushaho gufatanya no kwizera n'urukundo.

Ni ko tuzarushaho kwiringira Yesu no gushikama, ndetse tuzajya tumenyerana na Yesu iminsi yose, tumenye imbaraga ye ikiza rwose abegerezwa Imana na We. Ni dutekereza iby'uburyo Umucunguzi wacu ari intungane rwose, ni bwo tuzifuza guhindurwa. Ni bwo kandi tuzagira irari ryo guhinduka byimazeyo, ngo tumere nka we rwose.

Tuzaba dufite inzara n'inyota byo gusa n'uwo turamya. Uko imitima yacu irushaho kwihatira gutekereza ibya Yesu, ni ko tuzarushaho kumuvuga imbere y'abandi, tugahagarara mu cyimbo cye ngo tumurengere, no kumumenyekanisha tukiri muri iyi si y'igomero.

Bibiliya ntiyandikiwe abahanga gusa; ahubwo yandikiwe rubanda rwose. Imyigishirize ikomeye, iduhesha agakiza, nubwo iruhije ite yagaragaye nk'amanya y'ihangu. Ni cyo gituma ari nta wayoba inzira, keretse uwishakiye iye nzira mu cyimbo cyo kuromboreza inzira ihuje n'ubushake bw'Imana.

Ntidukwiriye kunyurwa n'amagambo y'undi wese utubwira uko Ibyanditswe bivuga, ahubwo ikidukwiriye ni ukwiyigira amagambo y'Imana. Ni twemera uko abandi batekereza mu cyimbo cyo kwitekereza ubwacu, umwete wacu uzahenebēra, uremare, n'ubwenge bwacu n'ububasha bwacu buzayonga, ndetse bizatuma tudashobora gusobanukirwa n'amahame akomeye yo mu Ijambo ry'Imana.

Icyakora, nitugerageza gusesengura ibikomeye byo muri Bibliya, ubwenge bwacu buzāguka, bujijuke rwose.

Nta cyaboneka cyabasha kūngura ubwenge bw'umuntu nko kwiga Ibyanditswe Byera. Nta kindi gitabo cyera cyirabura cyaboneza gutekereza kwacu no kutwungura ubwenge nka Bibliya. Iyaba abantu bigaga ijambo ry'Imana uko bikwiriye, baba bagira ubwenge bushyitse bw'ikirenga, n'ingeso nziza, bakanāmba no gushikama, batajegajega, nubwo abameze batyo ari mbarwa muri iki gihe.

Ūsoma Ibyanditswe ahubutse ntagira icyo yunguka cyane. Byashoboka ko umuntu yasoma Bibiliya yose ariko ntabone ibyiza byayo, ntafutukirwe ndetse n'ubwiru bwayo bukomeye buyihishwemo. Gusoma umurongo umwe umwe gusa ukawiga ukageza aho uwumva neza, ugashaka icyo uhuriyeho n'inama y'agakiza, ni byo biba birushije gusoma ibice byinshi, udafite icyo ukurikiye, ntugire n'icyo wunguka.

Ujye uhorana na Bibiliya yawe. N'ubona umwanya, jya uyisoma Ugeragerageze ndetse kwibuka amasomo mu mutwe. N'iyo uri mu nzira wabasha gusoma umurongo umwe, ukawitoza no kuwutekereza igihe ugenda, ibyo bigatuma uhinduka nka kamere yawe.

Nta bwo twabona ubwenge tutihatiye kubushaka, dufatanije kwiga no gusenga. Ibyanditswe bimwe kuko byoroshye, nta wananirwa kubyumva, ariko rero hariho ibindi biruhije, bitabasha gusobanukira ubisomye atitonze. Ibyanditswe bimwe bikwiriye kugereranywa n'ibindi byanditswe. Dukwiriye gushakashaka no gutekereza twitonze kandi dutuje. Uwiga atyo azabona inyungu cyane.

Nk'uko umucukuzi w'izahabu abona umūtūtu w'aho iri, akawukurikira akarinda awugeza mu kuzimu, kugeza ubwo ayicukura akayimaramo, ni ko ūshakashaka mu Ijambo ry'Imana ubutunzi buhishwe butabonerwa amajyejuru, akwiriye kugira umwete, akabona ukuri gukomeye rwose, kwari guhishwe amaso y'ūshaka atitonze. Amagambo ahumetswe n'Imana, iyo tuyatekereje cyane mu mitima, ahinduka nk'umugezi utemba, uva mu masōko y'ubugingo, uneteshya imitima yacu.

Kugana Yesu

Nta na rimwe tugomba kwiga Bibiliya tutabanje gusenga. Ni tujya kubumbura impapuro zayo zera tujye tubanza duhombeye amaso imbere y’Imana, tuyisabe kutuyoboresha Umwuka wayo Wera, ngo adufuturire, kandi tuzamuhabwa. Ubwo Natanaeli yasangaga Yesu Umukiza, uwo Murondozi w’imitima yaravuze ati: “Dore Umwisiraeli w’ukuri, udafite uburiganya!” Natanaeli, ati: “Mbese Nyagasani, wammenyeye he?” Yesu aramusubiza ati “Filipo ataraguhamagara, ubwo wari muni y’umutini, nakubonye” **Yohana 1:47, 48.**

Nkanswe, twebweho Yesu azatubonera ahiherereye tumusenga tukamusaba umucyo, kugira ngo tumenye ukuri uko ari kwo. Azatugotesha abamaraika bava mu yandi masi y’umucyo utangaje, Itwoherereze n’Umwuka wayo, atube iruhande.

Umwuka Wera ni we ukuza Umukiza no kumusingiza. Yagenewe umurimo wo kumenyekanisha Kristo, no kugaragaza gukiranuka kwe gushyitse, n’agakiza gakomeye ni we tugakesha. Yesu yaravuze ati “Azenda ku byanjye, abibabwire.” (**Yohana 16:14**). Umwuka w’Ukuri ni we mwigisha wenyine ubasha kwigisha ukuri kuvuye mu ijuru. Imana ikunda abantu bo mu isi yacu bihebuje, ni cyo cyatumye itanga Umwana wayo kubapfira, igatanga n’Umwuka Wera kugira ngo abigishe no kubayobora iteka.

Igice cya 11. Amahirwe yo Gusenga.

Imana ivuganira natwe mu byaremwe n'ibyahishuwe, no mu buryo iturinda, n'uko ituyoboza Umwuka wayo. Ariko ibyo ntibihagije, akarusho kadukwiriye kandi ni ukuyiyegurira tumaramaje. Kugira ngo tubone gushyikira Ubukristo buzima butari ubw'ibytiriro, bushyushye.

Dukwiriye gusabana na Data wa twese wo mu ijuru by'ukuri, bitari urumamo gusa. Burya tubasha kumutekereza, tubasha no kugenzura imirimo ye, n'imbabazi ze, n'imigisha ye yose; ariko rero ibyo si ugushyikirana na we no gusabana na we by'ukuri. Kugira ngo dushyikirane n'Imana dukwiriye kugira icyo tuyibwira cyerekeye ibitubaho bidukikije.

Gusenga ni ukūgururira Imana umutima, nk'uko twashyikirana n'inshuti magara. icyakora, igituma dukwiriye kugenza dutyo si ukugira ngo tumenyeshye Imana uko turi, ahubwo ni ukugira ngo itubashishe kuyakira. Gusenga ntikutumanurira Imana, ahubwo kuyitugezaho.

Yesu akiri mu isi, yigishaga abigishwa be uburyo bwo gusenga. Yabigishaga kujya bikoreza Imana amaganya yabo, uko bukeye n'uko bwije, no kuyitura imiruhu yabo yose, kuko ibitaho. Isezerano ry'irema mutima Yesu yabasezeranije, ry'uko imisabire yabo izūmvirwa, ni ryo yadusezeranije natwe.

Yesu akiri mu isi yasengaga kenshi. Umukiza wacu yihwanije natwe, turi abakene n'abanyantegenke, nuko ahinduka ūtabaza wingingira Se kumwongera intege no kumugaruramo ubuyanja, kugira ngo abashe kwiyumanganya mu byago, abone no kurangiza inshingano ye. Ni we cyitegererezo cyacu mu bintu byose. Asangira natwe intege nke zacu. “Yageragejwe mu buryo bwose nkatwe,” ariko kuko azira icyaha, umutima we wazibukiraga ibibi ughora ubyitarura.

Yihanganiraga amagorwa n'agahinda gasāze ari muri iyi si y'ibyaha. Kuko yenze akamero k'umuntu ni cyo cyatumaga yiyumvamo ko gusenga ari ngombwa, ndetse ko ari amahirwe amuhesha umugisha.

Gushyikirana na Se kwamuzaniraga ihumure n’umunezero bitavugwa. Yemwe, Umukiza w’abantu, ari we Mwana w’Imana, ko yumvaga akwiriye gusenga, nkanswe twebwe abanyantegenke b’abanyabyaha bapfa!

Data wa twese wo mu ijuru, ategereje kudusukaho imigisha ye itagabanije. Ni amahirwe yacu gukundirwa kunywera ku isoko y’urukundo rutagira akagero. Mbega uburyo bibabaje cyane kugira ubute bwo gusenga! Imana yijihijwe no kumva gusenga nyakuri k’umwana wayo wese, naho yaba ari uworoheje hanyuma y’abandi bana bayo bose. Nyamara ubwo bimeze bityo, dukunda gusengana ubunebwe bwinshi tugira ngo tumenyeshye Imana ibyo dukennye.

Abantu batagira shinge na rugero b’abakene n’abatindi, bakunda gushukwa, iyo banze gusenga uragira ngo abamaraika babatekereza bate, kandi Imana irangamiye kubaha ikiruta icyo babasha gusaba ndetse no gutekereza? Abamaraika bo bakunda kuramya Imana bifuzza kuyiba bugufi iteka, ni cyo gituma bishimira gushyikirana na yo, bikabarutira byose.

Nyamara abatuye mu isi bo, ari bo cyane cyane bakwiriye imfashanyo itangwa n’Imana yonyine, basa nk’aho banyuzwe no kubaho bigomwa umucyo w’Umwuka wayo, n’ihirwe ryo gusābāna na yo.

Umwijima w’Umubi ugota abirengagiza gusenga, n’ibyongorero by’ibishuko bye bikabatera gukora ibyaha. Ayo makuba yose bayaterwa n’uko batita ku ihirwe Imana yabagabiye, ari ryo ryo gusenga. Mbese n’iki gituma abahungu n’abakobwa b’Imana bagira ubunebwe bwinshi bwo gusenga, kandi gusenga ari rwo rufunguzo ruri mu ntoke zo kwizera rukingura inzu y’ububiko yo mu ijuru, irimwo ibyadukenura byose, bitangwa n’Ushobora byose?

Ni tudahora dusenga turi maso, tuzaba twishyize mu kaga ko kudebuka no guteshuka inzira itunganye. Umwanzi ahora ashakashaka uko yatuvutsa inzira igana ku ntebe y’ubuntu, agira ngo atugomwe ubutwari

n'imbaraga yo gutsinda ibishuko bibonwa n'ūsenga yizeye kandi abishishikariye.

Hariho impamvu zimwe zatuma twiringira ko Imana izumvira gusenga kwacu. Iya mbere yo muri zo, ni uko twiyumvamo ko dukennye Imana ko idufasha. Yarisezeraniye iti: “Ufite inyota nzamusukaho amazi, n'imigezi ku butaka bwumye.” (**Yesaya 44:3**). Abafite inzara n'inyota byo gukiranuka, bakāhagizwa no gushaka Imana, babasha kumenya badashidikanya yuko bazahazwa. Dukwiriye kūgurura umutima rwose, kuko iyo bitabaye bityo, tutabasha gusukwahocumugisha w'Imana ngo tuwakire.

Ubukene bwacu ni bwo burusha byose kuduahagarikira no kuturengera ku Mana, kuruta uko twakwiregura. Ariko rero tuba dukwiriye kwingingira Imana kubitugirira. Iravuga ati: “Nimusabe kandi muzahabwa.” Paulo na we ati “Itimanye Umwana wayo, ikamutanga ku bwacu twese, izabura ite kuduhera byose kuri We?” **Matayo 7:7; Abaroma 8:32.**

Ni twemera kugundira ibibi mu mitima yacu, tukomatana n'icyaha twiyiziho cyose, Uwiteka nta bwo azatwumvira, nyamara gusenga k'umunyabyaha wizinutswe, kandi wicujije, azakwemera iteka. Ibifutanye byose iyo bifututse, tubasha kwizera yuko Imana yumvira amasengesho yacu. Ineza yacu nta bwo iduhakirwa ku Mana, ahubwo ineza ya Yesu ni yo idukirisha, n'amaraso ye akaba ari yo atuboneza; ariko hariho umurimo dukwiriye gukora mu mitima yacu kugira ngo twemerwe.

Uwo murimo ni ukwizera. “Uwegera Imana akwiriye kwizera yuko iriho, ikagororera abayishaka.” (**Abaheburayo 11:6**). Yesu yabwiye abigishwa be ati “Ibyo musaba byose muhendahenda, mwizere yuko mubihawe kandi muzabibona.” (**Mariko 11:24**). Mbese aho iryo sezerano turaryizera?

Iryo sezerano ridakuka, ntirigira kiroya, kuko uwarisezeraniye ari Uwo kwizerwa. Ni tudahabwa ibyo twasabye tutajuyaje, na none n'igihe

tukibitegererezamo, dukwiriye gukomeza kwizera yuko Uwiteka atwumva, tukizera kandi yuko azasubiza amashengesho yacu. Turi abantu bayobye, kandi bahumye, ni cyo gituma kenshi cyane dusaba ibyatugwa nabi, nuko rero Data wo mu ijuru udukunda, akatwumvira mu buryo tudatekereza, akaduha ibirushijeho kutubera byiza, ari byo tuba twarasabye iyo tugira amaso ahumuwe n’Imana, abasha kubona ibintu byose uko biri koko.

Iyo dutekereje ko amashengesho yacu adashubijwe, dukwiriye kugundira isezerano, kuko igihe cyo gusubizwa kizaza koko, kandi tuzahabwa wa mugisha twarushagaho gukena. Ariko kwibwira yuko amashengesho yacu yose azasubizwa uko dushaka, ibyo ni ukwishuka no kwigerezaho. Imana n’inyabwenge ntiyoba, kandi ineza yayo nyinshi ituma itagira icyiza yima abagenda batunganye rwose. Nuko rero, ntugatinye kuyiringira, nubwo gusenga kwawe kutasubizwa uwo mwanya. Ujye wiringira isezerano ryayo rikomeye ngo: “Musabe, muzahabwa.”

Mayayo 7:7.

Ni tugundira ibitekerezo byo gushidikanya n’ubwoba, tukagerageza no gusobanura ikituyobera cyose, no kumenya impamvu y’amagorwa yose atugeraho, kugira ngo tubone kwizera hanyuma, tuzasanga yuko ibituyobera bizarushaho kugwira cyane, tugahora ku nkēke y’umutima iteka. Ariko ni dusanga Imana, tumaze kumenya ko ubwacu tudafite shinge na rugero, tugaherako tukayibwira ibyo dukennye twicishije bugufi twizera, iyo Mana ifite ubwenge butagerwa, ibona byose, igatwarisha byose Ijambo ryayo uko ishate, izumvira gutaka kwacu rwose, itume umucyo uvira mu mitima yacu.

Gusenga k’ukuri ni kwo kuduha n’umutima w’Isumba byose. Nubwo tutiyumvamo, ntitumenye uwo mwanya ko Umucunguzi wacu aduhengekeye umusaya afite imbabazi n’urukundo, nyamara ni ko biri koko. Ntidushobora kumva uko adukorakora, nyamara rero ukuboko kwe akaturambikanaho urukundo n’impuhwe nyinshi.

Iyo tugiye gusaba Imana imbabazi n’umugisha, tuba dukwiriye kugira umwuka wo kubabarirana no gukundana ubwacu. Mbese nawe,

twabasha dute gusaba dutya tuti: “Tubabarire ibicumuro byacu nk’uko natwe twababarira ababitugiriye,” kandi dufite imitima inangiwe ituma twanga kubabarira bagenzi bacu? Ni dushaka ko amashengesho yacu yumvirwa tuba dukwiriye kubanza kubabarira abandi mu buryo twifuza kubabarirwa n’Imana ubwacu.

Ikindi cya ngombwa cyatuma amashengesho yacu yumvirwa, ni ugusenga tudahwema. Ni dushaka ko kwizera kwacu n’Ubukristo bwacu bikura, bigashyika, tuba dukwiriye kujya dusenga iteka. Dukwiriye “gukomeza gusenga.” (**Abaroma 12:12**). “Mukomeze, mubere maso gusenga, mushima.” (**Abakolosayi 4:2**). Petero yihanangirije abizeye “kudashayisha, kugira ngo babone umwete wo gusenga.” Paulo na we atugira inama, ati: “Ibyo mushaka byose bimenywe n’Imana, mubisabiye, mubyingingiye, mushima.” (**Abafilipi 4:6**).

Na Yuda yaravuze ati: “Ariko mwebweho, bakundwa . . . musengere mu Mwuka Wera, mwirindire mu rukundo rw’Imana.” (**Luka 20, 21**). Gusenga ubudahwema, ni ukwiyunga n’Imana, kugira ngo ubugingo bwayo buhembura butembere mu bwacu bugingo; maze kubonera no kwera bidudubize mu bugingo bwacu, bisubire gutembera ku Mana, bimeze nk’ituro rishimwa.

Dukwiriye gusenga tudahwema, kandi tutagira inkomyi. Mugire umwete wo gusābāna na Yesu, mutagira ikibarogoya. Mushake uburyo bwose bwo guteranira aho basengera. Abihatira gushyikirana n’Imana, ntibazabura kuboneka mu materaniro y’abasenga, bakora ibibakwiriye badasiba, bagira ubwira kandi bashishikariye kwunguka uko bashobora kwose. Bazashima uburyo bwose bubaronkesha umugisha uvuye mu ijuru.

Dukwiriye gusengera hamwe n’abo turi kumwe mu rugo; ariko kuruta byose, dukwiriye kutirengagiza kwihererana n’Imana; kuko ibyo ari byo bugingo bw’umutima. Nta bwo umutima wakunguka twirengagije gusenga. Gusenga hamwe n’abo mu rugo n’abo mu iteraniro ntibihagije na hato. Ureke ijisho ry’Imana risuzume umutima wawe wiherereye, Imana yonyine ni yo yumva gusenga ko mu rwiherero.

Nta gutwi k'umunyamatsiko gukwiriye kumva bene iyo misabire. Umutima w'ūsengera ahiherereye ntugotwa n'ibiwuhuza, ntiwumva urusaku no gusamāra gutewe n'iby'isi. Ushakana Imana ituza kandi ufite umwete mwinshi.

Ujye usengera ahiherereye; kandi ubwo uzajya ukora imirimo yawe iminsi yose, ureke umutima wawe usenge Imana kenshi. Ni ko Henoki yaganzaga ubwo yagendanaga n'Imana. Bene iyo misabire yo mu mutima irazamuka, imeze nk'umubavu utumbagira, ukagira impumuro nziza imbere y'intebe y'Imana. Nta bwo Satani abasha kunesha umuntu unamba atyo ku Mana.

Nta gihe, kandi nta hantu, nta n'ikindi cyose cyatuma tudakwiriye gusengera mu mitima yacu. Nta cyatubuza kwerekeza imitima yacu ku Mana ngo tuyisenge, iyo tubishatse, ari ubwo turi mu ruhame rwa rubanda, cyangwa se tujya inama n'abo dukorana, n'aho twaba turi hose, tubasha gutabaza Imana, tuyiragiza nk'uko Nehemiya yabigenje ubwo yambazaga Umwami Arutazeruzi. Tubasha kwihererana n'Imana aho turi hose. Urugi rw'imitima yacu rukwiriye kuba rukingutse iteka ryose, tukararikira Yesu kutwinjiramo no kutubera umushyitsi uturutse mu ijuru.

Nubwo twaba tuzengurutswe n'abashayisha bafite umwuka mubi wo gukora ibyaha n'ibiteye isoni, nta cyatuma dufatanyana bo tutabishatse. Imitima yacu, iyo tuyegeresheje Imana gusenga by'ukuri, tuba tuyitandukanije byimazeyo n'ibitekerezo by'isoni nke no guheheta bituzenguruka byose. Abafite umutima wo kwiyegurira Imana bamaramaje ngo abe ari Yo ibarengera, bazahora batandukanye n'ab'isi mu ngeso zabo, ku mpamvu z'uko bazaba bashyikirana n'Imana itagira icyo ipfana n'icyaha.

Icyo dukennye cyane ni ukumenyana na Yesu by'ukuri, no gusobanukirwa n'igikundiro cy'ibizaramba iteka. Ni cyo gituma dukwiriye gushimikira kwiyunga n'Imana no kuyisaba kudukuhishurira ibyiza by'igihugu cyo mu ijuru.

Reka Imana ireshye umutima wawe, ubone gukundirwa guhumeka umwuka wo mu ijuru Ni bwo tuzashobora kwomatana n’Imana rwose, maze ni twadukwaho n’amakuba, ibitekerezo byacu bizayerekeraho, nk’uko mbese uburabyo bubogamira aho izuba rirasira.

Ubukene bwawe, n’umunezero wawe, n’imibabaro yawe, n’amaganya yawe, ndetse n’ibigutera ubwoba, byose ubyikoreze Imana yawe. Ntubasha kuyiremereza cyangwa kuyigondoza, kuko idashenguka.

Ibara umusatsi wo ku mutwe wawe, ntiyirengagiza imibabaro y’abana bayo “Uwiteka afite imbabazi nyinshi no kubabarira.” (**Yakobo 5:11**). Umutima we w’urukundo ubabazwa n’agahinda kacu kose. Umushyire ibikubabaza byose biguhoza ku nkēke. Nta kiyiremerera kuko iramira amasi igatwara ibyaremwe byose. Ikibasha kuduhesha amahoro cyose nubwo cyaba gito gite, ntiyagikerensa.

Nta kitubaho itazi; kandi nta cyatuziga Imana itabasha kutuziguraho. Nta cyago cyatera umwana wayo na gito, nta mvune y’agahinda kamushengura, nta n’isengesho ryava mu kanwa ke, Data wo mu ijuru atabizi ngo abure kubwitaho uwo mwanya. “Akiza abafite imitima imenetse apfuka inguma z’imibabaro yabo.” (**Zaburi 147:3**). Imana yita ku muntu wese nk’aho ari nta w’undi mu isi yose ubaho, yatangiye Umwana wayo w’ikinege.

Yesu yaravuze ati: “Musabe mu izina ryanjye, kandi simbabwira ko nzabasabira Data, kuko na Data ubwe abakunda.” (**Yohana 16; 26, 27**). Nabatoranije . . . kugira ngo ibyo muzasaba Data byose mu izina ryanjye, abibahe.” (**Yohana 15:16**). Ariko rero gusaba mu izina rya Yesu si ugupfa kuvuga izina rye mu itangira no mu irangiza ryo gusenga. Ahubwo ni ugusengana wa mutima wari muri Yesu, dutekereza nka we, twizera amasezerano ye, twiringira ubuntu bwe, tugakora nk’uko yakoraga.

Imana ntishaka ko twikingiranira kure y’abantu, kugira ngo tubone guhora dusenga iteka. Ahubwo ishaka ko tugera ikirenge mu cya Yesu, n’aho twaba turi hose, ari ku gasozi cyangwa muri rubanda. Utagira

Kugana Yesu

ikindi akora rwose keretse guhora asenga gusa, ntabura kurambirwa, akabireka, n'iyoy atabiretse kandi, amasengesho ye ahinduka amagambo asubiranamo y'amahomvu. Ubwo abantu bikura mu bandi, bahunga umurimo Umwami Yesu yabizeyeho gukora, banga no kwikorera umusaraba we, bakarorera gukorerana Umwami umwete, wagiraga umwete wo kubakorera, ubwo ni bwo babura impamvu zatuma basenga, ntibabe bakigira ikibakundisha gusaba.

N'iyoy basabye, imisabire yabo iba iyoy kwikanyiza no kwisabira gusa. Ntibazi gusabira abandi cyangwa se ngo basabire ubwami bwa Kristo kugira ngo bwogere, cyangwa ngo bambaze imbaraga yo kumukorera mu buryo bumushimisha.

Iyoy twirengagije amahirwe yo gufataniriza hamwe n'abandi gukomezanya no gusubizanya mo intege turi mu buhake bw'Imana, tuba twigomwe. Amahame yo mu Ijambo ry'Imana ntaba akitunogera, bigatuma dutangira kuyakerensa. Ndetse imitima yacu igatangira kurindagirira mu mwijima w'icuraburindi, Ubukristo bwacu bugakomwa mu nkokora. Hariho Abakristo benshi bivutsa umugisha mwinshi babitewe n'uko biganyira ubwabo, ntibite ku bandi.

Uwikubira atyoy ntaba ashohoje inshingano Imana imwizeyeho gukora. Burya kwimenyereza kuzirikana abandi bidutera kubakunda, ndetse natwe ubwacu bikatwungura, bikadutera umutima wo gukorera Imana.

Iyaba Abakristo bajyaga bateranira hamwe, bakaganira urukundo rw'Imana, n'iby'agakiza by'igikundiyo, imitima yabo yahembuka, na byoy bikabatera kwiyungayungana. Ni tujya twunguka ibya Data wo mu ijuru uko bukeye n'uko bwije, tukaronka n'imigisha ye tudasanganywe, ni ho tuzashaka kuganira urukundo rwe; ni ho kandi imitima yacu izashyuha igakomezwa. Iyaba twibwiraga tukaganira ibya Yesu, tukarushaho kwiyibagirwa, ni bwo twasābāna na we kurutaho.

Iyaba twasobanukirwaga yuko imigisha n'amahirwe dufite byoye, tubikesha Imana, tukamenya ko ari ibimenyetso by'ineza yatugiriye, ntabwo twasiba kuyitekereza, ngo duhweme kwishimira kuyitekerereza

abandi no kuyisingiza. Igituma tunganira iby’isi ni uko tubikunda, n’inshuti zacu igituma tuziganira n’uko tuzikunda, zikaba ari zo dusangira ibitunezeza, n’ibidutera ishavu. None rero, ko dufite impamvu zirutaho cyane zatuma dukunda Imana kuyirutisha inshuti zacu zo muri iyi si, ntituba dukwiriye kujya tumenyera kuyishyira imbere ya byose no kuba ari yo tunganirira abandi kuruta ibindi byose?

Ibintu yatugabiye byose ntiyabiduhereye kugira ngo bidutware umutima wose, ngo tubure icyo tuyiha, ahubwo bikwiriye kujya biyitwibutsa, bikayitwegereshesha imirunga y’urukundo n’ishimwe. Ariko twebweho dukunda kwifatanya n’iyi si. Ngaho twubure amaso, turebe mu muryango w’urusengero rwo mu ijuru, aho umucyo w’ubwiza bw’Imana uvira mu maso ha Kristo, “ubasha gukiza rwose abegerezwa Imana na we.” **Abaheburayo 7:25.**

Dukwiriye kujya turushaho gushimira Imana “kugira neza kwayo, n’imirimo itangaza yakoreye abana b’abantu.” (**Zaburi 107:8**). Amasengesho yacu ntakwiriye kuba ayo kwisabira guhabwa gusa. Twe kugumya kwiganyira no gutekereza ibyo twishakiye iteka, ngo twirengagize ineza twagiriwe. Ifuti ryacu si ugusenga kuruta uko bikwiriye, ahubwo ni uko dukunda kwirengagiza gushima. Duhora tugirirwa ubuntu n’Imana, nyamara tukayishima urumamo, ntituyihimbarize ibyo yadukoreye byose.

Kera Uwiteka yabwiye Abisiraeli ati: “Azabe ari ho mujya, mubone kurira imbere y’Uwiteka Imana yanyu, azabe ari ho mwishimana n’abo mu ngo zanyu ibyiza byose byabavuye mu maboko Uwiteka Imana yanyu ikabibaheramwo umugisha.” (**Gutegeka 12:7**). icyo dukorera Imana cyose dukwiriye kugikorana umutima unezerewe, turirimba indirimbo zo kuyihimbaza no kuyishima, turetse imitima y’urutebwe no kugononwa.

Imana yacu igira ibambe, ni Umubyeyi w’umunyampuhwe Ntidukwiriye kuyikorera umutima ubabaye ucogoza abandi. Ahubwo dukwiriye kujya dusenga Uwiteka twishima, tunejejwe no kumukorera. Imana ntishaka ko abana bayo yaringanirije agakiza gahebuje, bayikorera,

nk'aho ari Imana y'inkazi itagira imbabazi. Ni yo nshuti yabo y'amagara; kandi iyo bayisenga, irabamanukira, ikabahira ikabahumuriza, igasābya imitima yabo umunezero n'urukundo. Umwami ashaka ko abantu be babonera ihumure mu buhake bwe, no kubona ibibanezeza kuruta ibibababaza bamukorera. Ashaka ko abahora bamusenga batāhana umutima uguwe neza, ngo babone gukomerezwa mu mirimo yabo yose, bakitonda bagatungana mu bintu byose

Dukwiriye guteranira hamwe ku musaraba wa Yesu. Dukwiriye kurangamira Kristo, n'iby'ibambwa rye tukabiganira, tukabitekereza. Dukwiriye kureka ibyo bitunogera no kudushimisha kuruta byose. Umugisha wose yaduhaye n'ineza yatugiriye, abe ari byo duhozaho umutima iteka.

Kubw'urukundo rwayo rutarondoreka rutangaje, dukwiriye kwegurira ibyacu byose ukuboko k'Uwo watubambiwe ku musaraba i Gologota. Ibitekerezo by'Umwana w'Imana wese biyegerezwa n'umutima wo kuyisingiza yishima. Imana ihora isengeshwa indirimbo no gucurangirwa mu bikari byo mu ijuru, na twe iyo tuyishimye tuba tugize isano no gusenga kw'ingabo zo mu ijuru.

Imana yabwiye Dawidi iti: “Untambira ishimwe wese aba anshimisha.” **(Zaburi 50:23)**. Nuko rero, tujye imbere y'Uwaturemye dufite umunezero n'icyubahiro “n'ibyishimo n'ijwi rimusingiza.” **Yesaya 51:3**.

Igice cya 12. Uko Gushidikanya Kwagenzwa.

Hariho benshi, cyane cyane abagitangira Ubukristo, bahagarikwa imitima rimwe na rimwe no gushidikanya. Hariho ibintu byinshi byo muri Bibiliya bitabasobanukira, ibyo rero, Satani akabikoreshesha kubaminjagiramo igitekerezo cy'uko Ibyanditswe bitahumetswe n'Imana, bakabaza bati: “Inzira y'ukuri nayibwirwa n'iki? Niba Bibiliya ari yo Jambo ry'Imana koko, ni iki cyambātūra muri ibi bitekerezo byo gushidikanya no kujugira binsābye mu mutima?”

Nta bwo Imana yatubwira yuko dukwiriye kwizera, itabanje kuduha ibihamya bihagije byo gusegura kwizera kwacu. Ibyo uko Imana iriho, n'uko Ijambo ryayo ari ukuri, byose bishingiye ku bihamya byinshi bidahakanwa. Nyamara rero nta bwo Imana itubuza gushidikanya. icyakora, kwizera kwacu gukwiriye gushyigikirwa n'ibigaragara, bitari ibyo twivugira. Abashaka gushidikanya ntibazabura uburyo; nyamara kandi, abashaka kumenya ukuri ntibazabura ibihamya byinshi byo gushyigikira kwizera kwabo.

Icyakora ntibishoboka ko abafite ubwenge bugerwa basobanukirwa na hato n'amayoberane y'Ubumana Bwera. Ndetse n'umunyabwenge w'umuhanga bwahe ntiyarondora iby'Uwo Wera, uzahora azengurutse n'ibitangaza biyoberana iteka. “Mbese wibwira ko ubasha kugenzura icyo Imana itekereza? Uragira ngo ubasha kumenya rwose ubwenge bw'Usumba byose? Bureshya n'ijuru uburebure, wabigenza ute? Busumba ikuzimu kw'abapfuye; wabubwirwa n'iki?” **Yobu 11:7,8**

Intumwa Paulo yarumiwe ni ko gutangara ati: “Mbega uburebure bw'ikijyepfo bw'ubwenge no kumenya by'Imana! Inama zayo nta wazisobanura, n'inzira zayo nta wazirōndōra.” (**Abaroma 11:33**). “Nuwo ibicu n'umwijima biyigota, gukiranuka no kutabāra ni imfatiro z'intebe yayo.” (**Zaburi 97:2**). icyakora, nubwo ubwenge bwacu butabasha kumva iby'Imana keretse bike cyane, tubasha gushishoza urukundo n'ubuntu n'ububasha byayo bitagira akagero, tubimenyeshejwe n'uburyo itugenzerereza. Imana yaduhaye kumenya imigambi ya Yo iduhagije: ibirenze ibyo dukwiriye kubishyira mu maboko y'Imana akomeye, tukayiringira, kuko ari yo Nyir'ububasha n'urukundo bihebuje.

Ijambo ry'Imana na ryo, rihwanye na Nyiraryo, kubera yuko ririmo amayoberane atabasha gusobanukira abantu bapfa batandukanye n'Imana. Uburyo ibyaha byadutse mu isi, n'uko Kristo yigize umuntu, n'ibyo kubyarwa ubwa kabiri, n'ibyo kuzuka, nibindi byinshi nk'ibyo byo muri Bibiliya, byabaye amayobera asumba ubwenge bw'abantu. Uretse kubisobanura, no kubyumva ntibabyumva. Ariko rero, ibyo ntibyatumata tutizera ijambo ry'Imana, tubitewe n'uko tutabasha kumva

Kugana Yesu

amayoberane Imana yaduhishe. Muri iyi si yacu ndetse, dukikijwe n'ibiyoberana tutabasha kurondora. Dore n'udusimba dutoya cyane turi hanyuma y'ibindi tutazirikanwa, kumenya impamvu zatwo byananiye abanyabwenge b'abahanga. N'aho tujya hose hari ibitangaza bisumba ubwenge bwacu tutabasha gusobanura. None se ko bimeze bityo ku bigaragarira amaso, twatangara dusanze yuko no mu by'umwuka harimo amayoberane tutabasha kurōndōra?

Amendeze yo kutabisobanukirwa ni ubwenge bwacu budashyitse. Mu Byanditswe Byera ni mwo hari ibihanya bihagije byo kutugaragariza ko aho byakomotse, ari kuri Yo ubwayo. Nuko rero, kuko bibaye bityo, ntituba dukwiriye gushidikanishwa iryo jambo ryayo n'uko tutabasha kurōndōra cyangwa se kumva bisobanutse iby'amayoberane yaryo byose.

Intumwa Petero avuga ko mu Byanditswe “harimo bimwe biruhije kumenywa, ibyo abaswa badakomeye bagoreka . . . bakizanza kurimbuka.” (2 Petero 3:16). Abatizera b'abahakanyi bagerageza kugayisha Bibiliya ibiyoberana byanditswemo; ari byo kandi bigaragaza cyane ko yahūmetswe n'Imana! Iyaba Bibiliya yatubwiraga iby'Imana, byarondorwa natwe, tukabyumva uwo mwanya bitaturuhije, ububasha n'icyubahiro byayo bikarondozwa ubwenge buke bw'abantu, noneho Bibiliya ntiyaba ifite ibimenyetso bitayoberana bya Nyirayo.

Ibyanditswe bikomeye bitarondoreka, ni byo cyane cyane bikwiriye kudutēra kwizera ko Bibliya ari ryo Jambo ry'Imana koko. Bibiliya itugaragariza ukuri icyo ari cyo mu buryo butaruhije, buhura rwose n'iby'umutima w'umuntu ukennye. Bibiliya yatangaje abanyabwenge buhebuje, kandi n'umuswa na we ntanarirwa gushishozamwo inzira y'agakiza. Nyamara, ukwo kuri kose uko kwavuzwe mu buryo butaruhije bwumvikanira umuntu wese, kwigisha ibikomeye cyane, bisumba ibyo umuntu abasha kumva, bituma tubyemezwa gusa n'uko ari Imana yabivuze.

Nuko rero, muri ubwo buryo, Imana yaduhishuriye inama y'agakiza, bigatuma umuntu wese amenya intambwe akwiriye gutera, kugira ngo yerekere ku Mana, akabona kurokoka nk'uko Imana imwifuriza.

Nyamara, nubwo ukuri kwo muri Bibiliya kutarushya ushaka kukumva, hariho amayoberane ayanditswemo arenze ubwenge bushakashaka. Icyakora, bene ayo mayoberane nubwo aturindagiza, akatugeza mu rujijo, ni yo atera ushakashaka ukuri abikuye ku mutima, kūbaha Bibiliya no kuyizera kurutaho. Uko arushaho kwihatira gushakashaka muri Bibiliya, ni ko arushaho kwēmezwa ko ari yo Jambo ry'Imana ihoraho, nuko ubwenge bwe bwicisha bugufi imbere y'icyubahiro cy'Imana byahishuriwe mu Ijambo ryayo.

Kugana Yesu

Iyo twemeye ko tutabasha gutahura rwose ukuri kwose ko muri Bibiliya, tuba twemeye kandi yuko ubwenge bwacu buke butabasha gusobanukirwa n'ibitagira akagero; kandi yuko umuntu ufite ubwenge bugerwa atabasha kumenya impamvu z'imigambi y'Imana Nyir'ubwenge bwose.

Abatizera b'abahakanyi bamwe bakerensa ijamba ry'Imana, kuko batabasha gusobanukirwa n'amayoberane aririmo yose; ndetse n'abavuga ko bizera Bibiliya, bwose ntibaragera aho batsinda ako kaga ko kuyisebya gaterwa n'ubujiji. Intumwa Paulo yaravuze ati: “Mwirinde, bene Data, hatagira uwo muri mwe ugira umutima mubi utizera, ukamutera kwimura Imana ihoraho.” (**Abaheburayo 3:12**).

Ni byiza gushakashaka twitonze ibyo Bibiliya yigisha byose no gusesengura ibitamenyekana by'Imana (**1 Abakorinto 2:10**), “ari byo bihishurirwa mu Byanditswe Byera.” Kandi n'ubwo “ibihishwe ari iby'Uwiteka Imana yacu, ibyahishuwe ni ibyacu n'urubyaro rwacu iteka.” (**Gutegeka 29:29**). Umurimo wa Satani ni uwo kwonona imbaraga z'ubwenge bushakashaka. Abantu bigana Bibiliya ubwenge bwirarira, bakunda kubabara no kugubwa nabi iyo batsinzwe, batakibashije gusobanura Ibyanditswe byose uko bashaka. Bibatera isoni rwose kwibona ko batumva ibyanditswe Byera, bigatuma batabasha kwihangana kugeza aho Imana yemera kubahishurira ukuri.

Bibwira ko ubwenge bwabo buhagije, ngo ntibwananirwa no gusobanukirwa na Bibiliya, maze rero kutabyumva kwabo kukabatera guhakana ko yahumetswe n'Imana. Hariho imyigishirize yigishwa n'amadini, rubanda bakunda kwibwira ko ikomoka muri Bibiliya, nyamara itagira ihuriro, ihabanye n'amahame yo mu Byanditswe Byera rwose. Ibyo byatumye benshi bashoberwa bagahagarika umutima no gushidikanya. Ariko rero ibyo ntitwabiherereza ku Ijamba ry'Imana, ngo ni ryo rigoranye, ahubwo twabiherereza ku bantu barigoretse.

Iyaba byashobokeraga abantu kurondora iby'Imana rwose, maze rero, bamara gushyikira urwo rugero, ntibabe bakigira ibindi bashigaje kwongera kumenya, n'umutima ntiwaba ukigira ikindi ukennye. Imana ntiyaba ikibasumbye; n'abantu na bo kuko baba bashyikiriye ubwenge buheranije butyo, ntibaba bagishobora kunguka ukundi. Dushimire Imana kuko atari ko biri. Iby'Imana ntibigira iherezo. “Muri yo ni ho ubutunzi bwose bw'ubwenge no kumenya bwahishwe.” (**Abakolosayi 2:3**). Ni cyo gituma abantu bashobora gushakashaka iteka, bakajya bunguka iteka, nyamara ntibamare ubutunzi bw'ubwenge bw'Imana.

Imana ishaka kujya ihishurira abayo ukuri kw'Ijamba ryayo kwose. icyakora, hariho uburyo bumwe rukumbi bwadushyikiriza ubwo bwenge. Dushobora

Kugana Yesu

gushyikira ubwenge butwumvisha Ijambo ry’Imana, iyo tujjuwe na wa Mwuka Wera waritanze. “Nta muntu umenya iby’Imana, keretse Umwuka w’Imana, kuko Umwuka arondora byose, n’ibitamenyekana by’Imana.” **(1 Abakorinto 2:11, 10).**

Yesu yasezeraniye abigishwa be ati: “Uwo Mwuka w’ukuri naza, azabayobora mu by’ukuri byose . . . kuko azenda ku byanjye, akabibabwira.” **(Yohana 16:13, 14).**

Imana yifuriza abantu ubwenge bujijutse. Nta gihwanye no kwiga Bibiliya kungura umuntu ubwenge no kumujijura. icyakora dukwiriye kwitondera kutirata ubwenge bwacu, ngo twibwire ko tutabasha gufudika, nitwibuke kandi yuk’ubwenge bwacu bwaheneberejwe na kamere yacu yononekaye. Ni dushaka ko ubwenge bwacu butarindagira, ngo tutumva ibyanditswe, dukwiriye kwicisha bugufi tukabwirizwa nk’umwana muto, tugatabaza Umwuka Wera kudasobanurira. Iyo tumaze gusobanukirwa n’uburyo ubwenge n’ububasha by’Imana bitagerwa, tukamenya n’uburyo twebweho ari nta cyo turi cyo, ni ho twabumbura Ijambo ryayo twigengesereye, tukitonda nk’uko mbese twakwitonda tuyihagaze imbere. Iyo dufashe Bibiliya yera, tuba dukwiriye kwiyoroshya rwose, tukunamira Imana Nyir’ububasha, ngo tugengwe na Yo.

Hariho ibintu byinshi byo muri Bibliya twibwira ko biruhije bitadusobanukira. Bene ibyo Imana izabisobanurira abagira umwete wo kubyumva, ariko ni tutayoborwa n’Umwuka Wera, tuzahora mu kaga ko kugoreka Ibyanditswe cyangwa kubisobanura uko bitari. Hariho uburyo bwinshi bwo gusoma Bibiliya butatwungura na hato, ndetse kenshi cyane bukaduhindukira umuvumo. Iyo tubumburanye ijambo ry’Imana icyubahiro gike, tutabanje gusenga; n’iyo tuterekeje imitima yacu ku Mana by’ukuri, cyangwa se iyo tunyujije ukubiri n’ibyo ishaka, ubwenge bwarindagizwa no gushidikanya; ndetse uko twarushaho kwiga Bibliya bene ako kageni, ni na ko twarushaho kutanyurwa na yo, tukageza aho tuyihakana rwose.

Bibaye bityo, muri ako kanya umwanzi aherako akadutwara umutima, akatwitegekera, akadutera guteta ku kizadukoraho. Iteka ryose abantu batihatira gushyira hamwe n’Imana, ngo bayikurikize bamaramaje mu byo bakora no mu byo bavuga, nubwo baba barize ubwahe, baba bishyize mu kaga ko kuyoba no kutumva Ibyanditswe Byera. Bene abo bantu dukwiriye kubirinda cyane, twe gutega amakiriro ku buryo basobanura Bibiliya. Abasomera Bibiliya kuyishakamo ibitumvikana ntibahabwa Umwuka wo kubibasobanurira. Kuko baba bihumye amaso, ntibabasha kurabukwa amahame y’ingenzi, nubwo yaba agaragara rwose ataruhije ate.

Kugana Yesu

Nubwo abahakanyi n’abashidikanya batanga impamvu nyinshi bishingikirizaho ubuhakanyi bwabo, ubigenzuye witonze, wasanga yuko kenshi cyane impamvu nyakuri, ari iy’uko bagundira ibyaha bakabikunda. Uwirarira kandi ufite umutima ukunda ibyaha, ntazanezewa n’ibyo Bibiliya yigisha bimubuza ibibi, kandi abanga gukora ibyo Bibiliya yigisha, ni bo cyane cyane bahakana inkomoko yayo.

Ni dushaka kumenya ukuri icyo ari cyo, tuba dukwiriye kukurangamira tubishishikariye, tukagira n’umutima woroshye wemera kukwumvira. Abigana Bibiliya umutima umeze utyo bazabonamo impamvu nyinshi zihamya uburyo ari Ijambo ry’Imana by’ukuri, byongeye kandi bazashobora kwiyoungura ubwenge bw’ukuri kwayo buzabageza ku gakiza.

Kristo yaravuze ati: “Umuntu nashaka gukora ibyo Data akunda, azamenya ibyo nigisha, ko byavuye ku Mana.” (**Yohana 7:17**). Mu cyimbo cyo guhakana no kujya impaka z’ibyo utumva, jya wita no gukomeza ibyo wumva, kuko ari bwo uzongerwa ibindi. Nukomeza ibyagusobanukiye neza ukabyitaho rwose, ubiheshwa n’imbabazi za Yesu, hanyuma azakubashisha kumva no gukomeza bya bindi byaguteraga gushidikanya.

Hari n’ikindi gihamya gishobokera bese, ari abaciye akenge cyangwa abaswa. Icyo gihamya cyitwa kugerageza. Imana iturarikira kugerageza ubwacu ngo turebe ko Ijambo ryayo ari ryo kuri koko, n’uko amasezerano aryanditswemo na yo ari ay’ukuri. Iratubwira iti: “Nimusogongere, mumenye yuko Uwiteka agira neza.” (**Zaburi 34:8**). Aho gutega amakiriro ku byavuzwe n’undi muntu wese, dukwiriye kwisogongerera ubwacu. Iravuga iti: “Musabe, muzahabwa.” (**Yohana 16:24**). Iryo sezerano ryayo ntirikuka, na none kandi, nta cyayibuza kurisohoza. Nuko rero, uko turushaho kwegera Yesu, tukishimira mu rukundo rwe ruhebuje, ni na ko gushidikanya kwacu n’umwijima utugose, bizarushaho gutamururwa n’umucyo usāba abamwegera bese.

Intumwa Paulo yavuze ko Imana “yadukijije ubutware bw’umwijima, idukuramo, itujyana mu bwami bw’Umwana wayo.” (**Abakolosayi 1:13**). Kandi uvuye mu rupfu akajya mu bugingo, abasha “gushyirwaho ikimenyetso cya Yo kimenyeshya yuko Imana ari inyakuri.” (**Yohana 3:33**). Abasha guhamya ati: “Nabuze ikimfasha, maze nkibonera muri Yesu. Icyo nari nkennye cyose narakibonye. Yesu yamaze gusonza kwo mu mutima wanjye, nuko noneho Bibiliya yambereye ikimpishurira Yesu Kristo. Mumbaze impamvu nizera Yesu? Ni uko yambereye Umukiza wavuye mu ijuru. Ni iki gituma nizera Bibiliya? N’uko nasanze ari ijwi ry’Imana rivugira mu mutima wanjye.” Na twe tubasha guhamya dutya ubwacu, tumenya neza tudashidikanya ko Bibiliya ari ukuri n’uko Kristo ari Umwana

Kugana Yesu

w’Imana koko. Ni bwo tuzaba tumenye yuko tudakurikije imigani yahimbwe n’ubwenge bw’abantu.

Petero yihanangirije abo bizera kimwe “gukurira mu buntu bw’Imana no kumenya Yesu Kristo Umwami wacu n’Umukiza.” (2 **Petero 3:18**). Abantu b’Imana iyo bakurira mu buntu, ni bwo bajya barushaho kwumva ijambo ryayo mu buryo busobanutse. Ni bwo kandi bajya basohoza undi mucyo urabagirana umurikira ukuri kwayo. Uko ni ko byagenze mu bihe byose by’itorero bishize, kandi ni ko bizakomeza kumera kugeza ku mperuka. “Inzira y’umukiranutsi imeze nk’umucyo w’umuseke urushaho kwaka kugeza ku manywa y’ihangu.” **Imigani 4:18**.

Kubwo kwizera tubasha kurabukwa ibizaba, tugasingira isezerano Imana yadusezeranije ry’uko izungura ubwenge bwacu ngo butubashishe kwiyunga no gusābāna na Yo, twongere gusubizwa ishusho yayo yaturemanye mbere. Ubwo ni bwo tuzashobora kwishimira yuko ibyaduhagaritse umutima n’ibiturushya byose bizaba biduhishurirwa, n’ibitunanira tutumva bizaba bisobanurwa; kandi ibyayoberaga ubwenge bwacu buke bizadufutukira rwose, “kuko none turebera mu ndorerwamo ibirorirori, ariko icyo gihe tuzareba nk’abarebana mu maso. None menyaho igice, ariko icyo gihe nzamenya rwose nk’uko namenywe rwose.” **1 Abakorinto 13:12**.

Igice cya 13. Kwishimira mu Mwami.

Imana iteze ko abana bayo basohoza inshingano yabo, ari yo yo kumenyekanisha Yesu ngo babe mu cyimbo cye, bagaragaze ineza y'Umwami n'imbabazi ze. Nk'uko Yesu yaduhishuriye imico ya Se ni na ko natwe dukwiriye guhishurira Kristo ab'isi batazi urukundo rwe n'impuhwe Yesu yaravuze ati: "Data, uko wantumye mu isi nanjye ni ko nabatumye mu isi." "Jyewe mbe muri bo, nawe ube muri jye . . . ngo ab'isi bamenye ko ari wowe wantumye." **Yohana 17:18, 23.**

Intumwa Paulo yabwiye abigishwa ba Yesu iti "Rwose muri urwandiko rwa Kristo, urwo abantu bose bamenya bagasoma." (**2 Abakorinto 3:2,3**). Umwana w'Imana wese, Yesu yamugize urwandiko atuma ku b'isi. Niba uri umwigishwa wa Kristo, uba uhindutse urwandiko yandikiye bene wanyu, n'abo mu kirorero cyanyu, n'abo ku musozi wanyu. Yesu uba muri wowe, akaba ashaka kukubwiririsha imitima y'abatamuzi.

Nubwo baba batazi gusoma Bibiliya, ngo bumve ijwi ry'Imana rivugana na bo, ariko rero wehoho, niba uri mu kigwi cya Kristo by'ukuri, ntibabura kurabukwa bike by'ineza n'urukundo rwe, babimenyeshejwe n'imibereho yawe, ndetse ahari byageza aho biyegurira Yesu burundu babitewe n'icyitegererezo cyawe bareberaho.

Abakristo bashyiriweho kuba abatwaramucyo bamurikira inzira igana mu ijuru. Bakwiriye kumurikishiriza ab'isi umucyo Kristo yabaviriye. Ukubaho kwabo n'imico yabo ikwiriye kuba iyo gutuma abandi bamenya Yesu n'ubuhake bwe uko biri koko.

Ni tuba mu kigwi cya Kristo by'ukuri, tuzatuma ubuhake bwe bushimwa nk'uko bikwiriye kuba biri koko. Abakristo bahorana ishavu no kuganya, bivovota no kwirubana, baba babera abandi icyitegererezo kibi kigayisha Imana n'ubugingo bwa Gikristo. Bene abo ni bo batera abandi gutekereza ko Imana idakunda ko abana bayo banezerwa, nuko bagahindukira Data wo mu ijuru abagabo b'ibinyoma.

Satani yitera hejuru, akavuzza impundu rwose iyo abashije gutuma abana b'Imana bacogora, ngo bareke kwizera bagakuka imitima. Yishimira cyane iyo abonye tutakiringira Imana, tukayikeka ko idashaka kudukiza, ndetse ko itabibashije. Anezerwa cyane iyo abashije gutuma twibwira ko Uwiteka yibasiye kutugirira nabi. Umurimo Satani amaranira gukora kuruta ibindi ndetse ni ukudutera kwibwira ko Uwiteka ari umunyamwaga w'ubukana bwinshi, utagira imbabazi n'impuhwe. Ibiyihamya by'ukuri arabigoreka, agatera imitima y'abantu gukeka

Kugana Yesu

Imana ho ibinyoma; ibyo bigatuma badohoka bitotomba batukisha inzira y'ukuri, aho kunamba ku Mana no kuyiyegurira burundu. Satani ahora agerageza kurushya abagendera mu nzira y'Ubukristo ngo bakuke imitima. Amaranira gutera Abakristo kwibwira ko gukorera Yesu ari ugushebeka birenze urugero.

Hariho benshi, bagendera mu nzira y'ubugingo, bahoza agatima ku mafuti yabo n'ibinanirana n'akababaro kabaho, maze ibyo bigatuma imitima yabo isābwa n'agahinda bagacika intege bagacogora. Ubwo nari ndi i Bulayi, hariho mwene Data umwe wari umeze atyo, akuka umutima rwose; nuko anyandikira, ashaka ko murema agatima. Ijoro rikurikiye umunsi nabonye urwandiko rwe, ndota ndi mu murima, ndi kumwe na mwene Data uwo, nuko nyir'uwo murima atuyobora mu tuyira twawo. Nacaga uburabyo bumwe bumwe, nezezwa n'impumuro yabwo.

Mwene Data uwo twagendanaga, aherako arantakira, anyereka amahwa yamukingirije inzira, amuhanda, yivovota no kurira. Aho gukurikira utuyobora mu kayira; yateshutse inzira, nuko agwa mu mahwa no mu bisura. Ati: “Ni ishyano, ubonye ngo aya mahwa n'ibisura bibe muri uyu murima mwiza!” Uwatuyoboraga ati: “Reka amahwa arahanda, n'ibisura bikababana, ahubwo utore uburabyo bw'igikundiro.”

Mbese aho wa musomyi we nta byiza binezeza wigeze ugira? Mbese nta mahirwe wigeze ubona yatumye umutima wawe ushyika mu nda? Iyo urebye inyuma mu myaka ihise, mbese nta by'igikundiro binezeza byakubayeho? Mbese amasezerano y'Imana ntakumereye nk'uburabyo buhumura neza, bumera mu nzira yawe hose? Mbese ntiwareka ubwiza bwayo no kunogera kwayo bikuzuzwa umutima wawe umunezero?

Amahwa n'ibisura ntibigira ikindi bikora keretse guhanda no kubabaza kandi niba ari byo urangamira gutora gusa, ukabiha abandi, uretse kugayisha ineza y'Imana mbese ntiwaba warabujije n'abandi bagukikije kugenda mu nzira y'ubugingo?

Si byiza guteraniriza hamwe ibibabaza byose byababayeho mu bihe bishize. Ibyaha byawe n'ibihe wahemuwemo, we kujya ubiganira no kubiganya, ngo ugeze aho ucika intege rwose. Umutima ucitse intege uba wuzuyemo umwijima ubuza umucyo w'Imana kuwinjiramo, ugatera n'igicucu mu nzira y'abandi

Mu cyimbo cyo kumera utyo, ahubwo ujye uhimbariza Imana ibintu byiza yadushyize imbere. Tujye duteraniriza hamwe amasezerano y'urukundo rwayo. tubone kuyahozaho umutima iteka. Tekereza nawe uburyo Umwana w'Imana yemeye guhara ubwiza butarondoreka yahoranye mu ijuru, ngo aze muri iyi mburagasani y'isi, kuturokora mu minwa ya Satani, tekereza nawe uburyo

Kugana Yesu

yadutsindiye imbaraga y'urukongi rw'ibyaha, akabona kudukingurira amarembo y'ijuru.

Yesu yadukuye mu kuzimu k'urupfu, adushyira mu nzira izatugeza mu bwami bwe butazahanguka, aho urupfu n'ibibabaza bizahunga. Mbese hari icyadushimisha kuruta ibyo? Niba ari nta kindi ngaho ba ari byo utekereza abe ari nabyo urangamira!

Iyo dushidikaniye ko Imana idukunda, tugatangira kutizera amasezerano yayo, tuba tuyigayishije tukababaza n'Umwuka wayo wera. Mbese umubyeyi wabona abana be bahora bamugaya, bakamwinuba nk'aho abifuriza nabi, kandi ahora agira uko ashobora kose kubagirira neza no kubaha ibibanezeza, uragira ngo yamera ate?

Mbese bashidikanya ko abakunda, ntibyamumena umutima? N'undi mubyeyi wese wagirirwa atyo n'abana be yamera ate? None se Data wo mu ijuru we, uragira ngo adutekereza ate iyo tutizeye urukundo rwe, ari rwo kandi rwatumye ahara Umwana We w'ikinege kugira ngo tubone kubaho? Intumwa Paulo yaranditse ati “ubwo Itimanye Umwana wayo, ikamutanga ku bwacu twese izabura ite kuduhera byose kuri we?” (**Abaroma 8:32**). Nyamara, ni bangaha bagaragariza mu byo bakora, yuko batizera iryo sezerano? Bakibwira mu mitima yabo bati: “Ibyo Umwami ntabinyifuriza Ahari akunda abandi, ariko jyeweho ntankunda.”

Bene ibyo bitekerezo byica umutima wawe, kuko ijambo ryose ryo gushidikanya uvuga aba ari ukwihamagarira Satani kugushukashuka, byongeye kandi ibyo bituma urushaho gushidikanya no guheza abamaraika bagukorera, bakakwitarura bakivumbura, Satani na we akakwoshya. Ntukongore kuvuga ijambo na rimwe ryo gushidikanya kuko iyo ubikoze, uba umuciriye icyanzu, akuzuzwa umutima wawe ibigutera kutizera no kugoma. Nutitegeka ngo wibuze kuvuga uko wumva umeze, igitekerezo cyo gushidikanya cyose uzavuga uretse kukugwa nabi ubwawe, kizahinduka akabuto kamera mu mitima y'abandi kabazanira umuvumo ndetse kugeza aho byakunanira kubuza ishyano ryazanywe n'amagambo yawe.

Icyakora, wenda wabasha gukira imitego ya Satani ubwawe nubwo yakugejeje kure kubi, ariko abandi bo bagushijwe n'amagambo yawe wabaroshyemo, ntibabona uko bakira ishyano wabagushijeho. Mbega uburyo dukwiriye kwigengesera mu byo tunganiriza abandi bitazagiraa ingaruka ibavutsa ubugmgo bw'iteka!

Abamaraika bahora bagutegera amatwi, bumva uko uvuga Umutware wawe wo mu ijuru, uri imbere y'ab'isi. Ureke Yesu abe ari we uganiriza abandi. Nufata inshuti

Kugana Yesu

ukuboko, mureke ishimwe ry’Imana ribe mu kanwa kanyu no mu mitima yanyu. Ibyo bizerekeza ibitekerezo bye kuri Yesu.

Nta utagira amagorwa; cyangwa ishavu rishengura, n’ibishuko biruhije itsinda. Ariko rero, aho kubiganyira bagenzi bawe bahwanyije nawe kugira intege nke, uje ubyikoreza Imana yawe usenga. Wishyireho itegeko ryo kutagira ubwo uvuga ijamba na rimwe uritewe no gushidikanya cyangwa gucogora. Hariho byinshi wabasha gukora byakomeza abandi no kubarema agatima kubwo kuganira na bo amagambo y’iremamutima n’ineza.

Hariho n’abantu benshi barwana n’ibibagerageza, benda kudohoka barwanya kwitsinda, barwana n’imbaraga z’Umubi. Ntukagire ubwo ukura umutima w’umeze atyo, ngo umutsinde ku gasi. Ahubwo umukomereshye amagambo y’iremamutima, amubizamwo akabaraga, ngo akomeze urugendo atwaye ubugabo. Muri ubwo buryo mubasha gutuma umucyo wa Kristo ubaviramo. Kenshi cyane abandi babasha gukomezwa natwe bakongerwa imbaraga, baturebeyeho tutabizi; cyangwa se babasha gukuka umutima bakava kuri Kristo bakayobagurika, kubw’icyitegererezo cyacu, “kuko ari nta ubaho kubwe.”

Abaroma 14:7.

Hariho benshi bagira ibitekerezo bifutanye, bibwira ko Yesu yanenaga abantu bamwe, ngo ntiyakundaga gufatanya n’abandi, ngo ntiyasekaga, bakavuga ko yari umunyamwaga uhorana igitsure, utanezerwa. Ubukristo bw’abantu benshi bwarahindanijwe bene ako kangeni.

Benshi bavuga ko Yesu yariraga, ntagire ubwo amwenyura. icyakora koko, Umukiza wacu yabaye umunyamubabaro, amenyera intimba, abitewe n’uko yikoreye amakuba n’amahano yacu yose. Ariko rero n’ubwo yigomwaga atyo, ntiyabigaragazaga. Ntiyahoranaga agahanga gakambije, ngo yirirwe arira aboroga. Umutima we wari isoko y’ubugingo; kandi aho yajyaga hose yagendanaga ituza n’amahoro, n’umunezero no kwishima.

Umukiza wacu yaritondaga rwose akamaramaza muri byose. Ariko rero nta bwo yigeze yiyunamira aganya yiyumvira. Abamwigana by’ukuri bitonze bamaramaje nka We, ntibabura gusohoza inshingano bashinzwe. Nta bihwahwa bigendana na bo, ngo haboneke urusaku. Kutitonda kubacibwamo, nta rusaku rw’abakwena bavuga ibiteye isoni n’amahomvu; nta gucyocyorana n’amashyengo y’isoni nke bibangikana n’abigana Yesu by’ukuri, kuko idini ye izanira abayo amahoro atagira impinduka atemba nk’uruzi. Ntizimya umucyo w’umunezero, kandi ntigabanura kwishima. Ntitera igicucu amaso y’unezerwa umwenyura. Kristo ntiyazanywe no

Kugana Yesu

gukorerwa, ahubwo yazanywe no gukorera abandi; kandi urukundo rwe ni rusaba mu mitima yacu by'ukuri tuzagera ikirenge mu cye.

Ni duhoza imitima yacu ku bibi abandi batugiriye baturenganya, tuzasanga ko bitadushobokera kubakunda mu buryo Kristo yadukunze; ariko rero ni tujya dutekereza iby'urukundo rutangaje rwa Kristo, n'imbabazi ze yatugiriye, uwo mutima we tuzawugirira abandi. Dukwiriye gukundana no kubahana, nubwo habaho ibintu bidatunganye tutabura kubona mu bandi. Dukwiriye kwihatira kwicisha bugufi no kutigira shyashya tukihanganira ibicumuro by'abandi Ibyo ni byo bizatumaramo ingeso zoze zo kwikanyiza bikadutera guhinduka abantu b'ubuntu bazirikana abandi. Umunyezaburi yaravuze ati "Wiringire Uwiteka ukore ibyiza." **Zaburi 37:1.**

Umunsi wose wiharira imibabaro yawo, n'amaganya yawo n'ibihagarika umutima byawo, kandi iyo tubonanye, ibyo dukunda kuganira cyane cyane ni ibitubabaza n'ibidukomereye. Uburyo duhererekanya agahinda n'ibyago, dukeka ibiduteye ubwoba byinshi, tukavuga ibibi byose bitugose, ni byo byatuma abatwumva bibwira ko nta Mukiza mwiza udukunda dufite, uteze kumva ibyo tumusaba byose, ngo atubere ubuhungiro butabura kuboneka mu byago no mu makuba.

Hariho bamwe bahorana ubwoba, bagakabya amakuba. Nubwo bagotwa n'ibimenyetso byinshi by'urukundo rw'Imana iteka, bakaba batunzwe n'iyi bakesha byose, nyamara birengagiza ayo mahirwe babona urudaca bakabikerenshesha guhora batekereza ibintu bibabaza, bagatinya ko bizababaho, cyangwa se gutubura akaraho gato, kakabahuma amaso rwose, maze ntibabone ibindi byinshi by'inkoramutima Imana yabagabiye. Ibiruhije bajya babona, aho kubatera gusanga Imana Nyir'imbaraga, bibatandukanya na yo, kuko babihagarikira imitima no kubyivovotera, aho kubiyikoreza.

Mbese aho kutizera dutyo biradukwiriye? Duterwa n'iki kuba indashima no kujya tutiringira Uwadupfiriye? Yesu ni we nshuti yacu by'ukuri, n'abera bo mu ijuru bose baduhanze amaso batwifuriza ibyiza. Kuko bibaye bityo ntidukwiriye kwemera ko ibiturushya n'imibabaro itubaho biduhagarika umutima no kudukambya agahanga, kuko ni tubikora, tuzahorana ibiturakaza bitubabaza. Ntidukwiriye kujya tugira igishyika cyonzereza amagara yacu ubusa kitadufasha gutsinda ibyago.

Wenda umutima wawe uhagarikwa n'iby'imirimo yawe, n'ibikuri imbere bikarushaho kuba umwaku, ndetse ukaba mu kaga ko gupfusha ibyawo, Nubwo byamera bite ntukwiriye gukuka umutima no gucogora. Byose ubiganyire Imana,

Kugana Yesu

wireme agatima, maze ukomere unezerwe. Usabe ubwenge bwo gukora umurimo wawe witonze, kugira ngo udapfusha ibyawewe. Kora uko ushobora kwose kwihombōra, ntugahweme. Yesu yasezeranye ko azagufasha, n’ukora urwawe ruhare. Numara kwiragiza Umufasha wacu, ugakora uko ushoboye kose, ibizakubaho hanyuma byose, nubwo byamera bite, uzabyemera utinubye.

Imana ntishaka ko abantu bayo bicwa n’imibabaro, ariko rero Umwami wacu ntadushuka ngo atubwire ati: “Humura, nta kaga uzabonera mu nzira yawe.” Azi ko hari imibabaro n’amakuba bigera ku muntu wese, ni cyo gituma abitwerurira neza. Ntashaka gukura abantu be muri iyi si y’ibyaha n’ibyago ahubwo abereka ubuhungiro bahungiramo. Yasabiye abigishwa be ati: “Sinsaba ko Ubakura mu isi, ahubwo ubarinde Umubi, Arongera ati “Mu isi muhorana umubabaro ariko nimuhumure, nanesheje isi.” **Yohana 17:15; 16:33.**

Ubwo Kristo yigishirizaga ku musozi yigishije abigishwa be ibyigisho by’ingenzi byerekeye uburyo dukwiriye kwiringira Imana. Ibyo byigisho bye yabigeneye gukomeza abana b’Imana mu bihe byose, ni cyo gituma bitugeraho natwe muri iki gihe cyacu, byuzuyemo ibiduhana n’ibidukomeza n’ibiduhumuriza. Umukiza yigishishije abigishwa be inyoni zo mu kirere abibutsa uburyo zijwigira zihimbaza, zitababazwa n’imitima ihagaze kuko nubwo zitabiba, ntizisarure, ariko rero Data wa twese ukomeye arazigaburira.

Ni cyo gituma Umukiza atubaza ati: “Mwebwe ntimuziruta cyane?” (**Matayo 6:26**). Imana ni Umutunzi ukomeye utunga abantu n’inyamaswa, apfumbatura igipfunsi cye, akagaburira ibyo yaremye byose. Inyoni zo mu kirere ntazikerensa ngo azirengagize, nkanswe twebwe abo yaremye mu ishusho Ye ubwe! icyakora, ntazitamika ibizitunga, ariko ahora abiziringaniriza. Ni zo zigomba kwitorera imbuto yazinyanyagirije hose. Ni zo zigomba kwishakira ibyo zarikisha ibyari byazo. Kandi zo zigomba kugaburira abana bazo. Zijya gukora zijwigira kuko “So wo mu ijuru azigaburira.” Noneho “mwebweho ntimuziruta cyane?” Mbese wehoho ufite ubwenge, uzi gusengera mu mutima, nturuta cyane inyoni zo mu kirere? Mbese Nyir’ubugingo bwacu, Umurinzi wacu, Uwaturemye mu ishusho ye yera, ntazaduha ibidutunga biduhagije tumwizēye?

Kristo yigishirije abigishwa be ku burabyo bwo ku gasozi, bukunda kumera cyane bukarabagiraniha ubwiza bwabwo Data wo mu ijuru yabuhaye, bugaragariza abantu ko abakunda akabazirikana. Ati: “Mutekereze uburabyo bwo ku gasozi uko bumera, n’uko bugira ubwiza burusha ubwa Salomo.” Twebwe abantu nubwo twahirimbana ubwahe, ntitwarema imyambaro igira ubwiza bugira isano n’ubw’uburabyo bwimejeje Imana yaremye. Ni cyo gituma Yesu atubaza ati:

Kugana Yesu

“Imana ubwo yambika ubwatsi bwo ku gasozi ityo, buriho none n’ejo bakabujugunya mu muriro, ntizarushaho kubambika, mwa bafite kwizera guke mwe?” (**Matayo 6:28,30**). Niba Imana yo mu ijuru iha uburabyo bushira mu munsu umwe amabara meza rwose ameze atyo, ntizarushaho cyane kwita ku bo yaremye mu ishusho ya Yo? icyo cyigisho cya Kristo gihana ufite umutima w’igishyika uhagaritswe no kutizera.

Uwiteka yifuriza abahungu be n’abakobwa be bose, amahoro n’umunzere. Yesu yaravuze ati: “Amahoro yanjye ndayabahaye. Kandi simbaha nk’uko ab’isi batanga. Imutima yanyu ntihagarare, kandi ntitinye. Ibyo mbibabwiriye kugira ngo umunzere wanyu ube mwinshi.” **Yohana 14:27; 15:11**.

Umunzere tumaranira gushyikira iyo tubitewe no kwikunda no kwinezeza gusa, ntukomera; urajegajega, ukayoyoka rwose; n’iyo ugumyeho, umutima usigaramwo irungu n’agahinda; ariko rero mu buhake bw’Imana hari umunzere no kugubwa neza. Imana ntihana Umukristo nyakuri, ngo anyure mu nzira iyoberanye imutera kumirwa no gushoberwa. Nubwo twabura ibinzereza byo muri ubu bugingo, twabasha kwishimira kurutaho turangamiye ibinezeza bizaramba tuzaronka mu bugingo buzaza.

Ariko rero, muri iyi si yacu na ho, Abakristo bashobora kunzereza, no gusabana na Kristo; babasha no guhorana umucyo w’urukundo rwe, no guhumurizwa iteka n’uko ababa bugufi. Intambwe yose dutera ibasha kutwegereza Yesu kurushaho, ikaduha kumenyera urukundo rwe kurushaho, no kutwegereza iwacu h’amahoro n’ihirwe. Nuko rero, twe gukuka imutima, ahubwo dukomere kuruta kera kose. “Uwiteka yaratuzahuye, kugeza n’ubu.” (**1 Samweli 7:12**). Kandi azakomeza kutuzahura kugeza ku mperuka.

Turebere ku bimenyetso Umwami yaduhaye bitwibutsa ibyo yadukoreye mu bihe byashize, ngo adukomeze no kudukiza ukuboko kwa kimbuzi. Tujye twibuka iteka imbabazi n’impuhwe Imana yatugiriye, n’amarira yaduhanaguye, n’imibabaro yadukijije, n’agahinda n’ubwoba n’ubukene yatumaze n’imigisha yaduhaye. Ibyo byose tubikuremo intandaro yo gushikama no gukomera kubw’ibituri imbere byose, kugeza mu iherezo ry’urugendo rwacu.

Nubwo tuzi ko tuzaterwa n’ibindi byago, turwana intambara yo kwizera, dukwiriye gusubiza amaso inyuma twibuka uburyo yatugendereye tukavuga tuti “Uwiteka yaratuzahuye kugeza ubu.” “Uko iminsi yawe ingana ni ko intege zawe zizangana.” (**Gutegeka 33:25**). Ntizagukundira kugeragezwa ibiruta ibyo

Kugana Yesu

ushobora. Nuko rero, kuko bibaye bityo, nimutyo dukorane umwete ibyo yaduhaye gukora, twizeye yuko uko bizaba kwose, tuzahabwa imbaraga ihagije yo gutsinda.

Hanyuma amarembo yo mu ijuru ni yugururirwa abana b’Imana, tuzumva umugisha uvuye mu kanwa k’Umwami w’ubwiza, ugwe mu matwi yacu nk’ibicurangwa byiza ati: “Nimuze abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe uhereye ku kuremwa kw’isi.” **Matayo 25:34.**

Ubwo ni bwo abakijijwe bazakirwa ngo bibanire na Yesu muri ya mazu yagiye kubategurira. Muri icyo gihugu ntibazabana n’ab’inkozi z’ibibi n’ab’isoni nke, n’abanyabinyoma, n’abasenga ibishushanyo, n’abahehesi n’abatizera; ahubwo bazabana n’abatsinze Satani burundu, bafite imico iboneye rwose. Amarere y’ibibi n’igishinja cyose kidatunganye, ndetse n’inenge yose ibangiza ubu, byose bizaba bibakuwemo kubw’amaraso ya Yesu, bisimbuzwe ubwiza butarondoreka butigeze gutekerezwa n’abantu bapfa, burabagirana ndetse kurusha izuba. Bazahagarara imbere y’intebe y’Imana yera, batagifite inege, basangire icyubahiro n’amahirwe n’abamaraika.

Kubwa gakondo itangaje umuntu wese abasha kubona, “yatanga iki gucungura ubugingo bwe?” (**Matayo 16:26**). Yenda yaba ari umukene, ariko ubutunzi n’icyubahiro yabikiwe, ab’isi ntibabasha kubitanga. Umutima ukijijwe ibyaha, ukeye kandi uboneye, ukorerana Imana imbaraga zawo nziza zose, ufite igiciro kiruta byose; kandi mu ijuru haba umunēzēro mwinshi imbere y’Imana n’abamaraika bera iyo umuntu umwe akijijwe, n’umunezero ugaragazwa no kuririmba indirimbo zera zo kunesha.

